# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

No. 5172 NYAKANGA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw Ikiguzi 1000 Frw




AMAKURU

Urugendo rw'umunyemari Denis Karera mu rugamba rwo kubohora Igihugu no kwiyubaka kwacyo



4

AMAKURU

Kwibohora 32: Abanyamakuru b'ubu bareke kuganzwa n'inyota y'amafaranga ituma bagoreka ukuri - Mweusi Karake wayoboya Radio Muhabura



9

AMAKURU

Kwibohora 32: Kinyinya hatashywe ibyumba by'amashuri 15 by'asaga miliyoni 400 Frw



21

SIPORO

Basketball: U Rwanda rwasezerewe mu mikino yo gushaka itike y'Igikombe cy'Isi



39

# Kwibohora ntibizigera birangira - Perezida Kagame



**Perezida Paul Kagame yashimangiye ko kwibohora kw'Abanyarwanda bitazigera birangira**

**ZIGAMA Theoneste**

*Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame yashimangiye ko gukora ibikorwa byo kwibohora bitazigera bihagara ahubwo bizakomeza kujyanishwa n'igihe, asaba Abanyarwanda gukomeza kunga ubumwe birinda amacakuburi baharanira kwiteza imbere. Ni ubutumwa yatanze kuri uyu wa Gatandutu tariki ya 4 Nyakanga 2026, umunsi u*

KOMEZA KU RUP.3

## Rusizi: Dr Vincent Biruta yashyikirije abaturage ubwato bwa miliyoni 20 Frw

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Abaturage 1 408 bo ku kirwa cya Gihaya, Umurenge wa Gihundwe, Akarere ka Rusizi n'abandi 1 153 batuye ikirwa cya Kirehe, Umurenge wa Macuba, Akarere ka Nyamasheke bishimiye kwizihiza isabukuru y'imyaka 32 yo Kwibohora bashyikirizwa ubwato bubiri bufite agaciro ka miliyoni 20 z'amafaranga y'u Rwanda bworoshya ubuhahirane.***

Ni ubwato baguriwe na Polisi y'u Rwanda bashyikirijwe na Minisitiri w'Ubutekano w'Imbere mu Gihugu Dr. Biruta Vincent, kuri uyu wa Gatandatu tariki ya 4 Nyakanga 2026, mu gihe Abanyarwanda n'inshuti z'u Rwanda bifatanya kwizihiza 'kwibohora' ku nshuro ya 32.

Buri bwato muri ubu bubiri bufite ubushobozi bwo gutwara abantu 60 n'imizigo ya toni n'ibilo 200, aba baturage babuhawe bakaba bavuga ko bari bamaze igihe kinini bagorwa no kwambuka baharirana n'abari ku bindi birwa cyangwa imusozi.

Ruganintwali Benjamin wo ku Kirwa cya Gihaya, ati: "Bugiye kutuvana mu bwigunge twarimo. Ntitwabashaga guhahirana n'abaturanyi bacu bo ku Nkombo no mu Mujyi wa Rusizi. Kwambuka ujya gushakishayo imirimo, kwivuza cyangwa abana bajya kwiga, kwari ukwirwanaho ugashaka ufite akato gato k'ingashya kakwambutsa na bwo bigoranye. Nta buryo buzwi bwo gutwara abantu n'ibintu

KOMEZA KU RUP.3


airtel
Umunsi Mwiza wo Kwibohora
Twunamiye ibihumbi by'abatanze ubuzima bwabo ngo igihugu cyacu gisagambe. Ntituzigera twibagirwa ubutwari bwabo, igitambo cyabo, mu nzira yo kwibohora.
#Kwibohora32

# Kwibohora ntibizigera birangira - Perezida Kagame

IBIKURIKIRA URUP.1

***Rwanda rwizihiza isabukuru y'imyaka 32 rwibohoye.***

Perezida Kagame yashimiye abari mu ngabo za RPA Inkotanyi zabohoye Igihugu, ubutwari n'ubwitange bagize byahinduye amateka y'u Rwanda. Yavuze ko nubwo benshi muri bo batagize amahirwe yo kubaho, ariko ibyo bahariye bigaragara mu Rwanda

Umukuru w'Igihugu yavuze ko kandi ko u Rwanda rwabayeho mu myaka myinshi yo guheza no kwimika amacakubiri, ashimangira ko intego y'urugamba rwo kwibohora kwari ugusubiza Abanyarwanda ibyo bari barambuwe birimo kubaho mu cyubahiro kandi bafite agaciro. Yashimangiye ko ibyo bitekerezo bibi byasubiza Abanyarwanda muri ayo mateka bitazimye burundu. Ati: "Biracyariho mu buryo butandukanye kandi biracyagaragara hirya no hino mu Karere kacu". Yunzemo ati: "Twabonye byinshi kandi twarababaye bihagije ku buryo tudashobora gufata ibi bitekerezo nk'ikintu cyoroshye".

Yakomeje avuga ko umutekano n'imiyoborere myiza ari umusingi w'ibyo Abanyarwanda bagezeho byose kandi uzakomeza gusigasirwa. Ati: "Umutekano wo kubaho kwacu ntabwo tuwushakira gushimwa n'abahandi. Tudafite umutekano nta kindi cyashoboka. Ni yo mpamvu dukomeje kuba maso kandi tugahagarara ku byo twemera".

Yashimangiye ko ibyabaye mu Rwanda mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bitazongera. Ati: "Ntibizongera ku mpamvu imwe yumvikana. Ntabwo tuzabyemera".

Yibukije ko u Rwanda rufite urubyiruko rumaze gukura, rutigeze ruba muri ayo mateka mabi u Rwanda rwanyuzemo, ashimangira ko rugomba kumva ko nta wundi ufite inshingano ku Rwanda kurusha Abanyarwanda ubwabo. Ati: "Hari abashobora kubishyigikira, hari n'abo tutemeranya ku bintu bimwe na bimwe cyangwa se batumva neza icyo dushaka. Gusa icyo tuzi ni uko amaherezo bose bashobora kugutera umugongo igihe babishakiye".

Yunzemo ati: "Twe nta yandi mahitamo dufite, aho tuvuga ko buri Munyarwanda wese ashobora kubaho mu mahoro no gutera imbere mu gihugu cye. Ni yo mpamvu kwibohora, ntibizigera birangira ahubwo bizakomeza kujyana n'igihe kandi bigaragarire mu mbaraga dushyira mu kuzamura imibereho y'abaturage bacu".

Yashimangiye ko ahazaza heza, Abanyarwanda bakwiriye hari imbere yabo. Ati: "Nidukomeza kubaka ubumwe tukirinda amacakubiri ayo ari yo yose tugashyira imbaraga mu byo twubaka dufatanyije nta kizatunanira".

Umukuru w'Igihugu yashimangiye ko ibyo Abanyarwanda bagezeho mu myaka 32 ishize byivugira abasaba gukomeza muri iyo nzira bahisemo.

# Rusizi: Dr Vincent Biruta yashyikirije abaturage ubwato bwa miliyoni 20 Frw

IBIKURIKIRA URUP.1

twagiraga."

Avuga ko uku kutagira uburyo buzwi bwo gutwara abantu n'ibintu byabahejeje mu bukene igihe kirekire, kuko bituma nk'urubyiruko rufite imbaraga rubacika rukigendera, n'ugize icyo ageraho akajya gushakishiriza ahandi.

Nyirandamutsa Valentine na we utuye kuri iki kirwa, avuga ko ikibazo gikomeye cyane ubu bwato buje gukemura ari icy'ubuzima kuko na we ari mu bagore benshi bagiye babyarira mu ngo cyangwa mu mayira kubera kubura uburyo bwo kugera kwa muganga.

Avuga ko kubera kubura uburyo bwo kwivuza buhagije kuri iki kirwa kuko n'ivuriro ry'ibanze bafite hari ubwo ryaburaga abaganga bigatuma bivuriza ku bigo nderabuzima bya Rusizi ya Mbere mu Murenge wa Mururu, ku Kigo Nderabuzima cya Nkombo cyangwa icya Shagasha byose bisaba kuhagera unyuze mu mazi. Ati: "Hari ubwo nabyariye mu rugo nabuze ubwato bunyambutsa ngo ngere kwa muganga . Namerewe nabi cyane. Iyo tugira ubwato bwiza bwa moteri nk'ubu nari kubyarira neza kwa muganga."

Niyonsaba Jean wo ku kirwa cya Kirehe mu Karere ka Nyamasheke na we ati: "Ubu bwato ni impano ikomeye duhawe na Perezida Kagame tugomba kubyaza umusaruro ufatika w'ubukungu. Abana ntibazongera kubura uko bajya kwiga hakurya, ngo urujya n'uruza rukomwe mu nkora nk'uko byari bimeze ubu. Burabikemuye."

Uretse ubwato bwatanzwe, Minisitiri Dr. Biruta yashyikirije inkunga ya miliyoni 5 z'amafaranga y'u Rwanda urubyiruko 23 rwavuye Iwawa rukibumbira muri Koperative Icyerekezo ikorera mu Murenge wa Mururu.




**Abaturage bo ku kirwa cya Gihaya n'kirwa cya Kirehe bishimiye kwizihiza isabukuru y'imyaka 32 yo Kwibohora bashyikirizwa ubwato bubiri**

Ndikumana Yves wo mu rubyiruko rwavuye Iwawa na we yashimiye Perezida Paul Kagame n'inzego z'umutekano zabageneye inkunga yo guteza imbere umushinga wabo w'ubworozi bw'ingurube. Ati: "Aya mafaranga tugiye kuguramo izindi ngurube 10 n'ibiryo byazo, tunagure imirima duhinge kuko ifumbire ihagije tuzaba tuyifite, twiteze imbere bifatika, tube abahamya b'impinduka."

Minisitiri Dr. Vincent Biruta yavuze ko ubufatanye bw'Ingabo, Polisi, Inzego z'ibanze n'abaturage bwagize uruhare rukomeye mu gukemura ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage n'iterambere muri rusange.

Yavuze ko uretse ubwo bwato bwaguzwe n'inkunga yahawe urubyiruko, muri rusange ubwo bufatanye bwatumye abaturage basaga 28 500 bavurwa, hubakwa inzu 80 z'abatishoboye zinashyirwamo ibyo kurya n'ibikoresho by'ibanze.

Agaruka ku bwato, yagize ati: "Buzabafasha koroshya ingendo z'abanyeshuri, kongera umutekano mu bwikorezi bwo mu mazi no guteza imbere ibikorwa by'imibereho myiza n'ubukungu bw'abaturage bushingiye ku kiyaga cya Kivu."

Min. Dr Vincent Biruta yavuze ko ibikorwa nk 'ibi ari ngarukamwaka asaba ababikorerwa kubifata neza no kubibyaza umusaruro ugaragara kuko ari byo bigaragaza kwibohora nyako.

# Urugendo rw'umunyemari Denis Karera mu rugamba rwo kubohora Igihugu no kwiyubaka kwacyo




Denis Karera yavuze ku rugendo mu gihe cy'Urugamba rwo kubohora Igihugu



Denis Karera ni Umuyobozi w'Inama y'Ubucuruzi y'Afurika y'Iburasirazuba

KAYITARE Jean Paul

***Umunyemari Dennis Karera yavukiye muri Uganda, umuryango we wageze muri icyo gihugu uvuye mu Karere ka Kayonza kuri ubu ni mu Ntara y'Uburasirazuba. Umuryango wa Karera wisanze mu buhungiro kimwe n'abandi banyarwanda birukanwe mu gihugu mu mwaka wa 1959 bazira ko ari Abatutsi.***

Mu kiganiro yagiranye na Imvaho Nshya, Umunyemari Karera yasobanuye urugendo rwe mu rugamba rwo kubohora Igihugu, avuga ku nshingano yahawe nka Perefe wa Perefegitura ya Gisenyi, yanabaye umuyobozi wungirije wa Polisi y'u Rwanda, ubu agira uruhare runini mu kwiyubaka kw'igihugu ndetse ni n'Umuyobozi w'Inama y'Ubucuruzi y'Afurika y'Uburasirazuba. Dore bicye mu byo yasangije Imvaho Nshya.

Imvaho Nshya: Wari umwe mu bahoze ari Ingabo za RPA-Inkotanyi mu rugamba rwo kubohora u Rwanda rwari rurangajwe imbere na Nyakubahwa Perezida Paul Kagame, ni iki wavuga muri make kuri urwo rugamba rwo kubohora Igihugu?

Dennis Karera: Urugendo rwo kubohora Igihugu cyacu ni urugendo rwiza, abantu benshi baruganira mu buryo butandukanye ariko ikintu cya mbere na mbere umuntu yakwishimira ni uko ari urugendo rwaduhesheje igihugu. Nta gihugu twagiraga kuva aho twavukiye, hari harakozwe byinshi bitandukanye mu Muryango w'Abibumbye n'ahandi kugira ngo tugaruke mu gihugu cyacu byaranze. Rero urugendo twatangiye rwo kubohora Igihugu cyacu, rwari urugendo rwiza nubwo rwari rufite ingorane zarwo kandi urugendo nk'urwo nta na hamwe wakeka ko ingorane zitabamo, ibikomeye bitabamo, ibivunanye bitabamo ariko ni ko bigenda.

Iyo nta kikuvunnye mu rugendo rwose hari ubwo na bwo utagira inyungu ukura mu kintu, gukunda ibintu byoroshye gutya bikizana biba bigoye cyane ko twebwe hari n'abadukumiraga kugira ngo dukomeze kuba impunzi, dukomeze kutagira igihugu babifitemo ubushake, bafite ababibafashamo benshi cyane b'abanyamahanga. Kuba tunicaye ahangaha mu gihugu cyacu, tuganirira iwacu, tuganira mu rurimi rwacu, [...] amajyambere ageze mu gihugu cyacu, ni ibintu bitabura gushimisha uwo ari we wese.

Rero nshima Imana ko yandinze na bagenzi banjye tukaba tukiri kumwe kandi nkanashimira na bagenzi bacu bamennye amaraso yabo kubera iki gihugu cyacu. Ibyo twatangiye urugamba tubizi ko hari bamwe bazamena amaraso ariko iyo ugiye kurwanira ikintu nk'icyo cyo kubona igihugu cyawe, uba ubizi neza ngo hari abazahagera n'abatazahagera, ariko intego izagerwaho byanze bikunze, rero ndishimira ko iyo ntego dufatanyije n'Umuryango RPF-Inkotanyi, tuyobowe na Perezida wacu wari Umuyobozi Mukuru w'Ingabo, namushima cyane kuko [...] iyo tutamugira urugendo twari turimo rwari kutubera ingorabahizi.

Yatubereye umuyobozi w'intangarugero, yatuyoboye neza kandi kuyobora urugamba ntabwo ari ibintu biba byoroshye, abo uyobora ni abantu kandi abantu bagira ingorane zitandukanye, ubushobozi butandukanye tukagira n'abatunanizaga nkashimira ko yatuyoboye neza, intego uko yari imeze tukayigeraho, tukabona igihugu aho turi iwacu tukaba turi mu rugendo rwo kwiyubaka. [...] tujye dushima Inkotanyi pe! ntacyo tutakoze kugira ngo iki gihugu kiboneke.

Imvaho Nshya: Iki gihugu kimaze kubohorwa, Umukuru w'Igihugu yabahaye inshingano zitandukanye zirimo no gutangiza Polisi y'Igihugu, watubwira muri make kuri izo nshingano mwahawe?

Dennis Karera: Inshingano zanjye ntabwo zari zihariye kuko twahawe inshingano turi benshi ariko hari ikintu kimwe Umukuru w'Igihugu yari yaradutoje n'abantu ku giti cyabo batandukanye bakabyiyumvamo: kumva ko inshingano uhawe ari inshingano utagomba gukora iby'igice cyangwa kutuzuza inshingano uko bigomba.

Inshingano nahawe hari harimo kuyobora Perefegitura ya Gisenyi, icyo gihe yari nini cyane ngira ngo yari amakomini 14 bisaba kuyagendamo yose, bisaba kugarura ubuyobozi, bisaba gufungura ibintu byose byari byarazimye. Rero nazikoze nkuko ngomba kuzikora nzuzuza neza nkuko bigomba. [...] Inshingano nahawe nazikoranye ubwitange, nta bihembo twari dutegereje, twakoraga nk'abikorera, ibyo byadusabaga kugira ngo umuntu ashyiremo imbaraga zishoboka zose.

Imvaho Nshya: Imishinga minini wakoze kandi n'ubu ukomeje gukora, wadusobanurira aho ukomora imbaraga zo kuyikora?

Dennis Karera: Aho nkura imbaraga zo gukora imishinga minini, nahera ku kintu kinini kandi cy'ingenzi; abahanga bavuga ko ubuyobozi ari bwo gisubizo cya buri kintu; haba mu iterambere, haba mu kugira icyerekezo gisobanutse, haba mu gucyaha imikorere mibi, mu gushinga imikorere myiza, ubuyobozi bwiza na buri cyose. Kugira ubuyobozi bwiza ntako bisa. Njyewe ahanini cyane nishimira kandi nkunda ubuyobozi bw'igihugu cyacu cyane mpereye ku Mukuru w'Igihugu cyacu, mpereye uko yatuyoboye mbere n'uko atuyobora ubu n'imbaraga aduha buri munsi [...] twebwe nk'abikorera abitubwira buri munsi ati: nyabuneka ntimugakore utuntu duke ngo mushimishwe n'utwongutwo ngo mugume aho, nimugire icyerekezo kinini, nimukore ibintu binini bifatika, ibyo biva mu buyobozi bukwiye.

# Ikoranabuhanga mu kwihutisha itangwa rya serivisi z'ubucamanza n'ubutabera – Ikiganiro cyihariye na Rt. Hon. Mukantaganzwa




**Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga Rt Hon Muntaganzwa Domitilla yagaragaje urugendo rwo kwiyubaka mu butabera bw'u Rwanda**

ZIGAMA Theoneste

***Mu myaka 32 ishize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ihagaritswe, urwego rw'Ubutabera mu Rwanda rwanyuze mu mpinduka zikomeye zaruvanye ku nzego zari zarasenyutse rugera ku rwego rwo gukoresha ikoranabuhanga mu itangwa rya serivisi.***

Intambwe nshya iri imbere ni ugukoresha ikoranabuhanga ry'ubwenge buhangano (Artificial Intelligence-AI), rizafasha kwihutisha isesengura ry'amadosiye, kugabanya igihe imanza zimara no kurushaho kunoza imitangire y'ubutabera.

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubutamanza, Rt. Hon. Domitilla Mukantaganzwa, avuga ko uru rugendo rugamije gutuma ubutabera burushaho kugera ku muturage mu buryo bwihuse, buboneye kandi bujyanye n'iterambere ry'Isi.

Mu kiganiro cyihariye yagiranye na 'Imvaho Nshya', Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Rt. Hon. Domitilla Mukantaganzwa, yavuze ko mu myaka ishize u Rwanda rwashyize imbaraga nyinshi mu kubaka urwego rw'ubutabera rushingiye ku mategeko, ku bushobozi bw'abarukoramo ndetse no mu ikoranabuhanga. Icyakora, ahamya ko urugendo rutararangira kuko igihugu kiri kwitegura gukoresha ubwenge buhangano mu bikorwa bya buri munsi by'inkiko.

Yagize ati: "Ni ho tugana. Sisitemu dukoresha yabanje kuvugururwa ihuzwa n'igihe kuko idakoreshwa n'inkiko gusa. Ni na yo ikoreshwa n'Ubushinjacyaha, Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB) ndetse n'abahesha b'inkiko. Twese dukorera muri sisitemu imwe, kandi intambwe ikurikiraho ni ugushyiramo AI."

Asobanura ko iri koranabuhanga rizafasha mu gusuzuma no gutunganya amadosiye menshi mu gihe gito, gukora amasesengura y'amategeko no koroshya ibikorwa by'abakozi b'inkiko, bityo bakabona umwanya uhagije wo kwita ku byemezo bisaba ubushishozi n'ubusesenguzi bwimbitse.

**Ikoranabuhanga ryabaye inkingi y'imitangire ya serivisi**

Rt. Honorable Mukantaganzwa agaragaza ko mu Rwanda gutanga ubutabera hakoreshejwe ikoranabuhanga bitakiri igitekerezo ahubwo ari gahunda isanzwe ikora.

Ati: "Imanza zose ziburanishwa hifashishijwe sisitemu y'ikoranabuhanga. Mudasobwa ni cyo gikoresho cy'ibanze mu kazi kacu. Abacamanza barahugurwa, abanditsi b'inkiko barahugurwa ndetse n'abaturage bagenda bamenyera gukoresha izi serivisi."

Rt. Honorable Mukantaganzwa avuga ko umuturage ufite urubanza atagikeneye kujya buri gihe ku rukiko ngo amenye aho rugeze. Amatariki y'imiburanishirize n'andi makuru y'ingenzi ayabona kuri telefoni ye cyangwa utayifite agafashwa kuyareba hifashishijwe urubuga rwa 'Irembo.'

Avuga ko iri koranabuhanga ryagabanyije ingendo zitari ngombwa, rigabanya n'igihe abaturage batakarizaga mu nkiko, ibintu byagize uruhare mu kongera icyizere bafitiye ubutabera.

**Kubaka ubushobozi bw'abatanga ubutabera**

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yibukije ko nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, urwego rw'ubutabera rwari rwahuye n'ibibazo bikomeye birimo kubura abakozi bafite ubumenyi buhagije.

Mu rwego rwo kubaka urwego rufite ubushobozi, mu 2004 hafashwe icyemezo cy'uko umuntu wese ushaka kuba umucamanza agomba kuba yarize amategeko nibura ku rwego rwa Kaminuza. Ati: "Byari amavugurura akomeye. Twafashijwe n'abafatanyabikorwa batandukanye kugira ngo abakozi bacu bongere amashuri, ariko ubu tugeze ku rwego rwiza cyane."

Kugeza ubu, avuga ko abacamanza, abanditsi b'inkiko, abashinjacyaha n'abagenzacyaha benshi bafite impamyabumenyi za Master's, mu gihe hari n'abarangije icyiciro cya gatatu cya Kaminuza (PhD), ibintu bitanga icyizere kuri serivisi z'ubutabera.

Yongeraho ko u Rwanda rwamaze kugira ubushobozi bwo kwigenera amategeko yabwo no kuyavugurura nta gutegereje impuguke zo hanze. Ati: "Uyu munsi amategeko y'iki gihugu tuyategura ubwacu. Dufite abahanga babishoboye kandi bahora bakomeza kwihugura kugira ngo amategeko ajyane n'igihe n'ibikenewe n'Abanyarwanda."

Rt. Honorable Mukantaganzwa yavuze ko mu gukomeza kongerera ubushobozi abakora mu rwego rw'ubutabera, u Rwanda rwashyizeho Ikigo cyigisha kandi kigahugura abakora mu by'amategeko (ILPD), kikaba gifite uruhare rukomeye mu gutuma abatanga ubutabera bahora bavugurura ubumenyi.

Mukantaganzwa avuga ko abacamanza, abanditsi b'inkiko, abashinjacyaha n'abagenzacyaha bahora bahabwa amahugurwa ajyanye n'impinduka ziba mu mategeko ndetse n'imigendekere mishya y'ubutabera ku rwego mpuzamahanga.

**Inzego z'ubutabera zubaka icyizere cy'umuturage**

KOMEZA KU RUP.6

# Ikoranabuhanga mu kwihutisha itangwa rya serivisi z'ubucamanza n'ubutabera – Ikiganiro cyihariye na Rt. Hon. Mukantaganzwa

IBIKURIKIRA URUP.5



**Himakajwe ikoranabuhanga mu miburanishirize y'imanza**

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga avuga ko ubwigenge bw'urwego rw'ubutabera butajyana no kubura uburyo bwo gusuzuma uko rukora.

Yagaragaje ko u Rwanda rwashyizeho inzego zitandukanye zirimo Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu, Urwego rw'Umuvunyi n'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB), zifasha kugenzura niba ubutabera butangwa mu buryo buboneye kandi bwubahiriza uburenganzira bwa muntu.

By'umwihariko, avuga ko ubushakashatsi bukorwa na RGB bugaragaza uko abaturage babona imitangire ya serivisi. Ati: "Politiki yacu ntabwo ari ukuvuga ko ibintu byose ari byiza. Icy'ingenzi ni ugutanga ijambo ku muturage akavuga uko abona serivisi ahabwa. Mu bushakashatsi buheruka, abaturage bagaragaje ko bafite icyizere kiri ku rugero rwa 85,3% ku rwego rw'ubutabera. Yasobanuye ko ibi bifasha inzego zose gukosora ahari intege nke no gukomeza kunoza serivisi.

**Himakajwe ubutabera bushingiye ku bwumvikane**

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Rt. Hon. Domitilla Mukantaganzwa, avuga ko amavugurura yakozwe mu rwego rw'ubutabera atagamije gusa kwihutisha imanza, ahubwo anagamije gutuma ubutabera bugira uruhare mu kubaka amahoro arambye n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda.

Asobanura ko ari yo mpamvu u Rwanda rwashyize imbere uburyo bwo gukemura amakimbirane mu bwumvikane, cyane cyane mu manza z'imbonezamubano n'iz'ubucuruzi, aho impande zifitanye ikibazo zishishikarizwa kugera ku gisubizo zemeranyijweho mbere yo kujya mu rubanza rurerure.

Yagize ati: "Iyo mwumva tuvuga ubuhuza, ntabwo ari uguhunga ubutabera. Ni uburyo bwo gukemura amakimbirane mu bwumvikane, impande zose zikumva ko zubashye kandi zikagera ku gisubizo kirambye."

Avuga ko ubu buryo bugabanya amakimbirane akomeza gukururana hagati y'abaturage, bukagabanya n'umubare w'imanza zijya mu nkiko, bityo abacamanza bagahabwa umwanya wo kwita ku manza zisaba kuburanishwa.

Mukantaganzwa yavuze ko ubutabera nyabwo butagarukira ku gutanga igihano gusa, ahubwo bugamije no gusubiza hamwe abafitanye amakimbirane no gutuma ubuzima bukomeza mu mahoro.

**Kwemera icyaha no gusaba imbabazi, inzira igabanya amakimbirane**

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga avuga ko u Rwanda rwakomeje guteza imbere uburyo bwo kwemera icyaha no kugirana amasezerano n'Ubushinjacyaha, aho uregwa ashobora kwemera icyaha yakoze, agasubiza ibyangijwe cyangwa akagaragaza ubushake bwo gukosora amakosa yakoze. Yavuze ko iyo bikozwe, urubanza rushobora kurangira mu gihe gito, kandi igihano kigashingira ku bwumvikane bwemejwe n'urukiko.

Rt. Honorable Mukantaganzwa ati: "Niba umuntu wafatiwe mu cyuho yiba mudasobabwa, nta mpamvu yo kurushya igihugu n'inkiko imyaka myinshi uburana ibyo uzi neza wakoze. Kwemera icyaha, gusubiza iby'abandi no gusaba imbabazi bituma ubutabera bugerwaho vuba kandi bikanafasha kongera kubanisha abantu neza."

Asobanura ko ubu buryo butuma uwakorewe icyaha yumva ubutabera bwatanzwe, mu gihe uwagikoze na we ahabwa amahirwe yo kwikosora no kongera kubaho mu muryango nyarwanda.

**Ibijyanye n'imanza za gatanya (Divorce) bidasenye imiryango**

Mu bindi byitezweho gutanga umusaruro mu mavugurura y'urwego rw'ubutabera harimo gahunda nshya igamije gufasha abashakanye bahisemo gutandukana kubikora mu cyubahiro, hatabayeho gusebanya cyangwa gukomeza amakimbirane.

Mukantaganzwa avuga ko iyi gahunda ishingiye ku gushishikariza impande zombi kuganira no kumvikana ku bibazo bireba umutungo, uburere bw'abana n'izindi nshingano, mbere y'uko urukiko rufata umwanzuro wa nyuma.

Yemeza ko intego atari ugushishikariza abantu gutandukana, ahubwo ari ugutuma igihe bibaye ngombwa bikorwa mu buryo burinda icyubahiro cy'umuryango kandi bukagabanya ingaruka ku bana n'abawugize. Ati: "Kuki mwaba mwarashakanye abana mwabyaye bakaba ari bo baba impamvu y'urubanza. Mukwiye kubanza kubyumvikanaho mbere y'uko mujya mu rukiko".

**Koroshya imiburanishirize y'imanza**

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga avuga ko urwego rw'ubutabera rukomeje gushyira imbaraga mu koroshya imiburanishirize y'imanza kugira ngo zicibwe mu gihe gito kandi hatabayeho gutakaza umwanya ku bintu bitagira uruhare ku mwanzuro wa nyuma. Mu mavugurura ari gukorwa harimo gukoresha inyandiko z'incamake mu manza zimwe na zimwe, cyane cyane izirebana n'ifungwa n'ifungurwa ry'agateganyo.

Ati: "Hari igihe wasangaga urubanza rw'ifungwa n'ifungurwa rumara amasaha menshi cyangwa iminsi ibiri, nyamara ikibazo nyamukuru ari ukumenya niba ukekwaho icyaha akomeza gukurikiranwa afunzwe cyangwa adafunzwe. Ubu turimo gushyiraho uburyo bwihutisha icyo cyemezo hadatakajwe igihe."

Avuga ko ibi bizafasha kugabanya ubukererwe bwajyaga bugaragara mu nkiko, bityo abaturage bakabona ubutabera mu gihe gikwiye.

**Kubazwa inshingano ku batanga ubutabera**

Rt. Honorable Mukantaganzwa ashimangira ko kimwe mu byatumye urwego rw'ubutabera rugera ku rwego ruriho uyu munsi ari ugushyira imbere umuco wo kubazwa inshingano.

Avuga ko nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, Guverinoma y'u Rwanda yashyizeho uburyo bwo gushimira abakozi bakora neza, ariko ikanashyiraho uburyo bwo gukurikirana no guhana abakoresha nabi inshingano bahawe.

Yagize ati: "Nta rwego rwihariye rurenze amategeko. Umucamanza, umushinjacyaha cyangwa undi wese ukora mu butabera iyo arenganye cyangwa akoze icyaha arabibazwa nk'undi Munyarwanda wese."

Yongeraho ko amahugurwa ahoraho ahabwa abatanga ubutabera abafasha gukomeza kunoza akazi, ariko ko na none batagomba kwibagirwa ko inshingano bahawe zijyana no kubazwa ibyo bakora.

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga agaragaza ko iyo harebwe aho urwego rw'ubutabera rwavuye nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi n'aho rugeze ubu, hagaragara intambwe ikomeye mu kongera umubare w'abakozi bafite ubumenyi, kuvugurura amategeko, gukoresha ikoranabuhanga no gushyira umuturage ku isonga rya serivisi.

Avuga ko urugendo rugikomeje, ariko ko icyerekezo gisobanutse ari ugutanga ubutabera bwihuse, buboneye kandi bwizewe, bujyanye n'iterambere ry'ikoranabuhanga ndetse n'ibikenewe n'Abanyarwanda.

Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

# Ijambo ry'Ibanze

## Kwibohora, inshingano zizakomeza kubakwa n'ibisekuru

Imyaka 32 irashize, u Rwanda rwibohoye imiyoborere mibi yimakazaga ivangura n'amacakubiri byarugejeje kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yatwaye ubuzima bw'abasaga abasaga miliyoni mu minsi 100 gusa.

Urugamba rwo Kwibohora ntirwahagaritse gusa ubutegetsi bushingiye ku ivangura n'itotezwa, ahubwo rwasubije Abanyarwanda icyizere cyo kongera kubaho, bafite agaciro, uburenganzira n'icyerekezo cy'ahazaza, nk'uko Perezida Paul Kagame yabigarutseho mu butumwa bwe bwo kwizihiza Isabukuru ya 32 yo Kwibohora, aho yanashimangiye ko Kwibohora bitari inkuru yarangiye ahubwo ari urugendo rukomeje.

Amateka y'u Rwanda, mu myaka myinshi, yaranzwe na politiki z'ivangura, ihezwa n'urwango, byaje no kuvamo Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Guhagarika ayo mateka mabi byasabye ubwitange bukomeye bw'abarwanye urugamba rwo kubohora Igihugu, benshi muri bo bakaba baratanze ubuzima bwabo ntibagira amahirwe yo kubona u Rwanda rw'uyu munsi rwunze ubumwe kandi rukomeje guharanira iterambere.

Kuzirikana abo baharaniye ko Igihugu kibaho ntibigomba kurangirira mu kubashimira, ahubwo bikwiye no gukomereza ku gusigasira ubumwe, ubudaheranwa, gukunda Igihugu no kurengera inyungu z'Abanyarwanda.

Ikindi kandi amahoro n'umutekano bikwiye gukomeza kubungabungwa nk'umusingi wo gukomeza kubaka iterambere rirambye. Ni yo mpamvu umutekano udakwiye gufatwa nk'ikintu gisanzwe cyangwa nk'impano iva ahandi, ahubwo ugomba kurindwa no kubungabungwa buri munsi kuko nta terambere rirambye rishoboka Igihugu kidatekanye.

Ikindi gikomeye ni uruhare rw'urubyiruko. Hari abavutse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 na nyuma y'urugamba rwo Kwibohora, batazi ayo mateka ariko kutayabamo ntibivuze ko batayafiteho inshingano n'umukoro wo gukomeza kubaka u Rwanda rushingiye ku bumwe, ukuri, kwigira no kurwanya icyatuma Igihugu gisubira inyuma.

Kubungabunga ibyo igihugu cyagezeho ntibishingira gusa ku nzego za Leta, ahubwo ni inshingano ya buri Munyarwanda. Buri wese afite uruhare mu kwimakaza amahoro, kurwanya amacakubiri no gushyigikira ibikorwa biteza imbere Igihugu.

Kwizihiza imyaka 32 yo Kwibohora rero ni umwanya wo kwisuzuma no kongera kwiyemeza gukomeza urugendo rwo kurinda ibyagezweho, guharanira umutekano, kwimakaza ubumwe bw'Abanyarwanda no kubaka Igihugu gifite agaciro mu ruhando mpuzamahanga.

**Ubwanditsi**

# Kwibohora 32: U Rwanda nyuma yo gutereranwa n'amahanga mu 1994 rwiyemeje gutabara aho rukomeye

**KAMBANDA Noel**

***Tariki ya 4 Nyakanga 2026, Abanyarwanda bazihije ku nshuro ya 32 Umunsi Mukuru wo Kwibohora. Ni umunsi w'amateka wibutsa ihagarikwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi, ugasozwa n'urugamba rw'Inkotanyi rwahaye igihugu amahirwe mashya yo kongera kubaho.***

Mu myaka 32 ishize, Kwibohora kwabaye urufunguzo rwafunguye inzira nshya y'amahoro, ubumwe, umutekano n'iterambere. Ariko uko imyaka igenda ishira, birushaho kugaragara ko Kwibohora kutari intsinzi y'Abanyarwanda gusa. Kwasize isomo rikomeye ku isi yose, cyane cyane ku bihugu bikomeje guhangana n'intambara, iterabwoba n'ibibazo by'umutekano.

Mu 1994, u Rwanda rwari igihugu cyasenyutse. Benshi bahamyaga ko rutazongera kwiyubaka. Uyu munsi, ni kimwe mu bihugu byizerwa cyane mu bikorwa byo kubungabunga amahoro ku Isi. Icyahoze ari igihugu cyasabaga amahanga kugifasha mbere ya 1994 ni cyo ubu gifasha abandi kubona amahoro n'umutekano.

Iyi ni imwe mu mpamvu zikomeye zituma Kwibohora gushobora kugeranywa n'inyenyeri yamurikiye Abanyarwanda, nyuma ikaza guhinduka itara rimurikira Afurika n'ahandi ku isi

**Kwibohora kwahinduye amateka y'u Rwanda**

Nta muntu wari gutekereza mu 1994 ko igihugu cyari kivuye muri Jenoside yakorewe Abatutsi cyari kuzahinduka icyitegererezo ku rwego mpuzamahanga.

Igihugu cyari cyatakaje abaturage benshi, abarenga miliyoni bamaze kwicwa muri Jenoside yakorewe Abatutsi naho abasaga miliyoni eshatu bajyanwa bunyago na guverinoma y'abajenosideri mu bihugu bidukikije cyane cyane Congo na Tanzaniya, ibikorwa remezo byarasenyutse, inzego za Leta zarasenyutse, ubukungu bwarahagaze, nta cyizere.

Ariko ubuyobozi bwashyizweho nyuma ya Kwibohora burangajwe imbere na FPR Inkotanyi bwafashe icyemezo gikomeye cyo kubaka igihugu gishingiye ku bumwe bw'Abanyarwanda aho gushingira ku moko, miyoborere myiza aho gushingira ku ivangura, no ku mutekano aho gushingira ku bwoba.

Muri uru rugendo, Ingabo z'u Rwanda (RDF) na Polisi y'u Rwanda (RNP) zabaye inkingi ikomeye mu kubaka igihugu gitekanye. Umutekano wabaye ishingiro ry'iterambere ryihuse igihugu cyagezeho.

Uyu munsi, u Rwanda ni kimwe mu bihugu bifite umutekano kurusha ibindi muri Afurika. Abaturage bagenda amasaha yose y'ijoro n'amanywa bafite icyizere. Abashoramari barahaza, ba mukerarugendo bakahisanga batekanye.

Ibyo byose ni imbuto zo Kwibohora.

Hari isomo rimwe rikomeye Jenoside yakorewe Abatutsi yasigiye Abanyarwanda: isi ishobora kurebera abantu bakicwa ntigire icyo ikora. Hakaza wa mugani umuntu arigira yakwibura agapfa.

Mu 1994, ingabo z'Umuryango w'Abibumbye zari mu Rwanda zateranye Abanyarwanda ntizahagarika Jenoside, ariko intwari za FPR/RPA Inkotanyi ntizarebera.

Iryo somo ni ryo ryatumye u Rwanda rwiyemeza ko aho ruzabona abaturage bari mu kaga ruzakora ibishoboka byose ngo rubarengere.

Ni ihame ryaje kuba imwe mu nkingi za politiki y'u Rwanda mu bijyanye n'umutekano mpuzamahanga.

Aho ingabo z'u Rwanda zagiye hose, zabanje kureba abaturage mbere yo kureba inyungu za politiki.

Ni yo mpamvu mu bihugu byinshi, abaturage bavuga ko iyo babonye abasirikare b'u Rwanda bumva bizeye ko umutima usubiye mu gitereko.

Mu 2003, intambara yadutse muri Darfur muri Sudani. Imiryango mpuzamahanga yatangiye kuvuga ko ibyaberaga muri ako karere byasaga n'ibyabaye mu Rwanda mbere ya Jenoside.

Mu 2004, imyaka icumi gusa nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe



**Ingabo z'u Rwanda aho zoherejwe hose zikora kinyamwuga**

KOMEZA KU RUP.8

# Kwibohora 32: U Rwanda nyuma yo gutereranwa n'amahanga mu 1994 rwiyemeje gutabara aho rukomeye

IBIKURIKIRA URUP.7



Abapolisi b'u Rwanda muri Haiti batabaye abaturage bahuye n'ibiza mu butumwa bwamaze imyaka icyenda (2010-2019)

n'Umuryango w'Abibumbye basabye u Rwanda gutanga ingabo. Hari ababibonaga nk'ikigeragezo gikomeye ku gihugu cyari kigikira ibikomere ariko u Rwanda rwarabyemeye.

Abasirikare b'u Rwanda bageze muri Darfur batangira kurinda abaturage, kurinda inkambi z'impunzi no gufasha ibikorwa by'ubutabazi.

Mu gihe cy'imyaka isaga 15, abasirikare b'u Rwanda bakomeje kuba bamwe mu bari ku isonga mu kubungabunga amahoro muri Sudani.

Abaturage benshi bo muri Darfur babonye mu Rwanda igihugu kidatanga amagambo gusa, ahubwo gitanga ibikorwa. Ubu mu ntara ya Darfur nubwo ubutumwa bwarangiye, RDF yahasize umurage mwiza. Abagore bigishijwe gucana rondereza bibafasha kudakoresha inkwi nyinshi mu ntara igizwe n'ubutayu dore ko bakoraga urugendo rurerure bashaka inkwi bagafatwa ku ngufu n'imitwe yitwaje intwaro. Ingabo za RDF zubatse amashuri, amavuriro zigarurira icyizere abaturage ba Darfur Atari kubarindira umutekano gusa.

Mu 2010, Haiti yibasiwe n'umutingito ukomeye wahitanye abantu barenga ibihumbi magana atatu.

Ibitaro byarasenyutse, inzego za Leta zirahagarara, abaturage babarirwa muri za miliyoni basigara badafite aho kuba.

Nubwo Haiti iri kure cyane y'u Rwanda, Kigali ntiyarebye iyo ntera. Polisi y'u Rwanda yoherejweyo mu bikorwa by'amahoro n'ubutabazi.

Mu myaka icyenda yakurikiyeho, abapolisi b'u Rwanda bakoze amarondo, barinda abaturage, bafasha mu gutabara abari mu kaga no gusubiza icyizere abaturage. Ni ubutumwa bwagaragaje ko impuhwe n'ubumuntu bidakwiye kugira imipaka.

Kwibohora kw'Abanyarwanda kwabahaye ubushobozi bwo kumva agahinda k'abari mu bibazo aho bari hose ku isi.

Mu 2011, Sudani y'Epfo yabonye ubwigenge bwayo. Ariko ibyishimo by'ubwigenge bwahise busimburwa n'intambara z'imbere mu gihugu. Ibihumbi by'abaturage byarishwe, abandi baba impunzi.

Ingabo z'u Rwanda zagiye muri iki gihugu mu rwego rwo kurinda abaturage no gufasha ibikorwa by'amahoro. Aho zageze hose zagaragaje umuco wo kubana neza n'abaturage.

Zubatse ibikorwa bifasha abaturage, zitanga ubuvuzi, zifasha abana kubona uburezi kandi zigafasha abagore n'abana bari mu kaga.

Abaturage benshi bo muri Sudani y'Epfo bavuga ko babonye u Rwanda nk'urugero rw'igihugu cyashoboye kuva mu makimbirane kikubaka amahoro arambye.

Repubulika ya Centrafrique ni kimwe mu bihugu byahuye n'ibibazo bikomeye by'umutekano mu myaka yashize.

Mu 2020, inyeshyamba zari ziteye umurwa mukuru Bangui zishaka kuwufata zinashaka kuburizamo amatora.

Mu gihe benshi bibazaga niba igihugu kitari bugwe mu maboko y'inyeshyamba zari ziyobowe nuwahoze ari Perezida Francois Bozize, u Rwanda rwohereje ingabo mu gihe gito, umutekano waragarutse, Bangui irakingirwa. Amatora yarabaye, abaturage bongera gukora ibikorwa byabo bisanzwe.

Uyu munsi, abaturage benshi bo muri Centrafrique bavuga ko RDF yabafashije gusubirana icyizere cyo kubaho.

Ndetse n'ubuyobozi bw'icyo gihugu bukomeje kuvuga ko u Rwanda ari umwe mu bafatanyabikorwa b'ingenzi mu kubaka amahoro.

Mu 2021, intara ya Cabo Delgado muri Mozambique yari yarahindutse indiri y'iterabwoba.

Umutwe w'iterabwoba Ansar al-Sunna wari warayogoje intara ya Cabo Delgabo Abaturage abaturage barenga ibihumbi bitatu bicwa nabi ibihumbi n'ibihumbi bari barahunga.

Mozambique yasabye ubufasha bw'u Rwanda.Mu byumweru bike gusa, Ingabo z'u Rwanda zifatanyije n'iza Mozambique zabohoye uduce twinshi twari twarigaruriwe n'iterabwoba.

Imijyi nka Palma na Mocímboa da Praia yongeye gusubira mu maboko ya Leta.

Abaturage basubiye mu ngo zabo. Amashuri yarafunguwe. Amavuriro arakora. Ubucuruzi bwarongeye gutangira.

Ni imwe mu ntsinzi zagaragaje ubushobozi bwa RDF ku rwego mpuzamahanga.

Ariko ikirenze intsinzi ya gisirikare ni uko abaturage bongeye kubona icyizere cy'ejo hazaza.

Kimwe mu bintu byatumye u Rwanda rwubahwa mu butumwa bw'amahoro ni uruhare rw'abagore.

Abagore benshi bari mu Ngabo z'u Rwanda no muri Polisi y'u Rwanda bagiye bagira uruhare rukomeye mu butumwa mpuzamahanga.

Mu bihugu byinshi byugarijwe n'intambara, abagore n'abana ni bo baba mu kaga cyane.

Abapolisi n'abasirikare b'abagore b'u Rwanda bagiye bafasha mu kurinda aba baturage, kubaganiriza no kubafasha kongera kugira icyizere.

Ibi bigaragaza ko Kwibohora kutahaye amahirwe abagabo gusa, ahubwo kwanahaye abagore ubushobozi bwo kugira uruhare mu kubaka amahoro ku rwego rw'isi.

Aho ingabo z'u Rwanda zagiye hose ntabwo zajyanye imbunda gusa. Zajyanye n'indangagaciro zubakiye ku bunyarwanda.

Mu bihugu byinshi, zamenyekanishije Umuganda nk'uburyo bwo gukemura ibibazo binyuze mu bufatanye bw'abaturage.

Abaturage bahurira hamwe bagakora ibikorwa rusange, bakaganira ku bibazo bibugarije kandi bagashaka ibisubizo.

Mu Darfur no muri Sudani y'Epfo, abasirikare b'u Rwanda banatanze ibisubizo byafashije abagore kugabanya ingendo zo gushaka inkwi, bityo bagabanya ibyago byo kugirirwa nabi.

Ibi byose byerekana ko amahoro nyayo yubakwa n'abantu, atubakwa n'amasasu gusa.

Mu myaka 32 ishize, u Rwanda rwubatse izina rikomeye kubera ibikorwa aho kuba amagambo. Iyo igihugu gisabye ubufasha bw'u Rwanda, kiba cyizeye ko ruzakora akazi neza.

Ibi byatumye u Rwanda rwaguka mu mubano mpuzamahanga no mu bufatanye n'ibindi bihugu.

Uyu munsi, RDF na RNP bifatwa nk'inzego zifite ubunyamwuga, disipuline n'ubwitange. Iyo ni imwe mu nyungu zikomeye zaturutse kuri Kwibohora.

U Rwanda rwanyuze mu rugendo rudasanzwe. Rwavuye ku gihugu cyari cyarasenyutse kiba igihugu cyubaka abandi. Rwavuye ku gihugu cyari gikeneye amahoro kiba igihugu gitanga amahoro. Rwavuye ku gihugu cyari gikeneye ubutabazi kiba igihugu gitabara abandi. Ni urugendo rwerekana ko amateka mabi atagomba kugena ejo hazaza h'igihugu. Abanyarwanda bahisemo kwiyubaka. Bahisemo kubaka igihugu gifite icyizere. Bahisemo kuba igisubizo aho kuba ikibazo.

Mu gihe Abanyarwanda bazizihiza imyaka 32 yo Kwibohora, bafite impamvu nyinshi zo kwishimira aho igihugu cyavuye n'aho kigeze ariko hari indi mpamvu ikomeye kurushaho: kuba ibyo bagezeho bitakiri ibyabo gusa.

Muri Darfur, muri Haiti, muri Sudani y'Epfo, muri Centrafrique, muri Mozambique n'ahandi henshi, abaturage benshi babonye mu Rwanda umufatanyabikorwa w'ukuri.

Babonye igihugu cyize ku mateka yacyo kikayavomamo imbaraga zo gufasha abandi. Ni yo mpamvu Kwibohora kudakwiye gufatwa nk'umunsi wo kwibuka intsinzi y'Abanyarwanda gusa.

Ni umunsi wo kwibuka ko igihugu cyigeze gusaba amahoro cyabaye igihugu gitanga amahoro; ko igihugu cyigeze gusaba ubutabazi cyabaye igihugu gitabara abandi; kandi ko umucyo watangiriye mu Rwanda nyuma ya Nyakanga 1994, uyu munsi umaze kumurikira Afurika n'Isi yose.

Kwibohora kwabaye inyenyeri yamurikiye Abanyarwanda. Nyuma yaho, iyo nyenyeri yahindutse itara rimurikira ibindi bihugu, ritanga icyizere ko amahoro, umutekano n'iterambere bishoboka, kabone n'iyo igihugu cyaba cyaranyuze mu mwijima mwinshi kurusha uwatekerezwaga.

# Kwibohora 32: Abanyamakuru b'ubu bareke kuganzwa n'inyota y'amafaranga ituma bagoreka ukuri - Mweusi Karake wayoboye Radio Muhabura

NTAWITONDA Jean Claude

***Imyaka 32 irashize u Rwanda rubohowe. Itangazamakuru ryifashishijwe nk'intwaro ikomeye yo guhangana n'umwanzi mu gihe cy'urugamba kuko ibibi byakorwaga n'ibinyoma byatangazwaga hifashishijwe ibitangazamakuru bya Leta bitandukanye byagombaga kubona abakeba babinyomoza binyuze mu gutangaza ukuri ku Banyarwanda no ku mahanga.***



Mweusi Karake wayoboye Radio Muhabura arasaba urubyiruko rw'uyu munsi kwirinda gushakira inyungu mu itangazamakuru bagaca ukubiri n'ukuri

Mweusi Karake wari umwe mu batangije akanayobora Radio Muhabura, yasabye urubyiruko by'umwihariko abakorera itangazamakuru kuri YouTube no ku mbuga nkoranyambaga muri rusange kureka kuganzwa n'inyota yo gukorera amafaranga bakirengagiza ukuri kandi ari ko kwabohoye u Rwanda.

Mu kiganiro kihariye yagiranye na Imvaho Nshya ku ruhare rw'itangazamakuru mu kubohora u Rwanda, Mweusi Karake yasobanuye ko mu gihe cy'urugamba byabaye ngombwa ko hashyirwaho itangazamakuru rihangana n'ibinyoma byatambutswaga n'ibitangazamakuru bya Leta, kugira ngo abaturage badahera mu icuraburindi ku kuri kw'ibyaberaga ku rugamba.

Ashingiye kuri ubwo buhamya, Mweusi yagaragaje ko abakora itangazamakuru nyuma y'imyaka 32 ishize Igihugu kibohowe bakwiye kwirinda 'inzara', bagakora itangazamakuru rishingiye ku kuri barangwa n'ubunyamwuga kuko ari byo Igihugu gikeneye ngo kirusheho gutera imbere.

Yagize ati: "Abanyamakuru cyane cyane abari kuri za YouTube n'ibindi uyu munsi, bareke inzara! Bareke gushakisha amafaranga mu bibi, abantu basigaye bazi ko ibihuha ari byo bigurisha, ntibatekereze ko ijambo rimwe rishobora gusenya, udufaranga bagiye kubona dushobora gusenya Igihugu… Ariko banamenye ko hari n'ingaruka zabyo, ushobora kurya turiya dufaranga, tukazakugaruka."

Yatanze urugero rw'abanyamakuru batandukanye bakongezaga inzangano n'amacakubiri muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bakayigiramo uruhare rutaziguye, bakurikiranywe n'ubutabera bikarangira bakatiwe gufungwa burundu n'ibindi bihano bitandukanye.

Radio Muhabura yashingiwe guhabura abahabye

Mu gihe itangazamakuru ryari rimaze imyaka igera kuri 30 rikoreshwa na Politiki yimakaza amacakubiri n'ivanguramoko, Radio Muhabura yatangiriye ku rugamba rwo kubohora Igihugu yaje nk'intwaro inyomoza ibinyoma byatangazwaga na Leta yasabitswe n'iyo Politiki mbi yari yarahejeje Abanyarwanda benshi ishyanga abandi barenganyirizwa mu rwababyaye.

Agaruka ku mateka y'itangazamakuru guhera mu myaka ya 1960, Mweusi Karake yagaragaje uburyo Radio Rwanda yavugaga ibintu bigafatwa nk'"ivanjiri' ari na byo byatumye igira imbaraga zikomeye.

Ati: "Umunyarwanda yumvaga radiyo, ati 'radiyo yavuze ngo!' Nk'uko abakirisitu babivuga ngo ni ivanjiri. Ibyo radiyo yavuze ni ibyo, nyine ni ukuri. Ni ukuvuga rero ko Abanyarwanda babayeho bumva radiyo kuko ntibasomaga. Mu Rwanda hari Kinyamateka gusa, Imvaho yaje nyuma. Ni ukuvuga rero ko ushaka gucengeza amatwara mabi mu Banyarwanda yakoreshaga radiyo kandi rwose Radio Rwanda yari igikoresho cya Kayibanda na Habyarimana; na RTLM itarazaho Radiyo Rwanda ni yo yacengezaga amatwara."



Radio Muhabura yatangazaga ukuri kw'ibyaberaga ku rugamba

Kubera imbaraga radiyo yari ifite, Mweusi Karake ahamya ko imwe mu ntwaro Umuryango FPR Inkotanyi washyizemo imbaraga yari iyo gushyiraho Radio Muhabura ihangana n'ibinyoma bya Radio Rwanda.

Akomeza agira ati: "Radio Muhabura rero, yari intwaro nk'izindi ntwaro z'urugamba. Ku buryo iteka yabaga iruhande rw'Ubuyobozi Bukuru bw'Ingabo za RPA Inkotanyi (High Command) kugira ngo irindwe."

Ahagana mu 1991, nyuma y'amezi make urugamba rwo kubohora Igihugu rutangiye, ni bwo Radio Muhabura yatangirijwe mu Kirunga cya Gahinga kiri hagati y'u Rwanda na Uganda, ariko ikomeza yimukana n'Ingabo zari ku rugamba.

Mweusi ati: "Twari dufite radiyo ya mbere itarumvikanaga neza twayitaga ngo ni -Akavumvuriuko ubushobozi buboneka tugura sutidiyo (studio) nshya tugera ku ya nyuma. Ngira ngo ndumva sutidiyo ya nyuma ya Radio Muhabura iri mu Ngoro Ndangamateka y'Urugamba rwo Guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994."

Akomeza avuga ko kugira ngo Abanyarwanda bumve Radio Muhabura, abatekinisiye bayo bayegeranyije n'umurongo wa Radio Rwanda ndetse n'amakuru yayo agatambukira rimwe n'aya Radio Rwanda, bigatuma abantu benshi bayigeraho bakumva andi makuru atandukanye n'ayiganjemo icengezamatwara rya Leta yahishaga ukuri Abanyarwanda.

Radio Muhabura yimakaje ubumwe itsinda ikinyoma

Mu gihe itangazamakuru rya Leta ryari rikomeje gukwirakwiza imvugo z'urwango n'amacakubiri, Radio Muhabura yo yashyize imbaraga mu kwigisha Abanyarwanda kunga ubumwe, no kwerekana amakosa yakorwaga n'Leta yatandukiraga ku nshingano zo kurinda abaturage bose.

Mweusi Karake ati: "Twigishaga Abanyarwanda ubumwe. Icya kabiri twagombaga kwerekana amakosa Leta ikora. Icya gatatu twumvaga na Radio Rwanda tukavuguruza ibinyoma bavuga. Nyuma mwibuke ko haje kujyaho na RTLM twarwanaga n'imbaraga cyangwa ibirindiro bibiri bitoroshye."

Akomeza ahamya ko kuri Radiyo Muhabura habarizwaga n'ibindi bitandazamakuru birimo ibyandika mu Kinyarwanda, Icyongereza n'Igifaransa, ndetse na televiziyo yafashaga gukwirakwiza amakuru y'ibyaberaga ku rugamba binyuze mu mashusho.

Ibi bitangazamakuru byatanze umusaruro ukomeye mu

KOMEZA KU RUP.10

# Kwibohora 32: Abanyamakuru b’ubu bareke kuganzwa n’inyota y’amafaranga ituma bagoreka ukuri - Mweusi Karake wayoboye Radio Muhabura

IBIKURIKIRA URUP.9

rugamba rwo kubohora u Rwanda, kuko byafashije kuyobora abaturage mu bice byamaze kubohorwa n’Inkotanyi, ndetse n’amakuru yatangazwaga agatuma urubyiruko ruyumva, ruyasoma cyangwa rukabona ukuri kw’ibibera ku rugamba, rurushaho kuza ku bwinshi ngo rufatanye n’Ingabo zari iza RPA Inkotanyi.

Mweusi akomeza agira ati: “Ikindi urugamba rw’Inkotanyi nta muzungu waruhaga amafaranga, rwari urw’abanyamuryango. Uko rero babonaga ubwo butumwa ni ko n’inkunga bayitangagaga. Ikindi hari nk’ubwo twahaga gasopo Leta tuti: ibi bintu nimutabireka turakora iki kandi tukagikora. Ndaguha urugero rumwe, tariki 8 Gashyantare 1993, itangazo ryiviriye kuri High Command umunyamakuru ararisoma. Icyo gihe twari mu mishyikirano tubwira Leta ya Habyarimana tuti: kubera ko mwakomeje kwica abantu twiyemeje kubura imirwano.

Ubundi wajya gutera ukabanza ukabubikira, ariko twe twarabateguje. Igitero cyaraje kigera hano i Shyorongi. Abasore ahubwo kubasubiza inyuma byabaye ikibazo. Abasore barebaga Kigali none murababwira ngo nibasubire inyuma? Cyari ikibazo gikomeye, kubera ko twari dufite ikinyabupfura (discipline) bapfuye kubyemera basubirana inyuma agahinda.”

Icyo gitego cyasize umusaruro ukomeye w‘uko ibice byambuwe Ingabo za FAR byahindutse icyitwa DMZ (De-militarized Zone), kuko Ingabo za RPA Inkotanyi zavuze ko mu gihe baharekura n’ingabo zari iza Leta zidashobora kuhasubira ahubwo ko hacungirwa umutekano n’Ingabo z’Umuryango w’Abibumbye.

Undi musaruro ukomeye Mweusi agarukaho ni uko Radio Muhabura yakurikiranye ibikorwa by’imishyikirano byose byaberaga i Arusha muri Tanzania hagati y’umwaka wa 1992 na 1993, ikajya itangaza amakuru mbere ya Radio Rwanda na RTLM, bityo kugoreka ukuri bikagora



**Umunyamakuru wa Radio Muhabura Anaclet Kalibata mu kiganiro n’Umuyobozi Mukuru w’Ingabo za RPA Inkotanyi mu gihe cy’urugamba rwo kubohora Igihugu**




**Mweusi Karake (iburyo) wayoboye Imvaho Nshya ari kumwe n’umunyamakuru wayo nyuma y’imyaka 32**

uruhande rwa Leta yariho.

Mweusi akomeza agira ati: “Twari dufite inshingano zo gutuma Isi imenya ukuri. Undi musaruro ni uko Radio Muhabura yaburiraga abaturage bahigwaga ikanabarangira ibice byamaze gufatwa n’Inkotanyi ababishoboye bakaba ari ho bahungira.”

Akomeza ahamya ko iyo itangazamakuru rya Leta na ryo rikora mu nyungu rusange z’Igihugu ubukana bwa Jenoside yakorewe Abatutsi bwari kugabanyuka, ashimira abari abanyamakuru b’ibitangazamakuru bya Leta babonye ko bakora amafuti bakaza kwiyunga ku bitangazamakuru bya Radio Muhabura.

Kubera ko Radio Rwanda yari yahunganywe na Perezida wa Guverinoma y‘Abatabazi Sindikubwabo Théodore, ibikoresho bimwe byari ibya Radio Muhabura ni byo byashyizwe muri Radio Rwanda ikomerezaho kumenyekanisha ibikorwa bya Leta y’Ubumwe bw‘Abanyarwanda.

Nyuma y’urugamba rwo kubohora u Rwanda, Mweusi Karake yakomereje imirimo mu kuyobora ishami ry’Ibiro by’Igihugu by’Itangazamakuru (ORINFOR) ryitwaga PECIPHO, ahabarizwaga Ikinyamakuru Imvaho cyaje guhindura izina kikitwa ‘Imvaho Nshya‘ na ‘La Rélève‘ yaje kwitwa ‘La Nouvelle Rélève‘ kubera uruhare byagize mu gukwirakwiza urwango n’amacakubiri muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Nyuma y’aho, Mweusi yaje no kuyobora Radio Rwanda ndetse aza no kuyobora Ishyirahamwe ry’Abanyamakuru mu Rwanda (ARJ). Avuga ko batangiye iyo mirimo badahembwa ariko ubwitange batangiranye muri Radio Muhabura bugakomeza kubafasha gukora kinyamwuga kugeza ubwo ibintu byatangiye gusubira mu buryo.

Bakoranye na bamwe mu bahoze ari abanyamakuru mu itangazamakuru rya Leta yateguye ikanashyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, akaba avuga ko amasomo y’ingenzi bakuye muri uru rugamba ari uko Igihugu gitera imbere ari uko habayeho kwitanga kw’abaturage bacyo.

# Kwibohora32: Ingabo na Polisi bubakiye abaturage ibikorwa by'iterambere bya miliyari 2,7 Frw

ZIGAMA Theoneste

***Mu kwizihiza ku nshuro ya 32 Umunsi wo Kwibohora, Inzego z'Ubuyobozi, Ingabo z'u Rwanda, Polisi y'u Rwanda n'abaturage batashye ku mugaragaro ibikorwa by'iterambere byubatswe mu gihugu hose, bifite agaciro ka miliyari 2 na miliyoni 700 z'amafaranga y'u Rwanda.***

Ni ibikorwa byubatswe ku bufatanye bw'Ingabo na Polisi n'abaturage birimo amashuri, inzu zubakiwe abatishoboye, ibiraro, ubwato, ibikorwa by'ubuvuzi ndetse n'inkunga y'amafaranga yahawe abaturage n'urubyiruko hagamijwe guteza imbere imibereho myiza no gukomeza kwimakaza umutekano ushingiye ku iterambere.



Ni inzu zigezweho imwe ifite ubushobozi bwo gucumbikira imiryango ibiri

**Ibikorwa byatashywe mu Ntara zose z'Igihugu**

Mu Karere ka Kamonyi, hatashywe ku mugaragaro Ishuri Ryisumbuye rya Tekinike rya Kigese riherereye mu Murenge wa Rugalika. Uwo muhango wayobowe na Perezida wa Sena, Dr. François Xavier Kalinda, ari kumwe na Minisitiri w'Ingabo, Juvenal Marizamunda, abayobozi bakuru mu Ngabo z'u Rwanda, Polisi y'u Rwanda, izindi nzego z'umutekano, abayobozi muri Guverinoma n'abaturage.

Dr Kalinda yagize ati: "Ubu bufatanye bugira uruhare mu gukemura ibibazo bibangamiye imibereho y'abaturage, mu rugendo turimo rwo kubaka iterambere rirambye. Twese twemera ko umutekano utagarukira gusa ku kuba nta ntambara iri mu gihugu ahubwo ko kugira umutekano bivuze kuba nta cyahungabanya ituze ry'Umuturarwanda, aho cyava hose n'uko cyaba giteye kose".

Mu Ntara y'Amajyepfo, uretse ishuri rya Kigese ryatashywe muri Kamonyi, mu Karere ka Gisagara, mu Murenge wa Muganza, hatashywe inzu 10 zubatswe mu buryo bwa "Two in One"ni ukuvuga inzu imwe iturwamo n'imiryango ibiri, zikaba zaragenewe imiryango itishoboye.

Urubyiruko rw'Imboni z'Impinduka rwashyikirijwe inkunga ya miliyoni eshanu z'amafaranga y'u Rwanda izarufasha kwagura ibikorwa by'ubukungu no kwihangira imirimo.

Mu Karere ka Nyamagabe, Umurenge wa Tare, mu Kagari ka Nyamigina, hatashywe inzu umunani zubatswe mu buryo bwa "Two in One", zubakiwe imiryango itishoboye mu rwego rwo kuyifasha kubona icumbi riboneye.

Mu Ntara y'Amajyaruguru hatashywe ibikorwa bitandukanye birimo inzu yubakiwe abatishoboye mu Karere ka Rulindo, ikiraro cyo mu Karere ka Gakenke, hamwe n'inzu yubakiwe abaturage bimuwe n'ibiza.

Mu Karere ka Nyabihu, mu Murenge wa Bigogwe, na ho hatashywe inzu zubatswe ku bufatanye bw'Ingabo, Polisi n'abaturage.

Mu Ntara y'Iburasirazuba, ibikorwa byatashywe harimo inzu yubakiwe abatishoboye mu Karere ka Kayonza aho imiryango 10 yubakiwe inzu, mu gihe abaturage bo mu Murenge wa Nyamugari, Akarere ka Kirehe, bashyikirijwe amatungo agamije kubafasha kuzamura imibereho n'ubukungu bw'imiryango yabo.

Perezida w'Umutwe w'Abadepite, Hon. Kazarwa Gertrude, yashimye uruhare rw'Ingabo z'u Rwanda na Polisi y'u Rwanda mu guteza imbere imibereho myiza y'abaturage, asaba Abanyarwanda gukomeza kuzirikana ibikorwa byazo bigaragaza ko umutekano ari wo shingiro ry'iterambere.

Yagize ati: "Uyu ni umwanya mwiza wo kongera gushimira Ingabo zari iza RPA zabohoye igihugu zigahagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Uyu munsi zikomeje no kugira uruhare rugaragara mu guteza imbere imibereho y'abaturage binyuze mu bikorwa bibafasha kwiteza imbere."

Yakomeje avuga ko ibikorwa byatashywe ari ikimenyetso cy'ubufatanye burambye hagati y'inzego z'umutekano n'abaturage.

Ati: "Ibi bikorwa ni igihamya cy'uko ubufatanye bw'inzego z'umutekano n'abaturage ari inkingi ikomeye igihugu cyacu cyubakiyeho mu kubungabunga umutekano no guteza imbere imibereho myiza y'abaturage."

Abaturage bo mu turere twose twagezwemo ibi bikorwa bagaragaje ko byabafashije kuzamura imibereho yabo, bavuga ko kuba Ingabo na Polisi bifatanya na bo mu bikorwa by'iterambere ari ikimenyetso cy'uko umutekano n'iterambere ari ibintu bidatandukana.

Mu Karere ka Kayonza, Karekezi Ismail, umwe mu bahawe inzu, yavuze ko kubona icumbi ari inzozi zitunguranye zabaye impamo.

Yagize ati: "Ndashimira Imana n'Igihugu cyacu. Ibyo nabonye birenze uko nabitekerezaga. Ndashimira Ingabo z'u Rwanda, Polisi y'u Rwanda n'izindi nzego z'ubuyobozi zakomeje kudufasha kugeza tubonye inzu idukwiriye."

Undi muturage, witwa Mukamugisha Olive, na we washyikirijwe inzu, yavuze ko iki gikorwa kimusize afite icyizere gishya cy'ubuzima nyuma y'imyaka 20 aba mu nzu zikodeshwa.

Ati: "Maze imyaka myinshi nimukira mu nzu z'ubukode. Ubu ngiye kubona aho nita iwanjye. Ndashimira Polisi n'Ingabo z'u Rwanda zambwiye ziti 'humura, tuzagufasha kuva muri ubwo buzima', kandi koko zabigezeho."

**Ibikorwa bifite agaciro ka miliyari 2,7 Frw**

Ingabo z'u Rwanda na Polisi y'u Rwanda zatangaje ko ibikorwa by'iterambere byatashywe bifite agaciro ka miliyari 2 na miliyoni 700 z'amafaranga y'u Rwanda.

Umuvugizi Wungirije w'Ingabo z'u Rwanda, Lt Col Simon Kabera, yavuze ko uwo musanzu uturuka ku bufatanye bw'Ingabo, Polisi n'abaturage, aho abaturage ubwabo bagize uruhare rugaragara mu kubaka ibyo bikorwa.

Yagize ati: "Abaturage ni bo bakora iyo mirimo bafatanyije n'abasirikare n'abapolisi. Umuturage ubonye ako kazi aba agabanyirijwe ikibazo cy'ubushomeri, kandi amafaranga yinjije agafasha umuryango we."

Ku ruhande rwa Polisi y'u Rwanda, Umuvugizi wayo, ACP Boniface Rutikanga, yavuze ko inzu zubatswe zubahirije ibisabwa kandi ko imwe yubatswe mu buryo bwa 'Two in One', aho inzu imwe ishobora gutuzwamo imiryango ibiri. Yunzemo ati: "Mu nzu 80 zubatswe, hazatuzwamo imiryango 160, kuko buri nzu yubatswe mu buryo bushobora kwakira imiryango ibiri."

Ibikorwa by'uyu mwaka byanatanze akazi ku baturage bagera hafi ku 2 000 hirya no hino mu gihugu, mu gihe uruhare rwatanzwe n'abaturage binyuze mu muganda rwahawe agaciro ka miliyoni zisaga 12 z'amafaranga y'u Rwanda.

Buri mwaka, Ingabo z'u Rwanda na Polisi y'u Rwanda bifatanya n'abaturage mu bikorwa by'iterambere mu rwego rwo gushyigikira gahunda za Leta zigamije imibereho myiza.



Inzu zubakiwe abaturage ku bufatanye bw'Ingabo, Polisi n'abaturage zitezweho kubatuza neza kandi heza

# Iyo Abanyarwanda bavuga ko RDF ari yo bakesha kubaho, ibyakira ite?



**RDF ikomeje icyerekezo cyo kuba umusingi w'iterambere ikesha Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame akaba n'Umugaba w'Ikirenga w'Ingabo z'u Rwanda**

**ZIGAMA Theoneste**

***Umuvugizi Wungirije w'Ingabo z'u Rwanda (RDF), Lt Col. Simon Kabera, yavuze ko Ingabo z'u Rwanda zishimira kuba hari Abanyarwanda bavuga ko ari zo zabarokoye, zikabaha ubuzima n'umutekano, avuga ko ibyo bibongerera imbaraga zo gukomeza ibikorwa bigamije guteza imbere imibereho y'abaturage.***

Yavuze ko RDF izakomeza guharanira ko buri Munyarwanda abaho yishimye kandi atekanye, binyuze mu nshingano zayo zo kurinda igihugu no kugira uruhare mu iterambere. Yagize ati: "Nk'ingabo za RDF biratunezeza, kuko tuba dushyira mu bikorwa icyerekezo cya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Umugaba w'Ikirenga w'Ingabo z'u Rwanda, Paul Kagame."

Lt. Col. Kabera yavuze ko icyo cyerekezo cyatangiriye mu mwaka wa 1993, ubwo Ingabo za RPA – Inkotanyi zari mu rugamba rwo kubohora igihugu, Perezida Kagame yagaragaje ko izo ngabo zizaba umusingi w'impinduka n'iterambere ry'u Rwanda. Ati: "Mu 1993, i Mukarange, aho Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yavuganaga n'ingabo, yavuze ko izi ngabo zizaba umusingi w'impinduka n'iterambere bizaba mu gihugu cyacu."

Yasobanuye ko itegeko rigenga Ingabo z'u Rwanda riziha inshingano zo kugira uruhare mu bikorwa by'iterambere, ari na yo mpamvu zikomeje kwegera abaturage zibafasha mu mibereho yabo ya buri munsi.

Yavuze ko RDF ishyize imbere ibikorwa biteza imbere abaturage birimo kububakira ibiraro n'inzu, kubagenera amatungo arimo inka n'ihene, ndetse n'ibindi bikorwa remezo bifasha kuzamura imibereho yabo.

Mu mwaka wa 2025/2026, mu bikorwa byo kwegera abaturage byakozwe ku bufatanye bw'Ingabo z'u Rwanda, Polisi y'u Rwanda n'abaturage, hubatswe inzu 80 zigenewe abatishoboye.

Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda yavuze ko ibikorwa bikorwa n'Ingabo na Polisi byunganira gahunda zisanzwe za Leta kandi bikagira uruhare rugaragara mu kuzamura imibereho y'abaturage. Ati: "Umuturage ntabwo yishimira inzu gusa ahubwo yishimira icyo imumariye."

# Kwibohora32: Minisitiri w'Intebe yashimye uruhare rwa Polisi n'Ingabo mu iterambere ry'abaturage



**Minisitiri w'Intebe, Dr Nsengiyumva asuhuza umwe mu baturage bahawe inzu**

**SHEMA Ivan**

***Minisitiri w'Intebe Dr. Justin Nsengiyumva yashimangiye ko uruhare rwa Polisi y'Igihugu, Ingabo z'u Rwanda n'izindi nzego z'ubuyobozi, ari igihamya cy'uko ubufatanye hagati y'Inzego z'Umutekano n'abaturage ari inkingi umutekano w'Igihugu wubakiyeho.***

Yabigarutseho kuri uyu wa Gatandatu, tariki ya 4 Nyakanga 2026, mu gikorwa cyo kwizihiza ku nshuro ya 32 Umunsi Mukuru wo Kwibohora, ubwo yashyikirizaga inzu 30 zubakiwe imiryango itishoboye yo mu Karere ka Nyabihu zikaba zarubatswe ku bufatanye bw'ingabo na Polisi.

Ni igikorwa cyitabiriwe n'abandi bayobozi barimo Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, Uwimana Consolee, Umuyobozi Mukuru wa Polisi y'u Rwanda, CG Felix Namuhoranye n'Umuyobozi wa Diviziyo ya Gatatu y'Ingabo z'u Rwanda ikorera mu Burengerazuba bw'u Rwanda, Gen. Maj. Eugene Nkubito.

Minisitiri w'Intebe Nsengiyumva yatangaje ko umutekano w'Abanyarwanda utagarukira gusa ku kuba nta masasu bumva buri munsi ahubwo ujyana n'iterambere bagezeho. Yagize ati: " Twese twemera ko umutekano utagarukira gusa ku kuba nta ntambara iri mu Gihugu, ahubwo ko kugira umutekano bivuze kuba ntacyahungabanya ituze ry'umuturarwanda, abe ndetse n'ibyo atunze, aho cyava hose, uko cyaba giteye kose. Ibi kandi bikajyana no guteza imbere imibereho myiza y'abaturage".

Yakomeje ashimira inzego z'umutekano ku bw'ubufatanye, ubwitange n'urukundo mu kurinda no kubaka Igihugu. Ati: "Twongeye gushima byimazeyo inzego z'umutekano ku bw'ubufatanye, ubwitange n'urukundo mu kurinda no kubaka igihugu cyacu. Intwari zacu zitanze kugira ngo tugere aho turi uyu munsi, twongeye kuzishimira zikomeze kutubera urugero rwiza natwe duharanire kugera ikirenge mu cyazo".


Minisitiri Nsengiyumva yasabye imiryango yahawe inzu kuzikoresha neza no kuzirinda, kugira ngo zibafashe kwiteza imbere n'imibereho myiza yabo no gukomeza gusigasira ibyagezweho baharanira iterambere rirambye. Izi nzu 30 zubakiwe abatishoboye buri imwe ifite agaciro ka Miliyoni 15 z'amafaranga y'u Rwanda.

Ibikorwa by'Ingabo na Polisi byakozwe mu gihugu hose mu gihe cy'amezi atatu hagamijwe kwizihiza imyaka 32 u Rwanda rumaze rwibohoye, bifite agaciro ka miliyari 2 na miliyoni 700 z'amafaranga y'u Rwanda.



**Ni igikorwa cyitabiriwe n'abayobozi mu Ngabo na Polisi by'Igihugu**

# Imyaka 32 yo kuroha u Rwanda nyuma y'ikiswe ubwigenge, n'indi 32 yo kurwubaka nyuma yo Kwibohora



Abakoloni baciyemo ibice Abanyarwanda bagendeye ku ndeshyo y'amazuru

KAMBANDA Noel

***Hari imibare iba nk'impanuka y'amateka ariko nyuma ugasanga ifite igisobanuro kihariye; muri uyu mwaka wa 2026 amateka y'u Rwanda rwa none, umubare 32 ni umwe muri iyo mibare ikwiye gutekerezwaho cyane, kuko kuva ku wa 1 Nyakanga 1962 igihe u Rwanda rwabonaga ikiswe 'ubwigenge' kugeza muri Nyakanga 1994 ubwo Jenoside yakorewe Abatutsi yahagarikwaga burundu n'Ingabo za RPA-Inkotanyi ni imyaka 32. Ubu na none mu mwaka wa 2026 u Rwanda rumaze indi myaka 32 kuva Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ihagaritswe.***

Aya mateka yo mu byiciro bibiri angana mu gihe, ariko atandukaniye kure mu byo yasize ku gihugu. Imyaka 32 ya mbere yaranzwe n'ibikorwa bya politiki zashyize imbere amacakubiri, ivangura, guheza abaturage bamwe, ubwicanyi bwagiye busubirwamo, impunzi zabayeho imyaka myinshi ndetse amaherezo Jenoside yakorewe Abatutsi iraba mu 1994.

Aya mateka mabi afite imizi muri politiki y'ubukoloni u Rwanda rwamazemo imyaka isaga 60. Indi myaka 32 yakurikiyeho uhereye 1994 yabaye igihe cyo kongera kubaka Igihugu, gusana imitima, kongera kubaka inzego za Leta, guha buri Munyarwanda agaciro no gushyira imbere iterambere rishingiye ku bumwe.

Ibi bihe bitandukanye ariko bifite imyaka ingana bitwereka ko ejo hazaza h'igihugu hubakwa n'amahitamo y'abayobozi n'abaturage, kurusha uko hubakwa n'umutungo kamere, kuko hari ibihugu byinshi bikize ku mutungo kamere ariko bihora mu makimbirane kubera ubuyobozi bubi.

Mu gusesengura amateka y'u Rwanda, reka hagarukwe ku ngaruka z'ubukoloni. Mbere y'uko Abadage n'Ababiligi bagera mu Rwanda, igihugu cyari gifite ubuyobozi bwacyo, umuco n'inzego z'imiyoborere. Nubwo habagaho ibyiciro by'imibereho, ubukoloni bwabihinduye ibikoresho bya politiki.

Abakoloni bashyizeho inyigisho zishingiye ku moko, bavuga ko hari ubwoko bwavukanye ubushobozi bwo gutegeka n'ubundi bwagombaga gutegekwa. Bashyizeho indangamuntu zanditseho ubwoko, batanga amashuri n'imirimo hashingiwe kuri ayo moko, bituma Abanyarwanda batangira kwirebera mu ndorerwamo y'amacakubiri aho kwirebera mu ndorerwamo y'ubwenegihugu.

Ubukoloni kandi bwasenye zimwe mu nzego z'imiyoborere gakondo, bushyiraho ubutegetsi budashingiye ku baturage. Imirimo y'agahato, imisoro iremereye n'ubuhinzi bwagombaga gutanga umusaruro woherezwa mu Burayi byatumye ubukungu bw'u Rwanda bukorera inyungu z'ibihugu by'abakoloni aho gukorera Abanyarwanda.

Igihe u Rwanda rwabonaga ubwigenge, izi nzego n'iyi mitekerereze byari bikiriho. Ikibazo cyari ukumenya niba ubuyobozi bushya bwari kubisenya cyangwa kubikomeza. Bwahisemo kubikomeza kuko Guverinoma ya mbere ya Kayibanda yari ayiyoboye ku izina ariko abakozi wakwita abatekinisiye bashyira mu bikorwa gahunda ziteganyijwe bari Ababiligi. Perezida Kayibanda we ubwe, umukuru w'ibiro bye yari Umubiligi Paul Pattyn.

Nubwo minisiteri muri Guverinoma ya Kayibanda zari ziyobowe n'Abanyarwanda ku izina, buri minisiteri yagiraga Umubiligi wungirije minisitiri ari we ukora byose; ubutabera bwari mu maboko ya François Ackerman, ubuhinzi mu maboko ya André Dubois, Jean Dens, minisiteri ishinzwe impunzi yari Émile de Jamblinne de Meux, ubukungu ari Jean Dens, muri rusange mu nzego za Leta, amashuri n'imishinga harimo Ababiligi babarirwaga hagati ya 350-400, ibi ni nyuma y'amasezerano yashyizweho umukono tariki ya 13 Ukwakira 1962, hagati ya Kayibanda n'ubwami bw'Ububiligi.

Ubwigenge bwari butegerejwe nk'igihe cyo kubaka igihugu gishingiye ku buringanire no ku mahirwe angana. Nyamara, ibyabaye nyuma ya 1962 byerekanye ko ubwigenge bwa politiki budahagije iyo budaherekejwe n'ubutabera n'imiyoborere idaheza.

**Repubulika ya mbere**

Repubulika ya Mbere yashyize imbere politiki yiswe iya "Revolisiyo y'Abahutu", ariko uko imyaka yagiye ishira, iyo mvugo yahindutse uburyo bwo gusobanura no gushyigikira ivangura rikorerwa Abatutsi. Abatutsi benshi birukanwe mu mirimo ya Leta, abandi babuzwa kwiga amashuri makuru cyangwa kwinjira mu gisirikare.


Mu 1963, mu 1967 no mu 1973 habaye ubwicanyi bwibasira Abatutsi mu bice bitandukanye by'igihugu. Ibihumbi n'ibihumbi by'abaturage bahungiye mu bihugu duturanye birimo Uganda, u Burundi, Tanzaniya na Zaïre. Abo bahunze bamaze imyaka irenga mirongo itatu mu buhungiro, abana babo bavukira hanze y'igihugu batigeze babona igihugu cy'ababyeyi babo.

Ikibabaje kurushaho ni uko ubuyobozi bw'icyo gihe butashatse gushaka igisubizo kirambye. Ahubwo bwakomeje

KOMEZA KU RUP.14

# Imyaka 32 yo kuroha u Rwanda nyuma y’ikiswe ubwigenge, n’indi 32 yo kurwubaka nyuma yo Kwibohora

IBIKURIKIRA URUP.13




**Abakoloni bashyizeho indangamuntu zigaragaza amoko, aho kuba ibyiciro by’imibereho**

kubwira amahanga ko “nta santimetero n’imwe isigaye mu Rwanda” yo gutuzamo impunzi. Iyi mvugo yagiye iba politiki ya Leta aho kuba uburyo bwo gukemura ikibazo.

**Repubulika ya kabiri**

Nyuma ya Kayibanda, ubutegetsi bwa Perezida Juvénal Habyarimana bwaje buvuga ko bugiye kugarura amahoro n’ubumwe. Mu myaka ya mbere, igihugu cyagize ituze ugereranyije n’ibihe byari byabanje, nyamara imiterere y’ivangura ntiyahindutse. Hashyizweho politiki yiswe “équilibre ethnique et régional”, yavugaga ko igamije uburinganire mu mashuri no mu kazi. Mu bikorwa, yabaye uburyo bwo gushyiraho ibipimo byabuzaga Abatutsi kubona amahirwe angana n’abandi Banyarwanda.

Muri icyo gihe kandi havutse ikindi kibazo gikomeye: akarere kavukagamo Perezida Habyarimana katangiye kwiharira imyanya ikomeye mu gisirikare, mu nzego z’umutekano no mu buyobozi bwa Leta. Ibi byongereye ikibazo cyari gishingiye ku moko kijya no ku turere. Iyo igihugu gitangiye guha amahirwe abaturage hashingiwe ku bwoko cyangwa aho bakomoka aho gushingira ku bushobozi, kiba gitangiye gusenya amahame y’ubwenegihugu. Ivangura rishingiye ku moko, ryakorwaga hanategurwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yakozwe mu minsi ijana gusa ihitana abarenga miliyoni

Mu by’ukuri, iyo minsi ijana ni yo yabayemo ubwicanyi ndengakamere, ariko gutegura Jenoside ubwabyo byatwaye imyaka myinshi. Amashyaka ahembera urwango, ibinyamakuru byigisha amacakubiri, amaradiyo ashyushya imitwe, imitwe yitwara gisirikare n’umuco wo kudahana abakoze ubwicanyi ni byo byagiye byubaka umuco wo kudahana watumye abaturage bitabira gukora Jenoside ku bwinshi.

Iyo ubwicanyi bwa mbere budahanwe, gukora ubukurikiye biba byoroshye. Abitabiriye ubwicanyi bwakorewe Abatutsi mu myaka ya za 1960 no muri 1972 bahembwe imitungo yabo bishe cyangwa bamenesheje. Iyo ivangura ryemerwa mu mategeko, amaherezo abaturage baryakira nk’ibintu bisanzwe

Iyo umuntu atakibona nk’Umunyarwanda ahubwo akabanza kwiyumvamo ubwoko bwe, igihugu kiba kiri mu nzira y’ibyago. Ibi ni byo byaranze Repubulika ya mbere n’iya kabiri zari ziyobowe na Gregoire Kayibanda na Juvénal Habyarimana.

Tariki ya 7 Mata 1994, isi yabonye ingaruka ziyo politiki mbi yari imaze imyaka 32 yubakwa. Hishwe Abatutsi barenga miliyoni mu minsi ijana gusa. Abandi baturage basaga miliyoni eshatu bajyanwa bunyago mu bihugu by’abaturanyi cyane cyane Zaire na Tanzaniya.

Nyuma yuko Ingabo za RPF-Inkotanyi zihagaritse Jenoside yakorewe Abatutsi, igihugu cyari cyarasenyutse mu buryo bwose. Inzego za Leta zari zarasenyutse, ubukungu bwarahagaze, ibikorwa remezo byinshi byari byarangiritse. Ikibazo cyari gihari nticyari icyo kongera kubaka inzu gusa. Cyari icyo kongera kubaka igihugu n’umutima w’Abanyarwanda.

Ubuyobozi bushya bwari burangajwe imbere na FPR - Inkotanyi, bwahisemo ko igihugu kitazongera kubakirwa ku moko, ahubwo kizubakwa ku bwenegihugu bumwe. Mu nyandiko za Leta no mu mikorere yayo, Umunyarwanda yabaye ishingiro ry’ubwenegihugu kurusha ibindi byose.

Hashyizweho Komisiyo y’Ubumwe n’Ubwiyunge, gahunda zo kwigisha amateka, gahunda zo kuvura ibikomere byo mu mutima n’ubutabera bwanyuze mu nkiko Gacaca kugira ngo ukuri kumenyekane kandi ababigizemo uruhare baryozwe ibyaha bakoze. Izi gahunda zafashije abaturage benshi kongera kubana no kubaka icyizere. Isomo rikomeye Jenoside yakorewe Abatutsi yasize ni uko igihugu kidashobora gutera imbere kidafite inzego zikomeye.

Mu myaka 32 ishize, u Rwanda rwashyize imbaraga mu kubaka inzego zikorera abaturage aho gukorera abayobozi. Hashyizweho gahunda yo kwegereza abaturage ubuyobozi, Imihigo ituma abayobozi babazwa ibyo basezeranyije abaturage, ndetse hanashyirwa imbaraga mu kurwanya ruswa. Izi gahunda zafashije Leta kongera icyizere abaturage bayifitiye no kunoza imitangire ya serivisi.

Mu myaka 32 ishize nanone, iterambere ry’u Rwanda ntiryagarukiye ku nyubako cyangwa imihanda. Ubwisungane mu kwivuza bwatumye abaturage benshi babona ubuvuzi ku giciro gito. Amashuri abanza n’ayisumbuye yagejejwe kuri benshi. Ikoranabuhanga ryahinduye uburyo abaturage babona serivisi za Leta. Imihanda, amashanyarazi n’amazi meza byageze mu bice byinshi by’igihugu.

Abagore bahawe amahirwe angana n’abagabo mu buyobozi no mu gufata ibyemezo, bituma u Rwanda ruba kimwe mu bihugu bifite umubare munini w’abagore mu Nteko Ishinga Amategeko ku Isi.

Ubukungu bwakomeje kuzamuka, ishoramari ririyongera, ubukerarugendo bugira uruhare rukomeye mu bukungu, kandi u Rwanda rutangira kwakira inama mpuzamahanga zikomeye. Nubwo hakiri ibibazo byo gukemura, icyerekezo cy’igihugu kigaragaza itandukaniro rinini n’icyari kiriho mu myaka 32 ya mbere nyuma y’ubwigenge.

**Hari ibintu bidashobora gupimwa n’imibare**

Agaciro ko kuba Umunyarwanda ntikagaragarira gusa mu musaruro mbumbe cyangwa mu nyubako zigezweho. Kagaragarira mu kuba umwana uvutse uyu munsi atagomba kubazwa ubwoko bwe kugira ngo yige cyangwa akore. Kagaragarira mu kuba abaturage bashobora kwitabira Umuganda, bakagira uruhare mu bikorwa bibagenewe nk’amashuri n’amavuriro.

Ni yo mpamvu kubaka Ubumwe n’Ubunyarwanda ari cyo gikorwa gikomeye kurusha ibindi byose igihugu cyagezeho nyuma ya 1994. Imibare ntiyandika amateka, ariko ifasha kuyasesengura. Imyaka 32 ya mbere nyuma y’icyiswe ubwigenge yerekana uko igihugu gisenywa buhoro buhoro n’amacakubiri, ivangura n’ubutegetsi budaha agaciro abaturage bose.

Imyaka 32 ya kabiri nyuma yo Kwibohora yerekana ko n’igihugu cyanyuze muri Jenoside gishobora kongera kwiyubaka iyo gishyize imbere ubumwe, imiyoborere myiza, ubutabera n’iterambere ridaheza.

Amateka y’u Rwanda ni inkuru y’akababaro yarushegeshe mu gihe cy’ubutegetsi bubi, ariko aho RPF - Inkotanyi bobohoye igihugu, u Rwanda ruri kwandika inkuru y’ubudasa bw’Abanyarwanda, inkuru y’icyizere cyo kongera kubaho. Ni inkuru igaragaza ko ibihugu bishobora guhindura icyerekezo iyo bifite ubuyobozi bwiza, abaturage bafite ubushake bwo kwiyubaka, n’icyemezo cyo kutazongera kwemera ko urwango rusenya igihugu.

Uyu munsi, imyaka 32 irashize. Imibare yerekana ko umubare munini w’Abanyarwanda ari urubyiruko rwakuriye muri politiki nziza, bityo ahazaza h’igihugu mu yindi myaka 32 n’indi irenga ikaba itanga icyizere. Izaba imyaka yo gukomeza kubungabunga ubumwe, kongerera urubyiruko amahirwe, guteza imbere ubukungu bushingiye ku bumenyi no gukomeza kurinda amateka yacu kugira ngo Jenoside itazongera kubaho ukundi.

Niba imyaka 32 ya mbere yarigishije Isi uko igihugu gishobora gusenywa n’urwango, imyaka 32 ya nyuma irigisha ko gishobora kongera kubakwa n’ubuyobozi burangwa n’icyerekezo cyiza, ubutabera, ubumwe n’ubwitange bw’abaturage. Iryo ni ryo somo rikomeye amateka y’u Rwanda aha Afurika n’Isi yose.

# 'Ndicuza igihe namaze ndindagira' - Ubuhamya bwa Maj.(Rtd) Kubwayo wabaye muri CNDD-FDD, FDLR na FLN imyaka 29



Maj. Gen. Kubwayo Peter yahishuye ko imyaka 29 yamaze mu mashyamba ayicuza

**KAMALIZA Agnes**

***"Icyo nakuye mu ishyamba ni agahinda! Ndicuza ikintu cyatumye mara igihe kingana kuriya ndi kwirukanka, ndi kurindagira. Iyo nza kuba naraje mbere y'igihe mba narize, mba mfite urwego nagezeho rwamfasha kwibeshaho nkakorera n'Igihugu."***

Aya ni amagambo ya Maj. (Rtd) Peter Kubwayo, wahunze u Rwanda kuva rwabohorwa ku wa 4 Nyakanga 1994, ubwo Jenoside yakorewe Abatutsi yahagarikwaga n'ingabo za RPA-Inkotanyi. Kubwayo we yahisemo kwibera mu mashyamba y'i Burundi na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), yifatanya n'imitwe y'iterabwoba igamije kongera gukora Jenoside no gufata ubutegetsi mu Rwanda.

Kubwayo, wavutse mu 1975 mu Murenge wa Musange, Akarere ka Nyamagabe, yize amashuri abanza i Kaduha B, akomereza mu Ijenda, nyuma ajya mu Rwunge rw'Amashuri rwa Runyombyi. Mu 1994, ubwo Jenoside yakorewe Abatutsi yabaga, yahise ahunga avuga ko ari kwihisha "Inyenzi Inkotanyi" ngo zitamwica. Yinjiriye i Burundi muri Komine Mabaye, Kibitoke, ahasanga CNDD-FDD (Conseil National Pour la Défense de la Démocratie – Forces pour la Défense de la Démocratie), umutwe wari ufite muri gahunda zawo kurimbura Abatutsi b'i Burundi no gukomereza mu Rwanda. CNDD-FDD yafashijwe n'abahoze mu ngabo za EX-FAR n'Interahamwe.

Kubwayo yinjijwe mu myitozo ya gisirikare, abwirwa ko ari ugufasha Abahutu gufata ubutegetsi mu Burundi no mu Rwanda. Ati: "Abarundi baratubwiraga bati: muze dufashe Abahutu dufate ubutegetsi, nitumara gufata ubutegetsi mu Burundi duhindukire tujye no mu Rwanda turwanye ubutegetsi bw'Abatutsi."

Muri Mutarama 1995, CNDD-FDD yatangiye kurwana mu bice bya Bukinanyana, Mabayi, Runda na Busesa. Nyangoma Léonard wari uyoboye uwo mutwe, ariko nta bikoresho bihagije bari bafite, bakoreshaga ibyo bahawe na EX-FAR. Batangiye kugaba ibitero by'Abacengezi mu Rwanda banyuze mu Majyaruguru n'Amajyepfo. Kubwayo avuga ko muri CNDD-FDD habaga inzara n'ibibazo bikomeye, bituma muri Gicurasi 1996 yambuka Rusizi ajya muri RDC.

Yageze mu nkambi ya Runingu, ahurirayo n'umwarimu wamwigishije i Runyombyi, amufasha kuhisanga. Nyuma yimukiye Kagunga, akora nk'umukozi ushinzwe ubuzima, ariko mu Ugushyingo 1996 ahungira muri Tanzania mu nkambi ya Kasuru. Yahabaye kugeza mu 2000, agaruka muri RDC yiyunga na FDLR (Forces Démocratiques de Libération du Rwanda), umutwe washinzwe n'abasize bakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Mu 2001, Joseph Kabila yahamagaye abayobozi ba EX-FAR n'Interahamwe ngo bamufashe kurwanya Abatutsi. Muri bo harimo Gen. Sylvestre Mudacumura, Gen. Leodomir Mugaragu, Col. Aloys Bihirabagabo, Col. Tharcisse Renzaho, Gen. Emmanuel Nyamuhimba na Ignace Murwanashyaka. Kubwayo ati: "Kabila yarababwiye ati: nimuze mumfashe kubaka igisirikare turwanye Abatutsi banteye." Batangiye imyitozo ikaze, mu 2001 u Rwanda rwongera kugabwaho ibitero by'Abacengezi, ariko birapfuba. Col. Pierre Habimana (Col. Bemera) yafatiwe muri ibyo bitero, akatirwa igifungo cya burundu, nyuma apfira muri gereza ya Mpanga.

Mu 2002, intambara y'imitwe irenga 25 y'inyeshyamba yibasiye Uburasirazuba bwa RDC. Amasezerano ya Pretoria yarasinywe, RDC itangaza FDLR nk'umutwe utemewe. Abayobozi bamwe barafashwe, ariko ntibyaciye intege FDLR. Mu 2003, Gen. Rwarakabije yatahanye n'abandi 180 mu Rwanda, bituma habaho urwikekwe hagati ye na Mudacumura. Kubwayo ati: "Inkuru yabaye kimomo abantu batangira gukekana, umwiryane uba uratangiye."

Akomeza avuga ko abayobozi bakuru bari barababujije kurongora, bavuga ko ari ubuhanuzi bwa Bikiramariya. Ariko mu 2011, Kubwayo yabonye umugore wa Gen. Omega amusura avuye mu Rwanda, bituma abona ko abayobozi bababeshya. Nyuma yaho, FDLR yacitsemo ibice, bamwe bashinga CNRD-FLN mu 2016.

Kubwayo yaje kwiyomora kuri FDLR, yinjira muri FLN, umutwe washinzwe na Irategeka Wilson (Ndagijimana Laurent) n'abandi. FLN yashatse inkunga yo gutera u Rwanda, yifashisha Kubwayo wari waramenyereye i Burundi. Gen. Wilson yatangiye kuvugana na Paul Rusesabagina, Callixte Nsabimana [Sankara] na Twagiramungu Faustin, babaha inkunga y'amafaranga. Kubwayo yakomeje gutata amakuru, ndetse akajya ashyikiriza amafaranga Lt. Gen. Hamada Habimana yoherezwaga na Rusesabagina.

Intego nyamukuru yari uguhungabanya amatora ya Perezida ya 2017. Ariko u Burundi bwababwiye ko gufata u Rwanda bitoroshye. Mu 2018, bashinga MRCD, bagaba ibitero muri Nyungwe, Nyaruguru, Nyamagabe na Rusizi. Ibyo bitero byabaye mu Ugushyingo 2019, Gicurasi 2021 na Kamena 2022. Nyuma, Rusesabagina na Sankara barafashwe bagezwa imbere y'ubutabera bw'u Rwanda.

Kubwayo yaje gufatirwa i Burundi, arafungwa, nyuma yaje gufungurwa, mu 2023 ataha mu Rwanda. Ati: "Mu Rwanda banyakiriye neza bambaza ibyo nabagamo mbaha amakuru, mpita njya Mutobo mu ngando." Yafashijwe kuvugana n'umuryango we wari warasigaye muri Kongo, nyuma uza kugarurwa mu Rwanda mu nkambi ya Nyarushishi. Ku wa 23 Ugushyingo 2023, Kubwayo yasohotse ingando, asanga umuryango we waramaze kugaruka.

Kubwayo ashimira ubuyobozi bw'u Rwanda bwamwakiriye neza, ariko akavuga ko imyaka 29 yamaze mu mashyamba ari igihombo gikomeye. Ati: "Igihugu nagihunze ntacyanze, ni amateka mabi twakuriyemo. Ndicuza igihe namaze ndindagira."

Ashimangira ko ubu Igihugu kiyobowe neza gifite amahoro kandi buri Munyarwanda afite umusanzu mu kucyubaka no kugiteza imbere ari nako agira inama urubyiruko agira ati: "Urubyiruko ruri mu Rwanda rufate mu ntoki amahirwe rwagize yo kuvukira mu Gihugu kiyobowe neza, kuko ubu hari abashobora kurengwa bakiroha mu bikorwa bibi kubera amakuru bahabwa ku mbuga nkoranyambaga."

Asaba buri Munyarwanda kumva ko nta heza nk'iwabo kandi abakibyiruka bakitandukanya n'ibyaha ababyeyi babo cyangwa abo mu miryango yabo bakoze ahubwo bakubaka u Rwanda ruzira amacakubiri.

# Kwibohora 32: Ikiganiro na Richard Hall wakoze filimi “The 600”




Filimi “The 600” igaruka ku nkuru y’abasirikare 600 b’Inkotanyi bari muri CND




Richard Hall na Uwizeye Annette bafatanyije gukora “The 600”

MICOMYIZA BALINDA FIDELE

***Mu gihe u Rwanda rwizihiza imyaka 32 ishize Ingabo za RPA-Inkotanyi zihagaritse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 zikanabohora Igihugu, Imvaho Nshya yaganiriye na Richard Hall wakoze Filimi yise “The 600”. Ni inkuru igaruka ku mutwe w’ingabo 600 zari ziri muri CND aho zari zaraje kurinda Abanyapolitiki b’Inkotanyi nkuko byari bikubiye mu masezerano ya Arusha.***

Muri iyi nkuru, Richard Hall aragaruka ku nkomoko y’iyo filimi n’umurage w’izo ngabo.

Hall yibuka uko yatangiye, agira ati: “Ubwa mbere ngera mu Rwanda nari kumwe n’umugore wanjye, nahuye na ba nyirarume babiri bari muri izo ngabo 600. Bambwiye inkuru zabo, umwe anjyana mu ‘Ngoro y’Urugamba rwo guhagarika Jenoside’ yari imaze gufungurwa. Nanyuzwe cyane n’ubutwari bwabo bituma ntangira gushaka uburenganzira bwo gukora iyo filimi.”

Yongeraho ati: “Byari imwe mu nkuru z’intambara z’ubutwari nigeze kumva. Nari nzi ko itazwi cyane hanze y’u Rwanda, ariko ikwiye kumenyekana ku rwego mpuzamahanga.”

Gukora iyi filimi ntibyari byoroshye. Hall ati: “Ntekereza ko abasirikare bari basanzwe batamenyereye gusangiza abantu inkuru zabo mu ruhame. Ntibashakaga kugaragara nk’abashaka ishimwe ku giti cyabo, ahubwo bumvaga ko ari ubutwari bw’ingabo zose [za RPF-Inkotanyi]. Nyuma y’uko Minisiteri y’Ingabo impaye uburenganzira bwo kuvugana na bo, ni bwo bamwe bemeye. Ku barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, twifashishaga abajyanama cyangwa abaganga kuko hari ubwo bavugaga ibyababayeho bakagira ihungabana.”

Ku bijyanye n’umwihariko wa ‘The 600’ ugereranyije n’izindi nkuru z’intambara zo kwibohora ku Isi, Hall agira ati: “Zari ingabo [RPF-Inkotanyi] zifite imyumvire yo ku rwego rwo hejuru, yakururaga abantu bo muri Diaspora nyarwanda. Bari bafite impamvu barwanira, kandi bari bafite ikinyabupfura, ibyo byabafashije gutsinda.”

Hari ibihe bibiri byamukoze ku mutima akora iyi filimi. Hall ati: “Bwa mbere, ni inkuru y’umusirikare wari ku rugamba i Kigali, akagera ku murambo wa nyina, ariko agakomeza kurwana. Umwe mu bo twari kumwe yari uwo mu muryango we, ariko ntabwo yari abizi. Ntawe yari yarigeze abibwira. Bwa kabiri ni inkuru ya nyirarume w’umugore wanjye wasobanuye uko yabonye umugore wanjye, umwe muri bake barokotse mu muryango we.”

Ku rubyiruko rw’u Rwanda, Hall yizeye ko filimi izabatera ishyaka: “Ku rubyiruko rw’u Rwanda, nifuza ko bazigira ubutwari nk’ubwa bariya magana atandatu [“The 600”] mu bihe byari bidashoboka. Ntibirinze gusa ibitero, ahubwo bafashe iya mbere, banatabara Abatutsi benshi bicwaga. Uwo mutima w’ubutwari ni igihango gikomeye.”

Yibutsa kandi akamaro k’iyo filimi mu kurwanya abahakana n’abapfobya Jenoside, ati “Nakoze ‘The 600’ kuko nahuye n’abapfobya, abahakana n’abahindura amateka [ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994] baba mu Burengerazuba bw’Isi [u Burayi/ Europe]. Hari n’izindi filimi zakorewe mu Burengerazuba bw’Isi, zigatesha agaciro Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, zigahimba intwari z’ibinyoma. Nashakaga kubikosora.

Ku rwego mpuzamahanga, filimi “The 600” yakiriwe neza. Hall ati: “Yakirirwe neza cyane. Biragoye kwibaza ku nkuru yacu mu gihe abayirimo bose ari abari bibereye aho inkuru bavuga zabereye. Yaba ingabo zatabaraga abicwaga yaba n’abatabawe na zo.” Yongeraho ati: “Mu by’ukuri, abantu benshi hanze ya Afurika ntibazi neza abari mu rugamba. Iyi filimi ifasha kwigisha, gutera ishyaka no kugaragaza amateka y’ukuri. Hakenewe izindi filimi nyinshi. Ubu ndi gukora indi ivuga ku rugamba rwo kwirwanaho kw’Abanyabisesero - ‘The Battle of Bisesero’ - izasohoka umwaka utaha [2027].”

Ku butumwa rusange, Hall ati: “Bari [RPF-Inkotanyi] bayobowe n’imyumvire yuko Abanyafurika bagomba kwirengagiza iby’amoko bakareka ibibatanya bagashyira imbere kunga ubumwe, bakaba ihanga rikomeye.”

Ku giti cye, avuga ko uyu mushinga wamuhinduriye byinshi, ati: “Nafungutse amaso, nize byinshi cyane, numva iyi filimi n’ibiganiro nakoreye mu Rwanda ari byo bikorwa by’ingenzi nakoze mu buzima bwanjye.” Ku bisobanuro by’Umunsi wo Kwibohora, ati: “Ndawizihiza n’umugore wanjye, umuryango we, n’abakozi bagenzi banjye mu Rwanda no muri Amerika.”

Hall yemeje ko azakomeza gusangiza inkuru z’u Rwanda ku Isi binyuze muri sinema: “Yego, ‘The Battle of Bisesero’ n’indi filimi ndende izasohoka mu 2027 kandi turi kuyifata ubu hamwe n’itsinda ry’abanyamwuga b’Abanyarwanda, Abanyafurika y’Epfo n’Abanyakenya.”

# Kwibohora 32: Kigali yavuye mu matongo yongera gushibuka ubu ni Umujyi w'amabengeza



**Imiturirwa yo mu Mujyi wa Kigali yiyongera uko bukeye n'uko bwije**

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Buri ku wa 04 Nyakanga, mu myaka 32 ishize, u Rwanda rwizihiza Umunsi Mukuru wo Kwibohora, umunsi ingabo zahoze ari iza RPA-Inkotanyi zahagaritse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Mu gihe u Rwanda rwizihiza uyu munsi ku nshuro ya 32, Umujyi wa Kigali ni urugero rwiza rw'uko ubuzima bwigeze gushegeshwa bushobora kongera kubakwamo icyizere, n'intego zirambye z'ahazaza. Umujyi wari warangiritse, uyu munsi wahindutse ikimenyabose mu isuku, umutekano n'iterambere muri Afurika yose.***

Ubwiyongere bw'Abatuye Umujyi wa Kigali mu bihe bitandukanye ni igisobanuro cyo kongera kubaho k'ubuzima. Ubwo u Rwanda rwabonaga ubwigenge mu 1962, Kigali yari ituwe n'abantu 6 000. Mu 1991, imyaka itatu mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi, uyu mubare wari ugeze ku 235 000.

Mu mwaka wa 2002, uyu mubare wari umaze kugera ku 603 000, na 1 000 000 irenga mu 2012. Ibarura rusange ry'Abaturage rya 2022 ryagaragaje ko abatuye muri Kigali bari miliyoni 1,74.

**Impinduka mu miyoborere**

Mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Kigali yari imwe muri Peferegitura zari zigize Igihugu. Kimwe n'ubundi buryo bw'imiyoborere bwariho mu gihugu, ubu buryo bw'imiyoborere bwagiye buvugururwa guhera mu 1994, hagamwijwe kwegereza ubuyobozi abaturage. Mu 2006, Umujyi wa Kigali wagizwe imwe mu Ntara 5 zigize Igihugu, ugizwe n'Uturere dutatu ari two Gasabo, Kicukiro na Nyarugenge.

Mu myaka yakurikiye aya mavugurura, utu Turere twahawe ububasha bwo gufata ibyemezo bireba abaturage ku mitangire ya serivisi n'iterambere ryabo. Amavugurura yandi yabaye muri Mutarama 2020 yahinduye imiterere y'ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali, ububasha buhabwa Inama Njyanama y'Umujyi mu rwego rwo koroshya ihuzabikorwa n'imitangire ya serivisi mu mujyi.

**Kuva ku matongo kugera ku miturirwa tubona uyu munsi: Ibikorwa remezo nk'izingiro ry'iterambere**

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ibikorwa remezo mu Mujyi wa Kigali byasaga n'ibitakiriho. Imihanda yari yarangiritse indi itakiri nyabagendwa, inyubako rusange zarasenywe ndetse na serivisi z'ibanze abaturage bakenera buri munsi nk'amazi n'umuriro byarasenyutse.

Kigali y'uyu munsi ihabanye cyane n'iyo mu myaka 32 ishize. Hamwe n'igishushanyo mbonera cy'umujyi cyashyizwe ahagaragara bwa mbere mu 2013, kikaza kuvugururwa kigahuzwa n'icyerekezo 2050, Umujyi wa Kigali wahindutse igisobanuro cy'umujyi ufite igenamigambi rikwiriye ry'ibikorwaremezo birimo imihanda, amahuriro yayo, inyubako zikorerwamo imirimo itandukanye ndetse n'uburyo bw'imiturire buboneye.

Inyubako z'icyitegererezo nka Kigali Convention Center ndetse n'Icyanya cy'inganda cya Kigali giherereye Masoro kuri ubu ni bimwe mu birango by'Umujyi wa Kigali. Ibikorwa bitandukanye bindi na byo bikomeje kugenda bishyirwamo ingufu hamwe n'abafatanyabikorwa batandukanye, harimo imihanda n'uburyo bwo gutwara abantu mu buryo bwa rusange.

Kongera kubaka ubukungu bwari bwaramaze kwangirika



**Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali Dusengiyumva Samuel yavuze ko Umujyi wa Kigali ufite icyerekezo gihamye**

Ubukene bwatewe na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bwari hose mu Gihugu. Kongera kubaka ubukungu bw'u Rwanda, hamwe n'Umujyi wa Kigali ku ruhembe nk'igicumbi cyabwo, bwahindutse icyitegererezo mu nkuru z'iterambere ry'ubukungu. Umusaruro Mbumbe w'Igihugu wavuye kuri miliyari 3,2 z'amadolari ya Amerika mu 1990 ugera kuri miliyari 14 muri 2024. Kigali kandi ikomeje kuba imbere mu rugendo rw'Icyerekezo 2050.

Ikigo cy'Imari n'Imigabane cy'u Rwanda na cyo cyatangiye imirimo muri 2008. Inganda, ikoranabuhanga, imari, ubukerarugendo busanzwe ndetse n'ubushingiye ku kwakira inama zitandukanye byahinduye Kigali izingiro ry'ubukungu ivuye ku kuba umujyi wazimye.

**Amahoro n'umutekano: Kuva mu midugararo hakubakwa icyizere**

Kigali ni Umujyi wavuye kure mu bijyanye n'umutekano. Mu 1994, Kigali yari ihuriro ry'ibikorwa bya Jenoside yakorewe Abatutsi. Amategeko ayobora abantu yari atakibaho. Uyu munsi, u Rwanda ni kimwe mu bihugu biyoboye ibindi mu kugira umutekano muri Afrika. Raporo y'Ikigo gikora ubushakashatsi ku bintu bitandukanye cyitwa 'Numbeo', mu 2024 yashyize u Rwanda ku mwanya wa mbere mu bihugu bitekanye muri Afurika.

Intonde mpuzamahanga n'ibigo by'ubukerarugendo bitandukanye byagiye bigaragaza u Rwanda mu bihe bitandukanye, by'umwihariko Kigali, nka hamwe mu hantu hatekanye muri Afurika, haba kuri ba mukerarugendo ndetse n'abaturage. Ibi kandi bigaragarira mu buzima bwa buri munsi bw'abagenda muri Kigali nko mu mu buryo bw'imigendere n'imigenderanire itunganye, umutekano w'abantu n'ibintu ndetse n'uburyo bw'imiyoborere butuma ibi byose bishoboka.

**Inzira y'ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda**

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, u Rwanda ndetse na Kigali by'umwihariko, rwari ruhanganye n'ikibazo cyo kongera kunga Abanyarwanda. Mu guhangana n'iki kibazo, u Rwanda rwahisemo gushyira imbere 'Ubunyarwanda' gusumba amoko.

Buri wa 07 Mata, u Rwanda n'Abanyarwanda batangira ibihe byo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ndetse Umukuru w'Igihugu agacana urumuri rw'icyizere nk'ikimenyetso cy'icyizere ku Rwanda rujya imbere. Muri uku kwibuka hashibutsemo umuco w'ubumwe n'ubwiyunge, kubaha inshingano mboneragihugu ndetse n'ubufatanye ntagereranywa mu kubaka ahazaza h'Igihugu, byose byubakiye ku Bunyarwanda nk'indangagaciro shingiro ituma Abanyarwanda n'abatuye muri Kigali by'umwihariko baterwa ishema no kuba Abanyarwanda.

**Isuku nk'ikirango cya Kigali muri Afurika yose**

Kigali yubatse izina nk'umwe mu mijyi isukuye kandi itekanye, bituma uba umwe mu mijyi ikurura ba mukerarugendo nk'uko bigaragazwa na Raporo y'Ikinyamakuru 'Africa Report', gisanzwe gikora intonde z'imijyi myiza gusumba indi muri Afurika.

Urugendo rwa Kigali rwo kuba umujyi wa mbere usukuye muri Afurika kandi rworohejwe no guca imikoreshereze ya pulasitike ndetse no gushyiraho

KOMEZA KU RUP.18

# Kwibohora 32: Kigali yavuye mu matongo yongera gushibuka ubu ni Umujyi w'amabengeza

IBIKURIKIRA URUP.17




Abanyakigali bashimira ubuyobozi burangajwe imbere na Perezida wa Repubulika Paul Kagame bwababahaye umutekano ubageza ku iterambere



Umujyi wa Kigali ushyize imbere iterambere rijyana no kubungabunga ibidukije ndetse no guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe

amabwiriza abuza gushyira imyanda ahabonetse hose. Ibi byatumye Umujyi uba icyitegererezo ku rwego mpuzamahanga mu bijyanye no kubaka ubrere mboneragihugu mu baturage ku buryo indi mijyi muri Afurika iza kuwigiraho.

**Kigali Itoshye: Iterambere ribungabunga ibidukikije**

Uretse kandi isuku, Umujyi wa Kigali witaye cyane ku iterambere ritangiza ibidukikije, ibintu biwugira icyitegererezo ku Isi yose.

Imishinga nka 'GREEN City Kigali' na 'SUNCASA' ni ingero nziza zigaragaza icyerekezo cy'iterambere ry'Umujyi rishingiye ku gushaka ibisubizo ku buryo bw'imiturire buboneye, gutwara abantu mu buryo bwa rusange n'indi mishinga igamije kurengera ibidukikije. Ibi byose bikaba bizakomeza gukorwa no mu bindi bice by'Igihugu.

"Umushinga wa SUNCASA ni urugero rwiza rw'icyerekezo cy'Umujyi wa Kigali. Gahunda yacu ni ukongera ingano y'ibiti dutera, haba mu ngo zacu ndetse n'ahahurira abantu benshi. Nanone kandi, ibi bigomba kugerwaho hashakwa ibisubizo bigamije kurengera ibidukikije bitari ugutera ibiti gusa". Samuel Dusengiyumva, Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, yabikomojeho mu muhango wo gutangiza ku mugaragaro umushinga wa SUNCASA, ku wa 04 Ugushyingo 2024.

Muri iyi gahunda, Umujyi wa Kigali wihaye intego yo gutera ibiti miliyoni eshatu mbere y'uko umwaka wa 2029 urangira, ibi bigakorwa binyuze mu bukangurambaga buzwi nk' 'Igiti cyanjye'. Gutunganya ibishanga hagamijwe kubihindura ahantu nyaburanga, gufata amazi ndetse no kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima ni undi mushinga ukomeye uri gukorwa muri Kigali.

Ibi byose kandi bigomba kujyana n'uburyo bwo gutwara abantu mu buryo bwa rusange, binyuze mu mushinga wagutse wa RUMI (Rwanda Urban Mobility Improvement). Hamwe n'uyu mushinga, Gare ya Nyabugogo izavugururwa, hashyirweho ibice byihariwe imodoka zitwara abantu mu buryo bwa rusange, inzira z'abanyamaguru ndetse n'amagare. By'umwihariko, Umujyi ukomeje guteza imbere imikoreshereze y'imodoka zikoresha amashanyarazi.

'CAR FREE DAY' ni indi gahunda na yo yashyizweho hagamije guteza imbere siporo no kongera guha Abanyamujyi amahirwe yo kuwunezererwa. Hamwe n'ibi byose, kubungabunga ibidukikije ni imwe mu nkingi icyenda zishingiyeho imikoreshereze y'ubutaka mu Mujyi wa Kigali.

**Kigali nk'umurwa uhanzwe amaso n'Isi yose**

Uyu munsi, Kigali ni umujyi buri wese yifuza gusura. Kigali yabaye umujyi wubatse izina nk'ahantu h'akataraboneka mu kwakira inama mpuzamahanga. Mu bihe bitandukanye, Umujyi wa Kigali wakiriye inama zitandukanye zikomeye nk'inama ihuza ibihugu biri mu muryango wa Afurika yunze ubumwe, ibiri mu muryango mpuzamahanga uhuza ibihugu bikoresha ururimi rw'Icyongereza ndetse n'izindi nama zitandukanye zikomeye. Mu mwaka wa 2024 wonyine, Umujyi wa Kigali wakiriye abarenga 17 000 bitabiriye inama mpuzamahanga zaberaga mu Rwanda, aho utanasibye kuza imbere ku ntonde z'ahantu heza ho gukorera inama zikomeye mu bihe bitandukanye.

Ibi kandi birakomeje, aho Umujyi wa Kigali wahawe kwakira inama itegurwa n'Umuryango Mpuzamahanga ushinzwe Gutegura Inama zitandukanye zikomeye (International Congress and Convention Association), inama yaherukaga kubera ku mugabane wa Afurika mu myaka 20 ishize. Ibi ntibyumvikanaga nk'ibyashobokaga ku mujyi wahuzwaga n'ubuhunzi mu 1994, ariko kuri ubu ukaba ari ikirango cy'imiyoborere myiza n'icyizere ku hazaza.

**Umuturage ku isonga ry'imiyoborere n'ibimukorerwa**

Uruhare rw'abaturage rwabaye inkingi ya mwamba mu miyoborere ya Kigali. Abaturage bagira uruhare rukomeye mu miyoborere binyuze mu nteko z'abaturage ndetse n'uburyo butandukanye bwo gutanga ibitekerezo ku bibakorerwa.

Ubu buryo kandi bukoreshwa mu miyoborere mu nzego zose z'Igihugu. U Rwanda kandi rwakoze byinshi ngo rwegereze serivisi abaturage, aho serivisi nyinshi mu zitangwa na Leta kuri ubu ziboneka mu buryo bw'ikoranabuhanga.

Inzego zitandukanye zireberera ibijyanye n'imiyoborere ku rwego mpuzamahanga byagiye bishyira u Rwanda mu bihugu bya mbere bifite imiyoborere myiza, aho bigaragaza ko igipimo cya ruswa mu Rwanda kiri hasi, bituma abatuye mu Mujyi wa Kigali bishimira uruhare rwabo mu kugera ku ntego z'iterambere.

**Imyaka 32 yo Kwibohora**

Umujyi wa Kigali wo mu mwaka wa 2026 utandukanye cyane na Kigali yari yarahindutse amatongo mu 1994. Ahasaga n'ahatazagaruka ubuzima ubu hatuwe na miliyoni zirenga 1,7 z'abantu. Ahari ubutegetsi bwasaga n'ubutariho ubu hari imiyoborere ihamye. Ahari amatongo ubu hari inyubako z'icyitegererezo ku mugabane wose ndetse n'ibyanya by'inganda. Ahari haraganje ubwoba ubu ni iwabo w'isuku n'umutekano muri Afurika yose. By'umwihariko, ahari amacakubiri ubu ni iwabo w'igisobanuro cy'ubumwe n'ubwiyunge, byose byubakiye ku buyobozi bwiza ndetse n'icyerekezo gihamye.

Mu gihe u Rwanda rwizihiza imyaka 32 yo Kwibohora, Umujyi wa Kigali ugaragaza iterambere ry'Igihugu ukaba n'igihamya ko isezerano ryo kongera kubaka u Rwanda buri wese yibonamo ritari amasigaracyicaro, ahubwo yari intego itomoye buri wese afitemo uruhare.

# Abanyarwanda 96% bagerwaho na serivisi z'imari, 73% bakoresha ikoranabuhanga



**Umusesenguzi mu by'ubukungu Rwiyereka Mathew**

KAMALIZA Agnes

***Ubushakashatsi bwa 'FinScope 2024' bwakozwe n'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) bwerekanye ko 96% by'Abanyarwanda (abarenga miliyoni 7,8) bagerwaho na serivisi z'imari, naho 73% bakoresha serivisi zishingiye ku ikoranabuhanga. Ibi bigaragaza izamuka rya 30% ugereranyije n'umwaka wa 2020, bikaba ikimenyetso cy'uko u Rwanda rukomeje kwimakaza ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu rwego rw'imari.***

Mu kiganiro na Imvaho Nshya, Rwiyereka Mathew, Umusesenguzi akaba n'Umuyobozi wa 'RG Partners', yibukije ko nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ubukungu bw'u Rwanda bwari hasi cyane hafi y ntabwo. Ingengo y'imari y'umwaka wa 1995 yari miliyari 56 Frw, inkunga z'amahanga zikagera kuri 90%. Ariko uyu munsi, Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINICOFIN) igaragaza ko ingengo y'imari y'umwaka wa 2026/27 izagera kuri miliyari 7 796,3 Frw.

Rwiyereka yagize ati: "Ubukungu bw'u Rwanda bwasubiye inyuma nyuma ya Jenoside, ariko Igihugu cyiyubatse gihereye kuri zero kigera ahantu cyiyubaka."

Urugendo rw'ikoranabuhanga mu rwego rw'imari

Gahunda yo gukoresha ikoranabuhanga yatangiye mu 2000, ubwo Guverinoma yashyiragaho ICT-led Development Vision ijyanye n'icyerekezo cya Vision 2020. Hag followed by politiki ya NICI (2001–2005), igamije kubaka inzego z'ibanze z'ikoranabuhanga.

Mu 2008 hatangiye 'Cashless Strategy', naho mu 2010 hatangizwa ku mugaragaro serivisi za 'Mobile Money'. Rwiyereka ashimangira ko mbere ya 2010, serivisi z'imari zasabaga kujya kuri banki, ariko ubu 'banki abantu barazigendana mu mifuka, aho bari hose bashobora kohereza cyangwa kwakira amafaranga.' Imibare yerekana ko: 86% by'Abanyarwanda bakoresha 'Mobile Money', 77% bafite konti ya 'Mobile Money' yanditse mu mazina yabo, 22% bafite konti muri banki.

Abenshi bakoresha 'Mobile Banking', 'Internet Banking' cyangwa 'USSD'. Ibi byatumye abaturage bagira icyizere mu mutekano w'amafaranga yabo, bongera gukorana n'ibigo by'imari no gushora imari. Amabanki n'ibigo bicirirtse byashyizeho uburyo buhuza serivisi na telefoni, bifasha kwizigamira no kwaka inguzanyo mu buryo bw'ikoranabuhanga.

Nubwo hari intambwe ikomeye imaze guterwa, Rwiyereka agaragaza ko hakiri imbogamizi: bamwe badasobanukiwe ikoranabuhanga, abandi bakibeshya cyangwa bakabura ubumenyi bwo gusoma no kwandika ku buryo gukoresha ikoranabuhanga bibabera umutwaro cyane cyane abakuze.

Mu rwego rwo gukomeza gutera imbere, Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) iri kugerageza ifaranga ry'ikoranabuhanga CBDC (e-Frw). Mu Werurwe 2026, BNR yatangaje ko yarangije igerageza ry'ibanze, hateganyijwe igerageza ryagutse rizamara amezi 12 mbere y'uko ryemezwa n'Inama y'Abaminisitiri. Iri faranga rizafasha mu kwishyura vuba, kurinda umutekano w'amafaranga no koroherez ubucuruzi bwambukiranya imipaka.

Rwiyereka asaba amabanki gukomeza kugendana n'ikoranabuhanga rigezweho, cyane cyane mu gukoresha indangamuntu y'ikoranabuhanga no kubyaza umusaruro amakuru y'abakiliya hifashishijwe 'Artificial Intelligence' (AI). Ati: "Umuntu akwiye kuba azwi, akaba yakwinjira muri banki ntibamubaze umwirondoro kuko aba yarawubahaye kera. Ibyo bizatuma serivisi zihuta kandi zitanga umusaruro."

Nk'uko Rwiyereka avuga ko, umuvuduko u Rwanda ruri kugenderaho mu ikoranabuhanga utazabuza ibigo by'imari gukomeza gutera imbere, ari nako ubukungu bw'Igihugu burushaho kuba ntayegayezwa.

# Umusaruro Mbumbe w'u Rwanda wiyongereyeho 10% mu gihembwe cya mbere cya 2026



**Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi Murangwa Yusuf yavuze ko ubukungu bw'u Rwanda bwakomeje kwiyongera mu gihembwe 1 cya 2026**

ZIGAMA Theoneste

***Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR) cyatangaje ko Umusaruro Mbumbe w'Igihugu (GDP) wazamutseho 10% mu gihembwe cya mbere cya 2026, ugereranyije n'igihe nk'icyo mu mwaka wa 2025. Uyu musaruro wageze kuri miliyari 6 345 z'amafaranga y'u Rwanda, uvuye kuri miliyari 5 276 Frw mu gihembwe cya mbere cya 2025.***

Mu nzego zatanze umusanzu muri uwo musaruro, urwego rwa serivisi rwagize uruhare rungana na 52%, inganda zigira 24%, ubuhinzi bugira 19%, mu gihe ibindi bikorwa by'ubukungu byagize uruhare rwa 5%. Ibi bikubiye muri raporo yashyizwe ahagaragara ku wa Kabiri, tariki ya 16 Kamena 2026.

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, Yusuf Murangwa, yavuze ko nubwo intambara iri kubera mu Burasirazuba bwo Hagati ishobora kugira ingaruka ku bukungu bw'Isi, ubw'u Rwanda bwakomeje kwiyongera muri iki gihembwe cya mbere cya 2026. Yagize ati: "Nubwo intambara yatangiye mu mpera z'ukwezi kwa Kabiri, ibikomoka kuri peteroli twari twaratumije byari bisanzwe biri mu nzira. Ubu dutegereje kureba uko bizagenda mu gihembwe cya kabiri."

Minisitiri Murangwa yagaragaje ko ubukungu bw'u Rwanda bukomeje kwerekana ibimenyetso by'izamuka rihamye, ashimangira ko nibura mu gihe nta gihungabanya ibikorwa by'ubukungu, iri zamuka rizakomeza. Yongeyeho ko u Rwanda rukomeje gufata ingamba zo guhangana n'ingaruka zishobora guterwa n'iyo ntambara, harimo kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga y'ishoramari no kongera ubushobozi bw'ubukungu imbere mu gihugu.

**Umusaruro w'ubuhinzi, inganda na serivisi wariyongereye**

Imibare ya NISR igaragaza ko umusaruro w'urwego rw'ubuhinzi wazamutseho 8%, uw'inganda wiyongeraho 13%, mu gihe urwego rwa serivisi rwazamutseho 7%. Mu rwego rw'ubuhinzi, umusaruro w'ibyoherezwa mu mahanga wazamutseho 39%, ahanini bitewe n'izamuka rya 86% ry'umusaruro w'ikawa. Umusaruro w'icyayi wagabanyutseho 3%, mu gihe uw'ibihingwa ngandurarugo wazamutseho 3%.

**Inganda zatanze umusaruro ushimishije**

Urwego rw'inganda rwakomeje kuba imwe mu nkingi z'iterambere ry'ubukungu, aho umusaruro warwo wazamutse bitewe n'izamuka rikomeye ry'inganda zitunganya ibintu bitandukanye. Mu byagize uruhare runini harimo izamuka rya 52% ry'umusaruro w'inganda zikora ibyuma, 57% ry'inganda zikora ibikoresho by'ubwubatsi birimo sima n'amatafari, 21% ry'inganda zikora ibikomoka ku binyabutabire n'ibikoresho bya pulasitiki na 22% ry'inganda zikora ibikomoka ku mbaho.

Serivisi zakomeje kuba inkingi y'ubukungu

Urwego rwa serivisi rwakomeje kugira uruhare runini mu bukungu bw'u Rwanda, aho umusaruro w'ubucuruzi buranguza n'ubudandaza wazamutseho 11%. Umusaruro w'urwego rw'ubwikorezi na wo wazamutseho 11%, harimo ubwikorezi bwo ku butaka bwiyongereyeho 10% ndetse n'ubwikorezi bwo mu kirere bwazamutseho 7%.

Mu zindi serivisi zagaragaje umuvuduko ukomeye harimo itumanaho n'ikoranabuhanga, aho umusaruro wabyo wazamutseho 22%, urwego rw'ibigo by'imari rwakomeje gutanga umusanzu ugaragara mu kuzamura ibikorwa by'ubukungu muri rusange ukaba wariyongereyeho 11% uw'uburezi wiyongereho 3% mu gihe umusaruro wa serivisi za resitora n'amacumbi wagabanyutseho 16%.

# Kwibohora 32: Nyaruguru mu isura nshya y'amahoteli n'ubukerarugendo



**Amwe mu mahoteli yuzuye i Kibeho azaba igisubizo ku bahakora ingendo nyobokamana**

**BYUKUSENGE** Annonciata

***Bimwe mu byo Akarere ka Nyaruguru gakomoraho ubukungu ni ubuhinzi n'ubukerarugendo nyobokamana mu Murenge wa Kibeho ku butaka butagatifu, ariko iterambere ry'ubu bukerarugendo ryakomwaga mu nkokora n'ubuke bw'amacumbi ari i Kibeho, iki kibazo kigiye kuba amateka kuko ubu hamaze kuzura hoteli 2 (iya Kibeho na Pacis) azajya afasha abahagana kubona amacumbi.***

Mu myaka myinshi ishize abagana ubu butaka butagatifu mu isengesho bavuga ko bagorwaga no kubona aho kuryama bitewe nuko ku munsi w'isengesho haba hari abantu benshi baturutse mu bice bitandukanye by'Isi, bituma bamwe bacumbika mu Turere duturanye na Nyaruguru ari two Huye, Nyanza na Nyamagabe, ariko Huye ni yo yakiraga umubare munini kurusha utundi Turere.

Iki kibazo kigiye gukemuka ku buryo burambye kuko muri Kibeho hagiye kuzura amahoteli aziyongera ku yari asanzwe, n'abazaruhuka gucumbika kure ya Kibeho bakaba baziyongera. Umukirisitu gatolika wo muri Kenya, Kabunyi Fidelis avuga uko agorwa no kubona icumbi iyo yaje mu isengesho i Kibeho.

Ati: "Ntabwo byoroshye kubona aho umuntu acumbika i Kibeho ku munsi w'isengesho. Mu gihe cy'imyaka 3 maze nitabira isengesho ntabwo ndabona icumbi i Kibeho. Igihe cyose ndara i Huye kandi biba bigoye kubona imodoka ikujyana i Kibeho bitewe n'ubwinshi bw'abantu bahagana."

Akomeza avuga ko nk'umunyamahanga ari imbogamizi kuko aba adasobanukiwe agace ahereyemo. Ati: "Hari ubwo ducumbika muri Kigali bitewe n'igihe tuhagereye kuko hari abakoresha imodoka kuva i Nairobi kugera i Kigali. Ni urugendo rurerure rusaba ko umuntu aruhuka bihagije. Rero kuryama i Kigali ukongera ugasubukura ku munsi ukurikiyeho biragoye."

Yongeyeho ko ubwo hoteli zigiye kuzura zizaba zifite ubusitani bwo gusengeramo no kuruhuka igihe umuntu ananiwe ariko adakeneye kuryama, ibi bizabafasha bikazatuma hari abazajya bamara iminsi i Kibeho kuko bazaba bafite aho kuba.

Ubukungu buziyongera ku bakorera ubucuruzi i Kibeho

Abacururiza mu mujyi wa Kibeho by'umwihariko abafite ibicuruzwa bifite aho bihuriye n'ingendo nyobokamana zihakorerwa, bavuga ko bishimiye ko hagiye kuboneka amacumbi yakira abantu benshi kuko bazajya babona ababagana.

Uwamariya Therese ni umubyeyi uri mu kigero cy'imyaka 60 y'amavuko, uvuga ko iterambere rya Nyaruguru by'umwihariko i Kibeho arizi kuko avuka mu Murenge wa Kibeho akaba ari naho atuye.

Ati: "Nubwo amacumbi ari make, ariko dufite byinshi twagezeho mu myaka 32 ishize. Dufite umuhanda mwiza wa kaburimbo kuhagenda biroroshye. Mbere tutarabona umuhanda abazaga mu isengesho basigaga imodoka i Huye kuko ntibari kubona aho bazinyuza ngo zigere i Kibeho kubera umuhanda mubi." Akomeza avuga ko ari akarusho kuba amacumbi agiye kwiyongera ku bindi byiza bamaze kugeraho.



**Abacuruzi b'i Kibeho bavuga ko inyubako z'amahoteli zije zisanga umuhanda wa kaburimbo ari ukwibohora mu bukungu kuko n'ibyo bacuruza bitacyuzuraho ivumbi**

Ati: "Nkora ubucuruzi bushingiye ku bukerarugendo nyobokamana. Mu byo ncuruza harimo imyambaro, ishapure, amazi, imitako n'ibindi bitandukanye abemera umubyeyi wacu Bikiramariya bakunda gukenera. Mu minsi isanzwe nshuruza amafaranga ari hagati y'ibihumbi 10 na 15 Frw ku munsi, ariko ku munsi w'isengesho nshuruza amafaranga ari hagati y'ibihumbi 100 na 150 Frw. Aya nyabona abantu bataraye i Kibeho, igihe bazajya baba baharaye, nzajya mbona menshi."

Dusabimana Innocent na we ni umukirisitu gatolika akaba n'umucuruzi i Kibeho, avuga ko bishimira iterambere bamaze kugeraho, nubwo umubare munini w'ababagana udahoraho, ariko hoteli zirimo kubakwa nizimara kuzura bazajya babona ababagana buri gihe.

Ati: "I Kibeho tugira amatariki 2 y'umwihariko ari yo taliki 15 Kanama n'italiki ya 28 Ugushyingo. Aya ni ingenzi ni na yo twakiraho abatugana benshi. Kuba habonetse amacumbi menshi turabyishimiye kuko ubucuruzi bwacu na bwo buzatera imbere. Kuri aya matariki ninjiza amafaranga arenga ibihumbi 140 ku munsi. Ariko indi minsi hari n'ubwo ninjiza ibihumbi 5 ku munsi."

Kamena isize hoteli 2 zuzuye

Hoteli zigeze ku kigero cya 98% ngo zuzure ni ebyiri ari zo hoteli ya Kibeho na hoteli Pacis yaguye inyubako zayo. Soeur Umutesi Marie Emilienne, umwe mu Benebikira, akaba ari we wari ufite mu nshingano gukurikirana ibikorwa by'imirimo yo kubaka hoteli ya Pacis.

Yabwiye Imvaho Nshya ko bafashe icyemezo cyo kongera ibyumba nyuma yo kubona ko kuba abantu baza gusenga bakabura aho baryama cyangwa baruhukira ari ikibazo.

Ati: "Muri izi nyubako hari ifite ubushobozi bwo kwakira abantu 6 muri buri cyumba. Iki cyumba gifite ubwiherero n'aho gukarabira. Twabikoze nyuma yo gutekereza ko hari abafite amikoro make bashobora kutagira ubushobozi bwo kuryama mu cyumba cyakira umuntu umwe, ariko yishyize hamwe n'abandi na we yabona aho kuryama."

Soeur Umutesi avuga ko nk'abantu babimburiye abandi mu rugendo rwo kubaka amacumbi y'abasuraKibeho mu myaka hafi 20 ishize, bagomba kuba intangarugero ku bandi bashoramari bashobora gutekereza ko gushora imari mu bukerarugendo i Kibeho ari ukubaka amacumbi ahenze gusa.

Ati: "Twatangiye ari akantu gato kafashaga abantu kubona icyo kunywa n'icyo kurya cyoroheje cyane abagenzi batambuka. Byagiye byaguka kuko abakiliya badusabaga ko twashyiramo nk'ibyo kurya bakwifashisha mu buryo bwihuse by'umwihariko abazaga mu isengesho ntibabonaga ibyo kurya. Twumvise ubusabe bw'abakiliya bigenda bizamuka none tugeze ku rwego rwo gucumbikira abantu basaga 200 kandi twamaze no kwakira ubusabe bw'abazayaryamamo igihe cy'isengesho n'amafaranga twarayakiriye."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru Dr. Murwanashyaka Emmanuel, yagize ati: "I Kibeho twakira abantu bagera kuri miliyoni n'ibihumbi 200 buri mwaka. Amacumbi ni ikibazo, ariko kirimo kugenda gikemuka. Kamena isize hoteli ya Kibeho na hoteli ya Pacis zuzuye. Turizera ko uyu mwaka ikibazo cy'amacumbi kitazaba gifite uburemere nko mu myaka ishize kuko izi hoteli zifite ubushobozi bwo kwakira abantu 300 icyarimwe. Ibi ni bimwe mu byo twishimira twagezeho mu myaka 32 yo Kwibohora."

Akomeza avuga ko uretse izi hoteli zuzuye, ariko ko hari n'izindi zirimo kubakwa kandi imirimo igeze kure ku buryo igihe cy'isengesho na zo zizaba zaruzuye.

Ati: "Izindi hoteli zirimo kubakwa harimo Moreyare barimo kuvugurura, hoteli ya EAR, hoteli y'i Nyarushishi, hoteli y'Abajyanama b'ubuzima. Ntabwo harimo kubakwa hoteli gusa kuko 'guest house' na zo zirimo kubakwa ndetse n'amacumbi aciriritse."

Izi hoteli zuzuye zitwaye asaga miliyari 3 z'amafaranga y' u Rwanda. Hoteli ya Kibeho yatwaye miliyari 2 na miliyoni 200, naho Hoteli Pacis yuzuye itwaye miliyari imwe na miliyoni 800.

# Kwibohora 32: Kinyinya hatashywe ibyumba by'amashuri 15 by'asaga miliyoni 400 Frw



Ku Rwunge rw'Amashuri rwa Rwankuba hatashywe ibyumba by'amashuri 15 byatwaye asaga miliyoni 400 Frw



Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Uburezi Irere Claudette yavuze ko amashuri bubakiwe bakwiye kuyafata neza

NIYIRORA Theogene

*Mu Mujyi wa Kigali mu Karere ka Gasabo, ku kigo cy'Urwunge rw'Amashuri rwa Rwankuba (G.S Rwankuba) ruherereye mu Murenge wa Kinyinya hatashywe ibyumba by'amashuri 15 yuzuye atwaye asaga Miliyoni 400 z'Amafaranga y'u Rwanda, akaba yarubatswe n'Ingabo na Polisi ku bufatanye n'abaturage.*

Ni amashuri yatashywe ku wa Gatandutu tariki ya 4 Nyakanga 2026, byahujwe n'Umunsi wo Kwibohora u Rwanda rwizihije, akaba yarubakiwe ubwiherero 18 akaba yitezweho gukemura ikibazo cy'ubucucike bwari bwugarije abanyeshuri.

Aho mu ishuri rimwe wasanganga higamo Abanyeshuri 80, ibyabangamiraga imyigire n'ubwisanzure bw'abahiga. Bamwe mu banyeshuri biga kuri G.S Rwankuba bavuga ko bishimiye amashuri bubakiwe kuko bari babangamiwe n'ubushyuhe baterwaga n'ubucucike. Niyonkuru Daniel wiga mu wa Gatandatu avuga ko kutagira amashuri ahagije byatumaga hari amasomo biga nabi.

Ati: "Twigaga turi benshi cyane hari nk'ibikoresho bimwe twaburaga byo kwifashisha mu myigire yacu, Isomero nta bitabo bihagije byababagamo ndetse na laboratwari ntayo twagiraga twaburaga aho dukorera amasomo ngiro 'experiment' ariko twizeye ko muri ibi byumba byubatswe hazavamo n'aho gukorera ibyo byose. Nubwo njye nsoje kwiga ariko abari inyuma yacu twizeye ko baziga neza."

Mugenzi we Ishimwe Fanny wiga mu mwaka wa Gatatu w'amashuru y'isumbuye avuga ko ibyo byumba by'amashuri bizabafasha kwiga bisanzuye. Ati: "Aya mashuri agiye kudufasha gukemura ubucucike mu mashuri, niba twigaga turi 70 twiteze ko noneho tuziga turi nka 30, bityo bikazatuma umwarimu abasha gukurikirana buri munyeshuri wese, akamuha imyitozo akamukosora, bityo bikaduha gutsinda neza."

Si abanyeshuri bishimiye ibyo bikorwa gusa kuko hari n'ababyeyi barerera kuri icyo kigo bavuga ko banyuzwe n'ibikorwa Leta y'u Rwanda ikomeza kubakorera. Uwitwa Kagabo Hubert yagize ati: " Uretse mu Rwanda honyine ahandi hantu uzabona ibikorwa nk'ibingibi ni hake cyane ku Isi, yaba Ingabo ndetse na Polisi by'u Rwanda baba bafite ibindi bikorwa by'umutekano bagomba gukora ariko babyongeraho no kubakira abaturage ibikorwaremezo nk'ibingibi mubona."

Umuyobozi w'ikigo cya G.S Rwankuba yanijeje abanyeshuri ko mu ntangiriro z'umwaka utaha w'amashuri mu kwezi kwa Nzeri iki kigo kizaba gifite icyumba cyo kwigiramo ikoranabuhanga 'smart classroom'. Hanatanzwe kandi moto zigera ku 10 zahawe abari barabaswe n'ibiyobyabwenge nyuma y'uko basoje kugororerwa mu Kigo Ngorora Muco cya Iwawa bakigishwa amategeko y'umuhanda banahabwa moto zizabafasha kwiteza imbere.

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Uburezi Irere Claudette yabwiye abanyeshuri ko aya mashuri bagomba kuyarinda no kuyabungabunga. Yagize ati: "Amashuri muyafate neza, mwige neza ariko munayasigasire ku buryo na barumuna banyu bazayigiramo ameze neza."

Yakanguriye kandi n'abahawe moto kuzikoresha neza kugira ngo zibateza imbere ndetse bakirinda kongera gusubira mu biyobyabwenge ukundi.

# Kwibohora 32: Politiki y'uburezi yaguye amarembo, 4 766 125 bari mu mashuri

NYIRANEZA Judith

***Uburezi ni ishingiro ry'iterambere kuko uwize ajijuka akagira imyumvire isobanutse, bityo Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda yashyizeho politiki idaheza, buri wese akagira uburenganzira bwo kwiga guhera ku mashuri y'inshuke kugera muri kaminuza n'amashuri makuru.***



Abana biga mu mashuri y'inshuke bikabafungura ubwonko, baba bakerebutse

Mu Ukuboza 2025, abanyeshuri 4 766 125 bigaga mu byiciro bitandukanye. Minisitiri w'Uburezi, Nsengimana Joseph, yagaragaje ko nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, uburezi bw'u Rwanda bwahereye ku busa kuko ibikorwa remezo byari byarasenywe, abarimu benshi barishwe abandi barahunze, ariko kuri ubu gahunda ya Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda yashingiye ku burezi budaheza. Yagize ati: "Politiki y'uburezi yari ihari yari politiki iheza, ari uburezi bugenewe bake, ariko wareba politiki yashyizweho muri iyi myaka 32 ishize ni politiki yo kwagura amarembo y'uburezi kugira ngo Abanyarwanda bose babugereho kandi iyo ntambwe yagezweho."



Hubatswe kandi hakomeje kubakwa ibyumba by'amashuri hagamijwe kugabanya ubucucike mu mashuri

Amashuri y'inshuke yabaye umusingi w'indi myigire. Minisitiri Nsengimana yavuze ko umwana wize mu mashuri y'inshuke aba atandukanye n'utarayize kuko ahigira byinshi bifungura umutwe, bigakangura ubwonko bikaba umusingi mu myigire yo mu bindi byiciro. Mbere ya 1994, amashuri y'inshuke yari mbarwa. Mu 2014 yari 2 076 yigamo abanyeshuri 159 291; mu 2017 yari 3 186 arimo abanyeshuri 220 435 n'abakozi 6 812; naho mu Ukuboza 2025 abana basaga 680 000 bigaga mu mashuri y'inshuke.

Amashuri abanza yateye intambwe igaragara. Mu 2017 yari 2 877 arimo abanyeshuri 2 540 374 n'abakozi 43 906; mu Ukuboza 2025 abanyeshuri bageze kuri 3 000 709. Mu mashuri yisumbuye, imibare yerekana impinduka ikomeye: mu 1994 hari abanyeshuri 37 000 gusa, mu Ukuboza 2025 abagera kuri 598 806 bigaga mu cyiciro rusange, naho 196 384 bigaga mu cyiciro cya kabiri, bose hamwe bakaba 795 190.

Politiki y'u Rwanda yashyize imbere amashuri ya tekiniki, imyuga n'ubumenyi ngiro kugira ngo umunyeshuri ajye asohoka mu ishuri ahita ajya mu kazi. Mu 2017, abanyeshuri 107 501 bigaga mu mashuri 402 n'abakozi 6 929. Mu Ukuboza 2025, abiga mu mashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro bari 116 791; mu gihe 12 423 biga mu mashuri y'igihe gito; 15 543 bigaga mu mashuri makuru y'imyuga n'ubumenyi ngiro (Polytechnics).

Kaminuza n'amashuri makuru yabaye isoko y'ubushakashatsi. Mbere ya 1994, abiga muri kaminuza bari 2 000 gusa. Mu 2017 bari 80 773, naho mu Ukuboza 2025 bageze kuri 114 931.

Hamwe na hamwe haracyari imbogamizi

Ikibazo kikigaragara mu mashuri ni ahakiri ubucucike mu mashuri n'amashuri ashaje. Mu gukemura iki kibazo, Leta ikomeje kubaka ibyumba bishya. Hagati ya 2017–2024 hubatswe 27 500 kandi igikorwa kirakomeje. Amashuri ashaje arasanwa, hakanubakwa amashya. Hakomeje kongerwa ubushobozi mu guhugura abarimu, guhuza amasomo n'ibyo isoko ry'umurimo rikeneye, no guteza imbere ibikorwa remezo birimo za laboratwari za kaminuza kugira ngo abanyeshuri bigire mu bikoresho bifatika.

Kugeza uburezi ku rwego rwiza, bukagira ireme bisaba ubufatanye bwa Leta, ababyeyi, abanyeshuri n'abarezi. Politiki y'uburezi yaguye amarembo, ikaba yaratumye mu myaka 32 ishize Abanyarwanda bose bagira amahirwe yo kwiga, bigaragazwa n'abo 4 766 125 bari mu mashuri mu Ukuboza 2025 nk'uko bigaragazwa n'imibare itangazwa na Minisiteri y'Uburezi.



Laboratwari zishyirwamo ibikoresho bigezweho, bikarushaho kunoza imyigire

# Gatsibo: Coproriz-Ntende yatashye isoko ry'umuhinzi n'ibikorwa bya Hoteli Ntende




**Abanyamuryango ba Koperative Coproriz Ntende baguye ibikorwa bya Hoteli bubaka inzu igeretse ifite ibyumba bigera kuri 20 (Ifoto: Tuyisenge Olivier)**



**Coproriz-Ntende yatangije isoko ry'umuhinzi ryuzuye ritwaye arenga miliyari (Ifoto: Tuyisenge Olivier)**

**KAYITARE Jean Paul**

***Koperative y'abahinzi b'umuceri bakorera mu gishanga gihuriweho n'Imirenge ya Rugarama, Gitoki na Rwimbogo yo mu Karere ka Gatsibo mu Ntara y'Iburasirazuba, batangije iguriro rizwi nka 'Isoko ry'Umuhinzi' ndetse bataha ku mugaragaro ibikorwa byaguwe bya Hoteli Ntende byuzuye bitwaye amafaranga arenga miliyari 1,5.***

Ni ibikorwa byatashywe mu rwego rwo kwizihiza umunsi wo kwibohora wizihizwa tariki 04 Nyakanga buri mwaka. Ibirori byitabiriwe n'Ubuyobozi bw'Intara y'Iburasirazuba, ubuyobozi bw'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Amakoperative, RCA, Abayobozi b'Akarere, inzego z'umutekano n'abanyamuryango ba Koperative COPRORIZ Ntende.

'Isoko ry'Umuhinzi' rifite agaciro k'agera kuri miliyari, ririmo ibikoresho by'ubwubatsi, iby'ubuhinzi n'ubworozi, ibiribwa, matela, amagare ndetse na moto. Isoko rifite imikorere nk'iry'abo mu nzego z'umutekano. Rizajya rihahirwamo n'abanyamuryango ba Koperative ku giciro cyo hasi.

Munyaburanga Emmanuel, Perezida wa Koperative COPRORIZ Ntende, yabwiye Imvaho Nshya ko bamaze gukora ishoramari ry'arenga miliyari eshatu. Ashimangira ko iyo abanyamuryango bahuje imbaraga ari bwo bashobora gukora byinshi kandi byiza mu gihe gito.

Agira ati: "Ayo mafaranga yose uko mwayumvise ni amafaranga ari mu bikorwa byo kwiteza imbere. Ibikorwa twatashye bifite ishoramari rihambaye kuko iriya hoteli nshyashya igeretse irabarirwa muri miliyoni zirenga 300. Abanyamuryango bacu bahabwa akazi kandi bakagahemberwa noneho tugakurikirana umunsi ku munsi ko imirimo igenda neza."

Yongeyeho ati: "Nkuko mwabonye 'Iduka ry'umuhinzi', twigiriye ku ruganda rwa sima tuzana sima, ntabwo bica mu bantu benshi. Uzi ko ubundi dushyiraho rwiyemezamirimo akazackungukamo arenze, mu by'ukuri agaciro kayo kari hafi kuri miliyari ariko iyo urebye usanga twebwe twarakoresheje makeya kubera inzira z'abantu benshi twirinze."

Akomeza agira ati: "Twaribohoye kandi turacyakomeje, iyi koperative yatangiye nyuma y'urugamba rwo kwibohora, irerekana ibikorwa mwabonye, uyu munsi rero turavuga tuti: twaribohoye."

Ubuyobozi bwa Koperative bugira inama Abanyarwanda kugana amakoperative kuko ari yo nzira yonyine ishobora gukura abantu mu bukene. Ati: "Amaboko y'abantu benshi afatanyije ashobora gukura umuntu uwo ari we wese mu bukene, muri koperative tuba tunganya, ufite menshi n'ufite make muba muringaniye kandi uburyo bwo gukora ku mafaranga buroroha cyane kubera ko muba musindagizanya."

Kamuzinzi Ildephonse avuga ko yishimiye 'Isoko ry'umuhinzi' batangije ndetse n'inyubako igeretse biyujurije bityo agasanga ubwasisi bajyaga bahabwa buziyongera cyane biturutse ku bikorwa by'ishoramari rya Hoteli Ntende n'isoko ry'umuhinzi.

Ati: "Ni ibyishimo kuri twe, kandi ibi ni ukwihesha agaciro no gukorera hamwe, hakiyongeraho ubuyobozi bwiza dufite n'imicungire myiza ya Koperative. Iri shoramari rya Hoteli Ntende n'isoko ry'umuhinzi, bizagira uruhare mu kwiyongera k'ubwasisi duhabwa buri mwaka, ikindi nuko twishimiye ibyo tumaze kugeraho kandi duterwa ishema no kuba abanyamuryango ba COPRORIZ Ntende."

Mukandori Vestine umunyamuryango wa COPRORIZ-Ntende avuga ko yatashye mu Rwanda mu 1994 afite umwana umwe, nyuma Imana yamuhaye umugisha abyara abandi ubu biga muri Kaminuza abandi ni abasirikare. Yashoboye kubishyurira amashuri biturutse ku kwishyira hamwe n'abandi, agahinga umuceri.

Agira ati: "Abana banjye barize, ubu niteje imbere. Ubushize bangurije miliyoni eshatu nubaka inzu, iruzura nyishyiramo sima ubu ndarara heza ndataha heza, nuje kunsura abona icyo koperative yamariye."

Avuga ko afite moto yavanye muri koperative akaba yaramaze kuyishyura, akavuga ko yiteguye no kugura imodoka kuko yamenye aho amafaranga aturuka. Yongeraho ko yatangiye yeza imifuka itatu y'umuceri, ubu yeza imifuka 30.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara y'Iburasirazuba, Dr. Jeanne Nyirahabimana, yashimye ibikorwa by'indashyikirwa bya koperative COPRORIZ-Ntende avuga ko iyi koperative ari urugero rw'ibishoboka.

Yakomeje agira ati: "Ni koperative yaranzwe no kugira abayobozi bazima. Bubatse hotel n'ibindi bikorwa byinjiriza abanyamuryango. Ibikorwa byaguwe bya hoteli, ni igikorwa cyiza cyo kwigiraho kandi no ko kwibohora nyako."

Francis Kamanzi, Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Amakoperative, RCA, avuga ko nyuma y'urugamba rwo kwibohora, hakurikiyeho no kwibohora ubukene. Yagize ati: "Ubu turavuga imyaka 32 birasa nkaho ari bwo igihugu cyavutse. Leta ijya gushyiraho Koperative byari mu rugendo rwo kwibohora ingoyi y'ubukene."

Mu kwizihiza umunsi wo kwibohora ku nshuro ya 32, ubuyobozi bwa Koperative bwashimiye indashyikirwa ndetse bunishyurira mituweli ya miliyoni eshatu abatishoboye batari abanyamuryango ba COPRORIZ-Ntende. Ibirori by'uyu munsi babifashijwemo n'abahanzi batandukanye barimo Intore Tuyisenge, Lauritha na Kellia.s

# Kwibohora 32 mu Mboni z'Urubyiruko



**Patience Uzayisenga, umwe mu rubyiruko rw'abakorerabushake**

MICOMYIZA Fidele

***Kwibohora ku nshuro ya 32 ni igihe cyihariye ku rubyiruko rw'u Rwanda. Si umunsi wo kwishimira gusa intsinzi y'Ingabo za RPA – Inkotanyi zahagaritse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ahubwo ni umwanya wo kwibuka amateka, gusigasira ibyagezweho no kureba icyerekezo cy'ejo hazaza. Mu bitekerezo by'urubyiruko, Kwibohora bisobanuye byinshi birenze ibirori: Ni isomo ry'ubumwe, imbaraga n'icyizere cy'ahazaza h'igihugu.***

Patience Uzayisenga, umwe mu rubyiruko rw'abakorerabushake, yibutsa ko imyaka 32 ishize yagaragaje impinduka zikomeye mu guha ijambo urubyiruko n'abagore. Ati: "Njye nk'igitsina gore kera mu mateka twumvaga ko nta mukobwa cyangwa umugore wahabwaga ijambo, ntawahabwaga inshingano muri Leta. Ubu buri wese afite agaciro kangana n'akundi, nta busumbane buhari. Urubyiruko duhabwa amahirwe yo kujya mu nzego za Leta, dufite amahoro ndetse n'ubuyobozi bwiza. Turashimira by'umwihariko Perezida wacu Paul Kagame udahwema kudushakira amahirwe aho aduhuza n'amahirwe adufasha kwiteza imbere."

Umuhanzi Muyango, wagize uruhare mu rugamba rwo kubohora Igihugu, yibukije ko umurage w'ingenzi urubyiruko rukwiriye gusigarana ari amateka. Ati: "Icyifuzo dufite ni uko abadukomokaho n'ababyirutse nyuma bakwiriye kwiga amateka cyane. U Rwanda, abaruharaniye, abarurwaniye, bamwe bari mu myaka nk'iyanyu. Ni mwe mugomba kumenya amateka y'iki gihugu kuko ni icyanyu mu myaka itatu cyangwa itanu. Mugomba kumenya uko igihugu cyabayeho, uko cyababaye n'uko cyagarutse mu munezero. Ni bwo muzamenya uko muzagifata." Muyango ashimangira ko kumenya amateka ari inshingano y'urubyiruko kugira ngo rurusigisire igihugu mu mahoro n'iterambere.

Ibi bitekerezo bigaragaza ko 'Kwibohora 32' ari isomo rikomeye ku rubyiruko. Ni umwanya wo kwibuka ko intsinzi yagezweho binyuze mu bwitange bw'abari mu rugamba, ariko kandi ni inshingano ku rubyiruko gukomeza gusigasira ibyagezweho. Ubumwe, ubwiyunge no kwiga amateka hagamijwe kubungabunga iterambere, amahoro n'umutekano w'u Rwanda rw'ubu n'ejo hazaza, ni inkingi zigaragazwa n'urubyiruko nk'umurage w'ingenzi.



**Bugingo Bonny wamenyekanye nka Junior Giti mu gusobanura filimi**

Bugingo Bonny, uzwi nka 'Junior Giti' kubera gusobanura filimi no gukoresha imbuga nkoranyambaga, abona ko mu gusigasira ibyagezweho urubyiruko rukwiriye gukomeza ubumwe. "Twavutse mu bihe bigoye ko Abanyarwanda baba umwe, none uyu munsi byagezweho. Mu kazi dukora, abo dusangira cyangwa tubana, tubane neza nta vangura. Dukomeze ubumwe." Kuri Juniro Giti, ubumwe bw'Abanyarwanda ni inkingi ikomeye y'iterambere, kandi urubyiruko rufite inshingano yo kubusigasira.



**Umuhanzi Muyango wagize uruhare mu kubohora Igihugu**



**Noella Shyaka Ukoresha imbuga nkoranyambaga**

Noella Shyaka, ukoresha imbuga nkoranyambaga, avuga ko Kwibohora kuri we bisobanuye ubwisanzure, umutekano n'amahirwe yo kubaho no kwiteza imbere nta bwoba cyangwa akarengane. "Ndanyuzwe bitewe n'imiyoborere myiza, ibyo byose biri ku rwego rushimishije," ashimangira. Ku bwe, kuba urubyiruko rufite amahirwe yo kwiga, gukora no kwihangira imirimo mu gihugu gitekanye ari ikimenyetso cy'uko Kwibohora ari umurage uhoraho.



**Umusizi Junior Rumaga**

Rumaga Junior, umusizi uzwi mu buhanzi bw'imivugo, yibutsa ko urubyiruko rukwiriye guha agaciro imiryango yaburiye ababo mu rugamba rwo kubohora Igihugu. Ati: "Ababuriye ababo ku rugamba rwo kubohora Igihugu, dukwiriye kubabera abana ku babyeyi bababuze, no kubabera ababyeyi ku bana bababuze. Tugomba kugerageza kuba mu cyuho cy'ababo babuze." Ibi bitekerezo byerekana ko Kwibohora ari umurage ukeneye gusigasirwa binyuze mu kwita ku miryango yabuze abayo.

# Kwibohora 32: Ikiganiro na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga Rt. Honorable Mukantaganzwa Domitilla




**Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza Rt Hon. Mukantaganzwa Domitilla yashimangiye ko Inkiko Gacaca zagize uruhare rukomeye mu kwimakaza ubutabera bwunga**

**ZIGAMA Theoneste**

***Imvano n'umusaruro by'Inkiko Gacaca zabaye umusingi w'Ubutabera bw'u Rwanda***

Mu myaka 32 ishize u Rwanda rwavuye mu bihe by'icuraburindi byasizwe na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, rwubaka inzego z'ubutabera zishingiye ku bwigenge, ubunyamwuga n'icyizere cy'abaturage. Ariko mbere yo kugera kuri uru rwego, igihugu cyabanje guhangana n'ikibazo gikomeye cyashoboraga kumara imyaka irenga ijana kidakemutse cyo kuburanisha abagera kuri miliyoni 2 bakekwagaho uruhare muri Jenoside.

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza, Rt. Honorable Mukantaganzwa, avuga ko ari muri urwo rwego havutse igitekerezo cyo kongera kubyutsa umuco w'Abanyarwanda wo kwikemurira ibibazo binyuze mu 'Nkiko Gacaca', wahindutse igisubizo cyafashije Igihugu kuburanisha abarenga miliyoni ebyiri mu gihe cy'imyaka icumi gusa.

Mu kiganiro cyihariye Rt. Honorable Mukantaganzwa yagiranye na Imvaho Nshya, yavuze ko iyo u Rwanda rukomeza gukoresha inkiko zisanzwe gusa, kuburanisha imanza zose za Jenoside byari gutwara imyaka isaga 100, ibintu byari gusiga abarokotse Jenoside batabonye ubutabera, mu gihe benshi mu bakekwagaho ibyaha na bo bari kuzapfa bataraburanishijwe.

### Ubutabera bwari bwarasenyutse

Nk'uko Jenoside yasenye ubuzima bw'igihugu muri rusange, ni ko yanasenye bikomeye urwego rw'ubutabera. Mukantaganzwa asobanura ko mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi, u Rwanda rwari rufite abacamanza bagera kuri 650, ariko nyuma ya Jenoside hari abarenga gato 200. Mu bushinjacyaha na bwo, abashinjacyaha bavuye kuri 70 basigara ari 22 gusa. Ati: "Intangiriro ntiyari yoroshye, inzego zose z'igihugu zirimo n'urwego rw'ubutabera, zari zarasenyutse."

Yavuze ko icyo gihe ubutabera bwabarizwaga muri Minisiteri y'Ubutabera, bamwe mu bacamanza bari bafite amashuri make cyane, ibintu bitari gutuma haboneka ubutabera buhamye mu gihugu cyari gifite ibibazo bikomeye.

Yavuze ko inkiko zari nke cyane, aho hari Inkiko za Kanto ku makomini 145 yari ari ho icyo gihe ndetse n'Inkiko za Mbere z'Iremezo zari nke cyane ku rwego rw'igihugu. Ibi byose byatumaga igihugu gihura n'imbogamizi zikomeye mu kongera kubaka ubutabera mu gihe hari hategerejwe kuburanishwa abantu benshi bakekwagaho kugira uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi.

### Guverinoma yabanje kubaka ubushobozi bw'abacamanza

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yavuze ko mu gihe Igihugu cyari gifite ikibazo gikomeye cy'abakozi bake bafite ubumenyi mu mategeko, Guverinoma yahisemo uburyo bwihuse bwo kongera ubushobozi bw'urwego rw'ubutabera.

Ku bufatanye n'Umuryango w'Abavoka Batagira Umupaka (Avocats Sans Frontières), hateguwe amahugurwa y'amezi atandatu ku bantu bagombaga gukora nk'abacamanza, abashinjacyaha n'abagenzacyaha.

Nyuma y'ayo mahugurwa hatangiye kuburanishwa imanza za Jenoside, maze mu 1996 hashyirwaho itegeko rihana icyaha cya Jenoside. Rt. Honorable Mukantaganzwa, avuga ko hashyizweho kandi ingereko zihariye mu nkiko zisanzwe ndetse n'ishami ryihariye ry'Ubushinjacyaha ryakurikiranaga ibyaha bya Jenoside.

Iri tegeko ryazanye n'uburyo bwo kwemera icyaha no gutanga amakuru ku byabaye kugira ngo uwemeye uruhare rwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi agabanyirizwe ibihano. Avuga ko mu ntangiriro abantu bake cyane ari bo bemeraga icyaha. Ati: "Abenshi baharaniraga kubihakana. Ahantu hose Jenoside yabaye, abantu baba badashaka kwemera ibyo bakoze."

### Imyaka itanu yagaragaje ko inkiko zisanzwe zitari igisubizo

Rt. Honorable Mukantaganzwa yavuze ko nubwo inkiko zari zatangiye gukora, nyuma y'imyaka itanu byagaragaye ko umusaruro zari zatanze wari muto cyane ugereranyije n'ubwinshi bw'imanza zari zihari.

Yavuze ko muri iyo myaka 5 mu gihugu hose hari hamaze kuburanishwa abantu bagera ku 6 000 gusa. Hagati aho, nyuma y'itahuka ry'Abanyarwanda benshi bari barahungiye muri Zaïre mu mpera za 1996, umubare w'abafashwe bakekwagaho Jenoside warushijeho kwiyongera. Mu ntangiriro ya 1997, amageraza n'ahafungirwaga abantu hirya no hino mu gihugu hari huzuye.

Rt. Honorable Mukantaganzwa avuga ko ubushobozi bw'igihugu bwari ubwo kwakira abafungwa batarenze ibihumbi 45, nyamara imibare yagaragazaga ko abafunzwe bageraga ku bihumbi 120. Ati: "Iyo dufashe abantu ibihumbi 120 bari bafunzwe tukareba ko mu myaka itanu hari haburanishijwe abantu ibihumbi bitandatu gusa, byagaragaraga ko kuburanisha byari gutwara imyaka irenga ijana."

Yavuze ko icyo gihe kandi icyizere cyo kubaho cy'Umunyarwanda cyabarirwaga hafi ku myaka 32. Ibi byasobanuraga ko abarokotse Jenoside benshi bari kuzapfa batarabona ubutabera, mu gihe n'abakekwagaho ibyaha bari kuzapfa bataracirwa imanza.

### Imvano y'Inkiko Gacaca

Mu gushaka umuti urambye, Perezidansi ya Repubulika yatumiye Inama zo mu Rugwiro zahuje Abanyarwanda b'ingeri zitandukanye barimo abanyapolitiki, abanyamadini, impuguke n'abandi bahanga.

Mu matsinda yatekerezaga ku bibazo bitandukanye by'igihugu, iryarebaga ubutabera ryagaragaje ko igihugu cyakongera kwifashisha umuco nyarwanda wo gukemura amakimbirane binyuze muri 'Gacaca'. Icyo gitekerezo cyemejwe n'abitabiriye izo nama, hafatwa umwanzuro wo gushyiraho 'Inkiko Gacaca' nk'uburyo bwihariye bwo kuburanisha ibyaha bya Jenoside.

Izo nkiko zagombaga gukorera mu baturage, zikayoborwa n'Abacamanza b'Inyangamugayo batorwaga n'abaturage ubwabo, hagamijwe ko ukuri ku byabaye kumenyekana, abarokotse Jenoside babone ubutabera, ndetse igihugu gitangire urugendo rwo kubaka ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda.

**Inkiko Gacaca zageze ku**

KOMEZA KU RUP.26

# Kwibohora 32: Ikiganiro na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga Rt. Honorable Mukantaganzwa Domitilla

IBIKURIKIRA URUP.25

**ntego igihugu cyari cyarihaye**

Nyuma yo kwemezwa no gushyirwaho mu buryo bw'amategeko, Inkiko Gacaca zatangiye gukora zishingiye ku ruhare rw'abaturage, aho buri wese yasabwaga gutanga amakuru ku byabaye mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Mu ntangiriro, izo nkiko zakoreraga ku rwego rw'Umurenge, ariko nyuma y'amezi 18 byagaragaye ko abaturage bakoraga ingendo ndende bajya gukurikirana imanza. Byatumye zegerezwa abaturage zigezwa ku rwego rw'Akagari, bituma abaturage benshi barushaho kuzitabira no gutanga ubuhamya.

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Rt. Honorable Mukantaganzwa, avuga ko kuva iburanisha nyir'izina ryatangira mu 2005 kugeza Inkiko Gacaca zisoje imirimo yazo, zabaye umusingi ukomeye w'ubutabera bw'u Rwanda. Ati: "Intego nyamukuru yari ukuburanisha abagize uruhare muri Jenoside. Iyo ntego yagezweho kuko Inkiko Gacaca zaburanishije abantu bagera kuri miliyoni ebyiri mu myaka icumi gusa."

Ni umusaruro utari gushoboka iyo igihugu gikomeza kwishingikiriza ku nkiko zisanzwe gusa. Mu gihe hari haragaragaye ko kuburanisha abantu bose byari gutwara imyaka isaga 100, Inkiko Gacaca zashoboye kurangiza uwo murimo mu gihe cy'imyaka icumi, bituma abarokotse Jenoside babona ubutabera mu gihe gito ugereranyije n'ubunini bw'ikibazo igihugu cyari gifite.

**Zaciye umuco wo kudahana**

Rt. Honorable Mukantaganzwa agaragaza ko kimwe mu byo Inkiko Gacaca zasize zigezeho ari ukurandura umuco wo kudahana wari warabaye akarande mu Rwanda mbere ya Jenoside.

Asobanura ko mu bihe bitandukanye byaranze amateka y'u Rwanda kuva mu 1959, 1963 na 1973, hakomeje kubaho ubwicanyi n'itotezwa ryakorewe Abatutsi, nyamara ababigizemo uruhare ntibabihanirwe uko bikwiye.

Iyo myitwarire yo kudahana ni imwe mu byafashije ingengabitekerezo ya Jenoside gukura no kugera ku rwego rwo gushyirwa mu bikorwa mu 1994. Ati: "Umuco wo kudahana wari warashinze imizi. Abantu bakoraga ibyaha bikomeye ntibabihanirwe, ibyo bikaba byaratumye n'abateguye Jenoside bumva ko na bo batazabihanirwa."

Avuga ko Inkiko Gacaca zagaragaje ko nta muntu uri hejuru y'amategeko. Yaba umuyobozi, umusirikare, umudepite cyangwa undi wese, iyo yahamagarwaga n'Urukiko Gacaca yagombaga kwitaba nk'uko abandi bose babikoraga. Ibyo byafashije kongera icyizere cy'abaturage mu butabera no kwerekana

mu cyubahiro, kimwe mu byafashije Abatutsi barokotse Jenoside gutangira urugendo rwo gukira ibikomere.

Rt. Honorable Mukantaganzwa avuga ko hari abarokotse Jenoside batari bazi uwabiciye ababo cyangwa uko bishwe, ariko bakabimenyera mu nkiko. Hari n'aho abagore bashinjaga abagabo babo, abana bagatanga ubuhamya ku babyeyi babo cyangwa abavandimwe bagashinjanya, byose bigamije ko ukuri kujya ahagaragara. Ati: "Ukuri kwabohoye benshi. Hari abantu bari bamaze imyaka bahakana ibyo bakoze, ariko bamaze kwemera icyaha no gusaba imbabazi, batangira kubohoka mu mutima."

Yongeraho ko uko imyaka

uko imyaka yagiye ishira zagaragaje ubushobozi bwo gutanga ibisubizo ku kibazo isi yose yabonaga nk'ikidashoboka. Anibuka urubanza rumwe rwabereye mu Ruhango rwatinze kurangira kubera uburemere bwarwo, abari barurimo bamara iminsi ibiri ariko bararusoza.

Ati: "Abacamanza baraduhamagaye bavuga ko nibarusubika hari impungenge z'uko bamwe bashobora gutanga ruswa cyangwa bagatoroka. Twababwiye gukomeza kugeza barangije."

Urwo rubanza rwarakomeje kugeza mu rukerera rw'undi munsi, ari bwo urubanza rwasomwe. Ibintu agaragaza nk'urugero rw'ubwitange

isha amakuru yakusanyijwe n'Inkiko Gacaca mu iperereza no mu manza zarwo.

Kuri we, ibyo byagaragaje ko ubunararibonye bw'u Rwanda bwatangiye no guhabwa agaciro ku rwego mpuzamahanga. Imibare yakozwe na Kaminuza y'u Rwanda na yo yagaragaje ko inshingano Inkiko Gacaca zari zarahawe zagezweho ku kigero kirenga 95%.

**Isomo ku Rwanda rw'uyu munsi**

Mu gihe u Rwanda rwizihiza imyaka 32 yo Kwibohora, Rt. Honorable Mukantaganzwa avuga ko amateka y'Inkiko Gacaca akwiye gukomeza kubera Abanyarwanda isomo rikomeye.

Avuga ko icyatumye igihugu kibasha guhangana n'ikibazo cyari gisa n'ikidashoboka atari ubushobozi bw'amafaranga



Inkiko Gacaca zaciye imanza zigera kuri miliyoni 2 mu myaka 10 zamaze zikora

ko amategeko akwiye kubahirizwa kimwe kuri bose.

**Ukuri kwabaye umusingi w'ubwiyunge**

Nubwo intego ya mbere yari ugutanga ubutabera, Inkiko Gacaca zanabaye umuyoboro ukomeye wo kumenya ukuri ku byabaye mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Mu nkiko, abantu bemeraga uruhare rwabo bakavuga abo bafatanyije ibyaha, aho Abatutsi biciwe ndetse n'aho imibiri yabo yajugunywe. Ayo makuru yafashije imiryango myinshi kubona imibiri y'ababo no kuyishyingura

yagendaga ishira, Abanyarwanda batangiye kongera kubana, bagasubirana icyizere no kubaka imibereho ishingiye ku bwiyunge.

**Abanyarwanda bagaragaje ubushobozi bwo kwikemurira ibibazo**

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga agaragaza ko Inkiko Gacaca zabaye ikimenyetso gikomeye cy'ubushobozi bw'Abanyarwanda bwo gushaka ibisubizo bishingiye ku muco n'indangagaciro byabo.

Nubwo hari ababanje kuzinenga cyangwa bashidikanya ku mikorere yazo,

bwaranze Abacamanza b'Inyangamugayo n'abaturage.

**Isi na yo yaje kwemera umwihariko wa Gacaca**

Nubwo mu ntangiriro hari amahanga yagaragazaga impungenge ku mikorere y'Inkiko Gacaca, uko zakomezaga gutanga umusaruro ni ko zatangiye kwigwaho nk'uburyo bwihariye bwo gutanga ubutabera nyuma buhamye.

Rt. Honorable Mukantaganzwa avuga ko n'Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda (ICTR) rwigeze kwifash-

cyangwa inkunga z'amahanga gusa, ahubwo ari icyemezo cy'Abanyarwanda cyo kwishakira ibisubizo no kubaka igihugu gishingiye ku bumwe.

Asanga urubyiruko rukwiye kumenya aya mateka kugira ngo rusigasire ibyo igihugu cyagezeho, rukarwanya icyatuma Abanyarwanda basubira mu macakubiri.

Ati: "Abanyarwanda bakwiye gukomeza kwizera ubushobozi bwabo bwo kwikemurira ibibazo no gukomeza kubungabunga ubumwe n'ubwiyunge. Ibyo ni byo byubakiyeho u Rwanda rw'uyu munsi."

# Kwibohora 32: Kagitumba- Imbamutima z'abubakiwe isoko aho urugamba rwo kubohora u Rwanda rwatangiriye



Abarema isoko n'abarikoreramo bishimira iterambere bagejejweho

HITIMANA Servand

***Abaturage b'i Kagitumba ku mupaka w'u Rwanda na Uganda ahatangirijwe urugamba rwo kubohora u Rwanda ku ya 1 Ukwakira 1990, bashima ibikorwa remezo bubakiwe birimo isoko rigezweho ryubatswe aho Gen. Gisa Fred Rwigema wari Umugaba Mukuru w'Ingabo za RPA-Inkotanyi urugamba rugitangira yaraye mu ijoro rya mbere. Ni urugamba kandi rwageze ku ntego yarwo yo kubohora u Rwanda. Kuri ubu Abanyarwanda baratekanye, bunze ubumwe, ubuhunzi bwaracitse, kandi Abanyarwanda barakataje mu iterambere.***

Abaturage batuye mu Tugari twa Kayonza, Kagitumba na Rwentanga mu Karere ka Nyagatare barema iri soko, abaricururizamo n'abatemberera muri kano gace kabumbatiye amateka akomeye y'urugamba rwo kubohora Igihugu, bafite amateka atangaje y'urugendo rwo kwibohora.

Amateka ya Kagitumba bayasanisha cyane n'iterambere Igihugu gifite uyu munsi, aho Mukamwiza Jovia agira ati: "Mbere yo kuvuga ku byo iri soko ritumariye reka mbanze mvuge ku mateka rifitanye n'urugamba rwo kubohora Igihugu. Aha ni ho General Fred Gisa yaraye tariki ya 1 Ukwakira, ubwo yatangizaga urugamba rwo kubohora Igihugu. Aha hari inzu zicirirtse ariko uko hasa tubikesha intwari zacu zitangiye kubohora u Rwanda."

Akomeza avuga ko ari ishema rikomeye kuba bakorera mu isoko ryubatse ahari amateka yagaruye ubuzima bw'Igihugu, agatanga n'umusaruro w'impinduka zikomeye ku miyoborere n'iterambere ry'Igihugu.

Ahamya ko nubwo Gen. Gisa Rwigema yatabarutse atazimye, ati: "Nubwo yatabarutse ntiyazimye kuko ibi bikorwa biri aha bituma twumwumva buri munsi, kandi twizera ko aho ari na we yishimira ko intego yarwaniye akanayimenera amaraso itasubiye inyuma."



Uyu ni umwe mu bakorera mu isoko rya Kagituma bahamya ko barikesha ukwibohora kw'Abanyarwanda

Mukamwiza avuga ko iri soko ari igisubizo mu mibereho yabo ndetse no mu iterambere. Ati: "Iri soko twubakiwe rituma tubona aho duhahira bikatuvuna amaguru tutambutse hakurya aho bamwe banacaga mu muvumba bajya kuzana bimwe mu byo bakeneye muri Uganda. Uyu munsi yaba ibiva hakurya biraza bigacururizwamo hano tukabigura mu mutekano."

Iri soko kandi ryabaye igisubizo ku baricururizamo na bo badahisha ko ari impano bakesha ibohorwa ry'Igihugu, by'umwihariko uwari umugaba wa RPA wahameneye amaraso ye.

Rwantotori James agira ati: "Umuntu ucururiza muri iryo soko yabonye aho akorera amafaranga. Bimufasha mu kwiteza imbere, ikindi twishimira gukorera ahantu heza hajyanye n'igihe. Ibi rero tubifata nk'impano ikomeye dukesha General Rwigema watanze ubuzima bwe, akaba yararaye aha dukorera uyu munsi ndetse akaza kugwa muri uyu murenge ku munsi wa kabiri atangije urugamba rwo kubohora Igihugu. Turabimushimira."

Akomeza agira ati: "Ibi bikorwa byiza kandi tubikesha abakomeje urugamba ntibasubire inyuma. Ntekereza ko n'aho ari ubu asusurutse kuko abo yasize ku rugamba batamubereye ibigwari."

Abari basanzwe batuye muri aka gace mbere y'uko urugamba rwo kubohora Igihugu rutangira bavuga ko na bo bishimira iterambere rigaragarira i Kagitumba bakarisanisha n'urugamba rwo kubohora Igihugu.

Munyazikwiye Laurent agira ati: "Njyewe natuye inaha kera aho urugamba rutangira Inkotanyi zadusanze ino zikomeza zerekeza i Matimba ndetse amakuru y'imirwano ikomeye yadusanze inaha batubwira ko bari kurwanira za Nyagatare na Rwimiyaga. Twaje guhungira muri Uganda kuko ibindi bice biduhuza n'ahari mu gihugu byari byafashwe twitabwaho ndetse tuza kugarukana n'abandi intambara irangiye."

Akomeza agaragaza ko mu gace k'iwabo hari icyaro ariko ubu ishimira ko hagenda hahinduka umujyi kubera ibikorwa remezo begerejwe birimo iryo soko, amazi meza, imihanda amashanyarazi n'ibindi. Ati: "Ibi bikorwa tubikesha abitanze bamwe bakagwa no ku rugamba rwo kubohora Igihugu barimo Maj. Rwigema waguye haruguru aha I Nyabwishongwezi."

Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyagatare buvuga ko Isoko Nyambukiranyamipaka rya Kagitumba, ryuzuye ritwaye miliyari enye na Miliyoni 157 z'amafaranga y'u Rwanda rikaba rifite ibyumba by'ubucuruzi 56, amacumbi, isoko rito rigizwe n'ibisima 96 n'ahacururizwa imyambaro hakwakira abantu 100, ahafatirwa amafunguro n'ibinyobwa, ibyumba by'ububiko n'ibirimo ibyuma bikonjesha, ahakorera ibigo by'imari ndetse n'ibagiro.



Isoko nyambukiranyamipaka rya Kagitumba rifatwa nk'impano y'abitangiye urugamba rwo kubohora Igihugu

# Kwibohora 32: Umujyi wa Tyazo wahoze ari Isantere iciriritse, wabaye umutima w'Iterambere rya Nyamasheke

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Imyaka 32 ishize u Rwanda rubohowe n'ingabo za RPA–Inkotanyi, impinduka z'iterambere zigaragarira mu bice bitandukanye by'Igihugu. Akarere ka Nyamasheke ntikasigaye inyuma. 'Imvaho Nshya' yasuye I Tyazo, ahahoze ari isantere y'utubari tw'inzagwa, yahindutse umujyi w'amagorofa n'ibikorwa by'iterambere bifatika.***

Ababonye Tyazo mbere y'urugamba rwo kubohora Igihugu bavuga ko impinduka zaturutse ahanini ku muhanda wa kaburimbo 'Kivu Belt', uhuza Rubavu, Rutsiro, Karongi, Nyamasheke na Rusizi. Isantere yabarizwagamo utubari dutanu tw'urwagwa, none ubu ni umujyi ufite amagorofa arenga 20, harimo akorerwamo ubucuruzi bugezweho n'ibikoresho by'ikoranabuhanga.

Iterambere ryihuse ryatangiye mu 2012 ubwo hubakwaga Kibogora Polytechnic, rikomeza mu 2015 ubwo umuhanda 'Kivu Belt' wahageraga, ndetse mu 2021 agashami kawo ka Tyazo – Kibogora – Kabuga gashyirwamo kaburimbo.

**Tyazo ya kera: Isantere y'ibihuru n'utuzu tw'urwagwa**

Kabanda Appolinaire, wahageze mu 1975, yibuka ko kugeza mu 1994 igice kinini cyaho cyari ishyamba. Ati: "Aha hose hari ibihuru, utuzu tutarenga dutanu tw'urwagwa. Umuhanda wari mubi cyane, hanyuraga bisi ya ONATRACOM yonyine kuva Karongi kugera Kamembe. Abashakaga kujya i Kigali kurangura bamaraga iminsi itatu mu nzira, nta buryo bwo guhamagara ngo ubaze umuntu aho ari."

Kabanda avuga ko Jenoside yakorewe Abatutsi yabaye Tyazo ifite abacuruzi nka 20, ukomeye acuruza radiyo, umunyu, isabune n'isukari. Amashanyarazi yabonekaga gusa mu Bitaro bya Kibogora, abaturage basigaye babaho mu mwijima. Ati: "Amashanyarazi yahageze mu 1998. Abana batangiye kwiga ari benshi, ababyeyi babacanira ngo basubiremo amasomo. Mbere radiyo yashyirwagamo amabuye."

Kuba nta mabanki cyangwa ibigo by'imari byari bihari byatumaga abaturage batizigamira, kandi abashakaga gukora ubucuruzi bahoraga bafite impungenge z'abajura.

**Umuhanda wa 'Kivu Belt' wahinduye ubuzima ku buryo bugaragara**

Kabanda akomeza agira ati: "Umuhanda wa 'Kivu Belt' wahageze mu 2015, abantu batangira kubaka inyubako zifatika, amabanki agera hano. Iterambere ryihuse mu 2021 ubwo agashami k'uwo muhanda ka Tyazo – Kibogora – Kabuga gashyiriwemo kaburimbo. Ubu hari abacuruzi hafi 300, amagorofa agera kuri 20. Tyazo yabaye umujyi nyawo."

Akurukundo Consolée, ucuruza ibikoresho by'ikoranabuhanga, avuga ko mbere y'umuhanda ubucuruzi bwari bugoye: "Imodoka yazanaga ibicuruzwa igapfira mu nzira, bimwe bikamenagurika. Nigeze guhomba ibifite agaciro ka 250 000 Frw. Ubu ntibyashoboka."

Consolée yemeza ko abagore n'urubyiruko bakangutse, bakinjira mu bucuruzi: "Umubare w'abagore bikorera warazamutse cyane. Dutangiye gutekereza ishoramari rinini, no kurangura mu bihugu byo hanze. Amahirwe y'iterambere ntasiga umugore."

Abaturage bavuga ko ubu ibicuruzwa byose bibasanga aho bari, ibigo by'imari bikabegereza serivisi. Amashanyarazi n'itumanaho byorohereje ubucuruzi, abana biga neza, ababyeyi babasha kubacana amatara.

Tyazo ubu ifatwa nk'umujyi w'akarere, aho ubucuruzi bwagutse bugera ku bikoresho by'ikoranabuhanga, amacumbi, resitora n'amahoteli. Abaturage bemeza ko ari impinduka ziturutse ku bufatanye bw'abikorera n'ubuyobozi bwa Leta.

**Bashimira Perezida Kagame, basaba isoko risobanutse**

Abaturage bashimira Perezida Paul Kagame wayoboye urugamba rwo kubohora u Rwanda no kuruyobora mu nzira y'iterambere. Bavuga ko ubumwe bw'Abanyarwanda n'iterambere ritagira usigaye inyuma ari byo byatumye Tyazo ibasha kwiyubaka.

Ku kibazo cy'isoko ridasobanutse, Uzamukunda Isabelle, Umuyobozi wa PSF mu Karere ka Nyamasheke, yizeza ko rizubakwa vuba: "Isoko risobanutse riri mu nzira zo kubakwa. Abikorera turi kwibumbira hamwe ngo turyubake."

Avuga ko igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Nyamasheke cyerekana ko uzava kuri Santere ya Kinini ukagera mu Kirambo, bityo amagorofa ari muri Tyazo akaziyongera. Ati: "Twiteguye kubyaza umusaruro ku bufatanye n'abashoramari."

**Uruhare rw'abikorera n'Akarere**

Muhayeyezu Joseph Désiré, Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Nyamasheke ushinzwe iterambere ry'ubukungu, ashimira abikorera: "Ni bo shingiro ry'ubucuruzi n'ishoramari ritanga akazi. Turabashishikariza gukomeza uwo mujyo w'iterambere."

Yizeza ko Akarere kazakomeza kubaba hafi mu bujyanama no gushyigikira ishyirwa mu bikorwa ry'igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Nyamasheke, kugira ngo Tyazo ikomeze kuba igicumbi cy'amahoteli n'ibikorwa by'iterambere.

Tyazo, yo hambere yari isantere y'utubari tw'inzagwa, ubu ni umujyi w'amagorofa, amabanki, amashuri n'ubucuruzi bugezweho. Iterambere ryagejeje Nyamasheke ku rwego rudasanzwe, rikaba rishingiye ku bufatanye bw'abikorera, ibikorwa remezo bya Leta, n'ubuyobozi bwiza burangajwe imbere na Perezida Paul Kagame.



**Amashanyarazi ari mu byihutishije iterambere ry' iyi santere y'ubucuruzi**




**Iyi nyubako ni imwe mu zigaragaza impinduka mu iterambere rya Santere y'ubucuruzi ya Tyazo**



**Umuyobozi w'Urugaga rw'abikorera mu Karere ka Nyamasheke, Uzamukunda Isabelle avuga ko n'isoko rijyanye n'igihe rigiye kubakwa.**

# Kwibohora 32: Umujyi wa Musanze wahindutse igicumbi cy'ishoramari, ubukerarugendo n'uburezi

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Umujyi wa Musanze uri ku muvuduko w'iterambere nk'umujyi wunganira Kigali. Ugaragazwa n'inyubako z'amagorofa, hoteli z'icyitegerezo, imihanda ya kaburimbo n'ibikorwa remezo by'iki gihe. Kuba irembo rya Pariki y'Ibirunga n'ingagi byatumye uba igicumbi cy'ubukerarugendo, ishoramari n'uburezi.***

Mu myaka 32 ishize RPA Inkotanyi ihagaritse Jenoside yakorewe Abatutsi, Musanze yavuye ku rwego rw'umujyi muto ugizwe n'inzu z'ubucuruzi nto n'ibikorwaremezo bike, ubu ikaba umujyi ugezweho ufite amasoko ya kijyambere, amahoteli, kaminuza n'imihanda ya kaburimbo. Abaturage bavuga ko mu gihe hizihizwa 'Kwibohora ku nshuro ya 32' bafite byinshi bishimira: umutekano, iterambere n'impinduka zigaragarira buri wese.

**Ubukerarugendo n'ishoramari**

Musanze iri mu turere twateje imbere cyane ubukerarugendo. Kugeza ubu, habarizwamo amahoteli 37 n'amacumbi (guest houses) arenga 119 yakira ba mukerarugendo, abanyeshuri n'abacuruzi. Muri ayo harimo Five Volcanoes Boutique Hotel, La Palme Hotel, Fatima Hotel, Virunga Hotel na Garden Place Hotel.

Mukamana Claudine, umwe mu bashoramari, avuga ko ubukerarugendo bwazamuye ubukungu bw'abaturage binyuze mu kazi n'amafaranga yinjira mu karere. Ati: "Iyo urebye uko umubare w'abakerarugendo wiyongereye muri Musanze, ubona ko byahaye amahirwe abaturage benshi. Amahoteri, resitora n'ibindi bikorwa by'ubucuruzi byatanze akazi kandi byongera amafaranga yinjira mu karere."

Nkundabagenzi Jean Pierre ashimangira ko umutekano n'imiyoborere myiza byatumye abashoramari bagira icyizere cyo gushora imari muri Musanze. Nsengiyumva Claver na Niyonzima Eric na bo bagaragaza ko inyubako z'amagorofa zafashije mu gukoresha ubutaka neza, gutanga akazi no guteza imbere ubucuruzi. Nsengiyumva ati: "Mbere aha hari ikibanza gito cyakorerwagamo ibikorwa bike. Nyuma yo kubaka igorofa, abantu benshi babonye akazi mu gihe cyo kubaka, kandi n'ubu hari abacuruzi bayikodeshamo. Inyungu ntigarukira kuri nyir'inyubako gusa, ahubwo inagera ku bandi baturage."

Ubwiyongere bw'inyubako z'amagorofa bwahinduye isura y'umujyi, bwongera umusaruro ku butaka buke, kandi bwatanze amahirwe ku rubyiruko rukorera mu maduka n'ibiro byubatswemo.

**Uruhare mu burezi**

Musanze yabaye igicumbi cy'uburezi. Habarizwamo ibigo bine bikomeye: INES-Ruhengeri, University of Rwanda College of Agriculture, Animal Sciences and Veterinary Medicine, University of Kigali na IPRC Musanze. Ibi bigo byigamo ibihumbi by'abanyeshuri baturuka mu gihugu hose no hanze, bikazamura ubukungu binyuze mu bukode bw'inzu, ubucuruzi n'izindi serivisi.




Amagorofa menshi yuzuye mu mujyi wa Musanze




Umujyi wa Musanze ufite gare na yo ifatwa nk'ibigize ubwiza bwa Musanze

Abanyeshuri batanga akazi aho bacumbitse, kandi baba abakiriya b'abacuruzi n'abatanga serivisi zitandukanye. Uruhare rw'izi kaminuza rugaragara mu guha Musanze isura y'umujyi w'ubumenyi n'ubushakashatsi.

**Ibikorwa remezo n'imibereho myiza**

'Goico Plaza' ni isoko rya kijyambere rifasha ubucuruzi gukorera ahantu hagezweho. Imihanda ya kaburimbo, amatara yo ku mihanda, amazi meza n'amashanyarazi byagejejwe ku baturage ku rugero rushimishije.

Mukarugwiza Beatha ati: "Iyo urebye aho twavuye n'aho tugeze, usanga hari impinduka zikomeye cyane. Uyu munsi turagenda amasaha yose tudafite ubwoba. Abana bacu bariga, abacuruzi bagakora ibikorwa byabo, abashoramari bakubaka inyubako zikomeye. Ibi byose byashobotse kubera umutekano n'imiyoborere myiza."

Nizeyimana Jean Damascène, umwe mu rubyiruko, na we yagize ati: "Ntabwo twari kubona aya mahoteri, aya magorofa, amasoko na za kaminuza iyo hataba ubuyobozi bwiza. Iyo umutekano uhari, abantu bagira icyizere cyo gushora imari no gukora. Natwe urubyiruko tubona akazi kandi tukabona amahirwe yo kwiteza imbere."

**Ubuyobozi n'icyerekezo**

Umuyobozi w'Akarere ka Musanze, Nsengimana Claudien, avuga ko iterambere ryubakiye ku miyoborere myiza n'ubufatanye bw'inzego zitandukanye. Ati: "Mu myaka 32 ishize, igihugu cyashyize imbere umutekano, ubumwe bw'Abanyarwanda no guteza imbere ibikorwa remezo. Ibyo byatumye Musanze ikura iva ku rwego rw'umujyi muto igera ku rwego rw'umujyi ugezweho kandi ukurura ishoramari."

Tugengwanayo Theonas wo muri PSF Musanze yongeraho ko ubufatanye bwa Leta n'abikorera bwatumye Musanze iba igicumbi cy'ishoramari nyuma ya Kigali. Ati: "Iyo urebye amahoteli arenga 37, amacumbi asaga 119, za kaminuza n'amashuri makuru bikorera muri Musanze, ubona neza ko uyu mujyi wabaye igicumbi cy'ishoramari."

Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, Mugabowagahunde Maurice, asaba abaturage kubaka bagendera ku gishushanyo mbonera, kubungabunga ubutaka no kububyaza umusaruro. Kugeza ubu icyiciro cya mbere mu kuvugurura Musanze cyatangiye, hamaze gutahwa amagorofa 40, intego ikaba ko mu myaka 5 umujyi uzaba wubatswe mu buryo bw'amagorofa hose.

Ati: "Turashishikariza abaturage kubaka amagorofa aho bishoboka kugira ngo ubutaka bukoreshwe neza. Kubungabunga ubutaka no kububyaza umusaruro neza ni inshingano za buri wese, kandi ni imwe mu nkingi z'iterambere rirambye."

**Umujyi w'icyizere**

Musanze yahindutse ikimenyetso cy'ubushobozi bw'Abanyarwanda bwo kwiyubaka. Amahoteli 37, amacumbi 119, za kaminuza n'amashuri makuru, amasoko agezweho nka 'Goico Plaza', inyubako z'amagorofa n'ibikorwa by'ubukerarugendo bikurura abashyitsi baturutse ku migabane yose y'Isi ni ibimenyetso by'iterambere ryagezweho mu myaka 32 ishize.

Abaturage bashimangira ko umutekano usesuye ari inkingi yatumye Musanze iba igicumbi cy'ubukerarugendo, uburezi n'ishoramari. Guverineri Mugabowagahunde akomeza asaba abaturage kugira uruhare mu bikorwa bibateza imbere, kubungabunga ibyagezweho no gufatanya na Leta mu rugendo rwo kubaka Intara y'Amajyaruguru irushaho gutera imbere kandi itanga imibereho myiza ku baturage bose.

Mu gihe u Rwanda rwizihiza imyaka 32 yo Kwibohora, Musanze ihagaze nk'ikimenyetso cy'ubushobozi bw'Abanyarwanda bwo kwiyubaka. Ni umujyi werekana ko imiyoborere myiza, umutekano n'icyerekezo kirambye bishobora guhindura ubuzima bw'abaturage, bikubaka ubukungu kandi bigatanga icyizere cy'ejo hazaza heza.




Mu byo abatuye umujyi wa Musanze bishimira harimo n'isoko rya kijyambere

BAHUWIYONGERA Sylvestre

# Kwibohora 32: Rusizi baravuga imyato imihanda myiza ibahuza n'ibindi bice birimo n'Umujyi wa Kigali

***Abaturage b'Akarere ka Rusizi barizihiza isabukuru ya 32 yo Kwibohora bishimira impinduka z'iterambere zigaragara mu nzego zitandukanye, by'umwihariko mu bwikorezi bw'abantu n'ibintu kuko ari bwo bwabakuye mu bwigunge, aho batagihangayikishwa n'ingendo.***

Uyu munsi byaroroshye kugera mu Karere ka Rusizi ahitwaga inyuma y'ishyamba, aho ingendo zaho zagoranaga by'umwihariko ku bazikora mu mihanda, no mu mazi. Aba baturage bavuga ko izo mpinduka mu iterambere zishingiye ku miyoborere myiza irangajwe imbere na Perezida wa Repubulika Paul Kagame wayoboye urugamba rwo kubohora u Rwanda.

Abakuriye muri ako Karere kitwaga Cyangugu bavuga ko bari barakubititse mbere nutse ku buryo bazindukirayo bakarara batashye n'ibicuruzwa byayo, nyuma y'uko hakozwe imihanda yoroshya ubuhahirane, haba uwa Rusizi-Pariki ya Nyungwe-Nyamagabe-Huye Kigali ndetse n'uwa Rusizi-Nyamasheke-Karongi-Muhanga-Kigali.

Nyirangendahimana Léoncie w'imyaka 62, wo mu Murenge wa Nkombo, ashimishwa cyane no kubona abagenzi bafite aho bategera imodoka hasobanutse kuko mbere icyitwaga Gare ya Rusizi cyabisikanagamo bisi ebyiri gusa zikora Rusizi-Kigali, n'imodoka za taxi minibus zabarirwaga ku ntoki.

Ati: "Icyo gihe kuko n'iby'ingendo tutabyitagaho kubera ko n'imiturire yacu, aho umuntu yaturanaga n'umuryango



Icyambu cya Rusizi kigiye kuzura cyitezweho kunoza ishoramari




Ubwikorezi bwo mu Kivu bwateye imbere

y'uko Igihugu kibohorwa kuko hageraga bisi ziturutse i Kigali zikora urugendo rw'amasaha 12, kandi na bwo kuyigeramo bikaba ingorabahizi, yagusiga uwo munsi ubwo urugendo rukaba rurasubitswe.

Abamaraga iminsi 3 bajya kurangura i Kigali barara batashye

Abakorera ubucuruzi mu Mujyi wa Rusizi bagaragaza impinduka zigaragara aho igihe bakoreshaga bajya kurangura mu Mujyi wa Kigali cyagabawe, iby'ubucuruzi bitaratera imbere abantu batunzwe n'ibikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi nta n'abana bajya ku mashuri cyane, urwaye akagana ba magendu, iterambere ry'ubwikorezi bw'abantu n'ibintu ryari rya ntaryo."

Avuga ko icyo gihe nta bantu bashoboraga gukora ingendo mu masaha y'ijoro kubera ko umuhanda rukumbi wanyurwagamo n'aberekeza i Kigali wari uca muri Pariki y'Igihugu ya Nyungwe. Agira ati: "Nta ngedo z'ijoro zabagaho nk'ubu, nta n'amatara yo ku mihanda twagiraga n'umuhanda rukumbi wa kaburimbo Rusizi-Kigali uciye muri Nyungwe wari ikizima. Kugira ngo umuntu ave ku Nkombo ategе bisi ya saa moya z'igitondo imujyana i Kigali ari bunagende yicaye, byasabaga gucumbika aha mu mujyi. Ingorane nkatwe bo ku Nkombo twagiraga ni uko nta bantu tuziranye bawubagamo. Byasabaga kurara hanze hafi y'umuhanda."

Avuga ko kujya i Kigali byari iby'abacuruzi bo ku rwego rwo hejuru, bajyaga kurangura bakamara iminsi irenga itatu bataragaruka kubera ko n'iyo bisi yagendaga ihagarara cyane mu nzira, abo itwaye babyigana, n'isuku ari nke bamwe bakagerayo barushijeho kumererwa nabi.

Ati: "Icyo gihe hariho imvugo ngo 'Kigali ni amahanga'. Tukumva ni amahanga koko, kujyayo byarutaga uko ubu umuntu yajya i Burayi cyangwa mu bihugu bya Aziya kuko byari nko kubonekerwa. Byarahindutse cyane kuko ubu ushobora kuva ku Nkombo saa kumi n'imwe z'igitondo ugatega imodoka ya saa kumi n'ebyiri muri gare ya Rusizi, ukajya i Kigali ugakora ibikujyanye washaka ukagaruka. Kurara mu nzira, kugenda mubyigana bamwe bahagaze hejuru y'abicaye, kwibaza niba ujya kurangura bikaza na we ugataha, kuvuga ngo umwana arajya kwiga ateze iyihe, agera ku ishuri ryari, ugiye kwivuza kure aragenda ate, arare he, azagaruke ate? Byabaye amateka."

Umuyobozi wungirije wa Gare ya Rusizi, Bagire Geoffrey avuga ko ubu iyi gare ibarizwamo ibigo 11 bitanga serivisi zo gutwara abagenzi mu bice binyuranye birimo Kigali, Rubavu, Bugarama n'inzira zaho ikanabamo amatagisi asanzwe, hanze ya gare hakaba moto zirenga 1 200 na zo zifasha muri ubu bwikorezi, amagare n'ubundi buryo.

Ati: "Nk'aha muri gare, hari imodoka nini zitwara abagenzi zirenga 300 zikora amasaha 24 kuri 24. Nta saha n'imwe wahagera ngo ubure imodoka ikujyana i Kigali no mu nzira zaho. Hari tagisi nto zirenga 30. Hanze hari n'izindi taxi-voitures zikora n'ubundi buryo bwinshi bw'ubwikorezi, yaba amakamyo n'amafuso atwara ibicuruzwa n'ibindi."

Uretse aberekeza i Kigali,

KOMEZA KU RUP.31

# Kwibohora 32: Rusizi baravuga imyato imihanda myiza ibahuza n'ibindi bice birimo n'Umujyi wa Kigali

IBIKURIKIRA URUP.30

umuhanda 'Kivu Belt' uhuza Akarere ka Rusizi, Nyamasheke, Karongi, Rutsiro n'aka Rubavu warushijeho koroshya ubuhahirane ku baturage b'utwo Turere dukora ku Kiyaga cya Kivu.



Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Nyamasheke ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Muhayeyezu Joseph Désiré ashimira abikorera uruhare bagira mu gutunganya iyi santere y'ubucuruzi ya Tyazo

**Ubwikorezi bwo mu mazi bwahinduwe n'ikoranabuhanga**

Ubwikorezi bwo mu mazi mu Kiyaga cya Kivu ni urwego rwateye imbere cyane aho rugira uruhare rukomeye mu buhahirane bw'abaturage b'Uturere dukora ku Kiyaga cya Kivu ndetse bukanahuza u Rwanda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).

Ubu bwikorezi bukoreshwa n'amato y'imizigo n'ayabagenzi, aho u Rwanda ruri kubaka ibyambu bya kijyambere ku nkengero zacyo nk'icya Rusizi cyitezweho kujya cyakira abagenzi miliyoni 2 n'ibihumbi 300 ndetse n'imizigo ifite uburemere busaga toni 1,3 buri mwaka. Nanone kandi hari n'ahandi hateganyijwe muri Rubavu, i Karongi na Rutsiro.

Ntoranyi Faustin w'imyaka 63, avuga ko mu myaka 32 ishize nta koranabuhanga ubwato bwabo bwagiraga, kuko nk'ubwato busanzwe kwari ugukoresha ingashya. Kuvana ibicuruzwa i Rusizi bijya i Rubavu mu mazi yari amasaha arenga 12 mu cyombo. Kwari ukugenda ijoro bakagaruka irindi, baryamye hejuru ya sima cyangwa ibindi bajyanye.

Agaruka ku mpinduka zigaragara nyuma y'iyo myaka, yagize ati: "Uyu munsi ukoresheje icyombo uva i Rusizi ujya i Rubavu amasaha ane uba wagezeyo. Tujyanayo cyane cyane sima, tukagarura amakoro cyangwa imicanga dukura i Nyamasheke n'i Rutsiro. Tubitwara mu byombo twikorera ubwacu, aho hari abakora ibyombo by'agaciro k'amafaranga kuva muri miliyoni 350 z'amafaranga y'u Rwanda kugera kuri miliyoni 800 Frw."

Avuga ko ubu amato akora ubwikorezi buremereye arenga 20 mu gihe mu bihe byashize atarengaga abiri. Mbere ubwato ntibwatwaraga toni zirenga 8, ariko ubu ubu bafite ubutwara toni zirenga 500 z'ibicuruzwa, buba bwahaye akazi abarenga 300 mu gupakira no gupakurura.

Avuga ko bibashimisha kuba umuntu ashobora kujya gutega ubwato ku kiyaga cya Kivu agiye mu bindi bice by'Iburengerazuba kuko byabongereye amahirwe yo gukora ingendo zoroshya ubuhahirane, kurushaho kunoza ubukerarugendo.

**Indege zibageza i Kigali mu minota 40**

Abaturage bo mu Karere ka Rusizi, bahamya ko kuri ubu amahirwe yo gukora ingendo zo mu kirere zihuse, zihendutse kandi zikorera ku gihe, aho indege za sosiyete nyarwanda ya ‚RwandAir' zitanga umusanzu mu kwihutisha serivisi.

Ikibuga cy'Indege Mpuzamahanga na cyo cyarushijeho kwagurwa no kuvugururwa mu korohereza ingendo zihakorerwa harimo izihuza u Rwanda n'ibihugu byo mu Karere nka Tanzania, Uganda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).



Urubyiruko rurenga 300 rubona akazi buri munsi mu bwikorezi ku cyambu cya Rusizi'

Abatega indege mu Karere ka Rusizi, bavuga ko iri terambere ryanajyanye n'iryo mu kirere, aho ubu bitakiri inzozi kugenda mu ndenge kuko Rwandair yagikemuye, iminota iri hagati ya 35 na 45 gusa uba uvuye i Kamembe ugeze i Kigali, waba ugiye kurangura mu mahanga ugahita ukomereza aho ugiye nta kuzarira.

Ugirashebuje Rémy ukunda gukoresha indege ya 'RwandAir' mu bucuruzi, avuga ko mbere yo kubohora u Rwanda batakoreshaga indege nk'abaturage basanzwe kugeza ubwo Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda ibahamirije ko byoroshye kugenda muri iyo gahunda.

Ati: "Mbere twafataga iminsi itatu cyangwa ine mu nzira twagiye kurangura i Kigali, bimwe bikanagera ino byangiritse kubera gutinda mu nzira n'imihanda mibi. Ubu iyo minsi itatu turayikoresha tujya mu Bushinwa, Dubai n'ahandi mu Burayi na Aziya tukagaruka."

Akomeza agira ati: "Kugenda mu ndege Kamembe-Kigali twabishishikarijwe n'Umukuru w'Igihugu Paul Kagame yadusuye hano i Rusizi, tuza gusanga birimo inyungu nyinshi kuko n'amafaranga atarenga amadolari 100 kugenda no kugaruka, bikadufasha cyane kuko byanatumye tumenya neza kubyaza igihe amafaranga."

Umuyobozi w'Urugaga rw'abikorera mu Karere ka Rusizi, Niyonkuru Rodrigue, ashima cyane Perezida wa Repubulika Paul Kagame wabafunguriye aya mahirwe bihariye mu gihugu cyose.

Ati: "Turayabyaza umusaruro cyane kuko uyu munsi umuntu arafata indege akajya kurangura hirya no hino ku Isi, akagaruka agacuruza adakererewe kubera koroha kw'ingendo z'indege, ku mafaranga adakanganye."

Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi, Sindayiheba Phanuel agaragaza ko bishimira kuba ubwikorezi bwararushijeho gutera imbere mu myaka 32, Akarere ka Rusizi kakaba karahindutse nyabagendwa katakibarwa nk'ak'inyuma y'ishyamba.

Ati: "Ubwikorezi bwa hano murabona ko buteye imbere cyane. Uretse ubu bwo ku butaka mu mazi no mu Kirere. Tunafite amahirwe y'icyambu cya Rusizi cyenda kuzura kigeze kuri 99%. Na cyo kizaba gifite umupaka wemewe usohora ibicuruzwa, abantu binjira banasohoka mu gihugu bawukoresheje. Ni amahirwe akomeye ku bucuruzi bwambukiranya imipaka yiyongera kuri ayo yandi yose."

Asaba abaturage b'i Rusizi kubyaza umusaruro aya mahirwe bihariye bakarushaho kureba kure bagakora ibirenze, cyane ko ubu banafite umutekano usesuye utuma byose bishoboka.

## ITANGAZO RY'ISOKO

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**AKARERE KA MUHANGA**

**ACEJ/KARAMA TSS**

**TEL: 0788607924, 0788760106 & 0788607912.**

**ITANGAZO RY'AMASOKO MURI ACEJ KARAMA TSS**

Ubuyobozi bw'ikigo cy' amashuli cya ACEJ/KARAMA TSS giherereye mu ntara y'Amajyepfo, Akarere ka Muhanga, Umurenge wa Muhanga ku bufatanye n'akanama gashinzwe gutanga amasoko muri icyo kigo, burifuza gutanga amasoko ku bantu ku giti cyabo, amasosiyete cyangwa amakoperative, yujuje ibisabwa mu gupiganira amasoko ya Leta mu Rwanda. Uko amasoko ateye:

**INYITO Y'AMASOKOSOKO:**

1. **Isoko N°: 01/G/OCB/ACEJ.KA/2026-2027:** Isoko ryo kugemura ibiryo muri ACEJ/KARAMA TSS mu gihembwe cya mbere (1) mu mwaka w' amashuli wa 2026-2027.
2. **Isoko N°: 02/G/OCB/ACEJ.KA/2026-2027:** Isoko ryo kugemura inkwi mu gihembwe cya mbere mu mwaka w'amashuli wa 2026-2027
3. **Isoko N°: 03/G/OCB/ACEJ.KA/2026-2027:** Isoko ryo kugemura impuzankano y'abanyeshuli (Uniform) mu kigo cya ACEJ KARAMA TSS

Abifuza gupiganira rimwe muri aya masoko, bagomba gufata igitabo gikubiyemo amabwiriza y'ipiganwa (cahier de charge/ DAO) mu biro by'umucungamutungo w'ishuri rya ACEJ/KARAMA TSS, bamaze kwerekana urupapuro (bordereau) rwa Banki bishyuriyeho amafaranga (10,000Frw) y'igitabo adasubizwa, kuri konti N°: **100000396898** iri muri Banki ya Kigali(bk) cyangwa N°: **436317661010157**, iri muri banki y'abaturage y'u Rwanda (BPR), y' ishuri rya ACEJ/KARAM TSS.

Ibitabo bikubiyemo amabwiriza y'ipiganwa biboneka mu biro by'umucungamutungo w'ishuli guhera ku wa 29/06/2026 kugeza ku wa 24/07/2026, mu masaha y'akazi.

Amadosiye asaba gupiganira amasoko azagezwa mu biro by' umucungamutungo wa ACEJ/KARAMA TSS bitarenze tariki ya 24/07/2026, saa yine n'iminota mirongo itatu (**10h30**).

Gufungura amabahasha y'abapiganira isoko bizaba mu ruhame tariki ya **24/07/2026** saa tanu zuzuye (**11h00**), muri ACEJ/KARAMATSS.

**Icyitonderwa :** Buri soko rifite igitabo cyihariye. Uwifuza gupiganira amasoko arenze rimwe agomba kwerekana bordereau kuri buri gitabo yifuza kugura.

Bikorewe i Muhanga, ku wa 22/06/2026

**BISANGABAGABO Youssouf**

Umuyobozi w'ishuli rya ACEJ/KARAMA TSS

## ITANGAZO RY'AKAZI

WASAC Group
Water & Sanitation Corporation
'Dignifying Life'

**REQUEST FOR EXPRESSIONS OF INTEREST**
**ADVERTISEMENT**
**(INDIVIDUAL CONSULTANT)**
**Country: Rwanda**

**Assignment:** Development of the National Non-Revenue Water (NRW) Reduction and Performance-Based Contracting Programme for Rwanda
**Position:** Non-Revenue Water (NRW) Expert
**Client:** WASAC Group Ltd
**Source of Fund:** United Nations Children's Fund (UNICEF)
**Date:** 30/06/2026

1. **Background and Rationale**

Non-Revenue Water (NRW) remains one of the most critical challenges facing Rwanda's water supply sector, with national NRW levels estimated at around 37.8%, resulting in substantial water losses, foregone revenues, increased energy consumption, and reduced service reliability. These losses undermine WASAC's financial sustainability and Rwanda's broader goals related to water security, climate resilience, and economic development.

Evidence from recent initiatives like KAIZEN and FDW SCALE projects, and other development partner supported interventions, demonstrates that NRW reduction is technically feasible, financially viable, and delivers measurable returns on investment when interventions are data-driven, adequately resourced, and institutionally embedded.

Rwanda's National Strategy for Transformation (NST2) 2024-2029 prioritizes scaling up access to clean water through enhanced, sustainable infrastructure. By expanding urban and rural water networks, promoting private sector participation, and ensuring climate-resilient water management, targeting to reach at 20% as NRW ratio by 2029. However, NRW causes vary significantly by WASAC branch/sub-branch and service context, encompassing physical losses, commercial losses, social factors (e.g. vandalism, illegal connections), and internal institutional practices. Addressing NRW therefore requires a nationwide yet highly differentiated programme, supported by institutional strengthening, policy reforms, and sustained financing.

Against this background, WASAC seeks to engage an experienced NRW Expert (Consultant) to prepare *(i) a comprehensive, costed, and investment-ready National NRW Reduction Programme, aligned with Rwanda's development priorities, and (ii) a funding project proposal for submission to the donors for mobilisation of resources for implementation of the Programme.*

ITANGAZO RY'AKAZI

WASAC Group
Water & Sanitation Corporation
'Dignifying Life'

2. WASAC Group now invites interested candidates (Individual Consultants) to apply and indicate interest in providing these services. Interested Individual Consultant must provide information indicating that he/ she is qualified and has relevant experience to perform the services (detailed CVs, academic and professional qualifications, relevant copies of academic degrees and other certificates, description of experience in similar assignments, etc.). Detailed terms of reference can be found at WASAC's website https://www.wasac.rw

3. Eligibility criteria, establishment of the short-list and the selection procedure shall be in accordance with the Rwanda Procurement Law. The Individual Consultant shall be selected based on his/ her relevant experience, qualifications, and ability to carry out the assignment. Please note that interest expressed by an Individual Consultant does not imply any obligation on the part of WASAC Group to include him/ her in the shortlist.

4. **Qualification requirements:**

**The Non-Revenue Water Expert shall possess the following requirements:**

- ✓ Advanced degree (Master's degree) in water-related engineering or water resources management;
- ✓ Minimum 10 years' experience in NRW reduction and water utility operations;
- ✓ Shall have worked on at least one project financed donor-funded and policy –oriented assignment
- ✓ Strong analytical, reporting and team working skills
- ✓ Excellent written and verbal communication skills in English.

5. **The applicant shall provide:**

(i) Full time contact mail address and mobile phone numbers;
(ii) Contact details of his/her Clients/Employees in the last 5 years;
(iii) Names of three referees and their contact mail addresses including mobile/cell telephone numbers;
(iv) Copies of National Identity Cards (IDs) or passports.

WASAC Group
Water & Sanitation Corporation
'Dignifying Life'

6. **Remuneration:** The Expert shall be remunerated through a negotiated lump sum including fees and relevant reimbursable expenses.

7. Interested Individual Consultants may obtain further information at the following address during office hours [9-15 GMT] or by e-mail:

   WASAC Group Ltd
   P.O Box 2331 Kigali,
   KN4 Av 8, CENTENARY HOUSE, Nyarugenge District,
   Kigali-Rwanda
   E-mail: info@wasac.rw

8. Written Expressions of Interest together with the CVs, copies of degrees and relevant certificates must be delivered in a sealed envelope clearly marked: **"Non-Revenue Water Expert"** or could be submitted in one file by e-mail to the address above by no later than 14.../07../**2026 at 10:00 am (GMT).** Late submissions will not be considered.

Sincerely,

**Dr Asaph KABAASHA**
Chief Executive Officer

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y' UBUREZI

ECOLE SECONDAIRE MUBUGA

B.P: 57 KIBUYE

TEL 0783268693

E-mail: esmubuga1962@ymail.com

ITANGAZO RY'AMASOKO No 01/2026-2027/FR/ES MUBUGA

Ubuyobozi bw' ishuri ryisumbuye rya Mubuga, bufatanyije n'akanama gashinzwe gutanga amasoko muri iryo shuri, buramenyesha ba Rwiyemezamirimo n'amakoperative babifitiye ibyangombwa, babishaka kandi babishoboye ko bushaka gutanga isoko ry'ibiribwa,inkwi n'ibinyobwa binyuranye,ibikoresho byo mu biro n' iby'imfashanyigisho, ibikoresho byo mu gikoni n' iby'isuku, ibikoresho by'ubwubatsi, amazi n'amashanyarazi byo ishuri ry'isumbuye rya MUBUGA. Iri soko ni iry'igihembwe cya mbere,icya kabiri n'icya gatatu by'umwaka w'amamashuri 2026-2027; Ibikenewe bigaragara mu ma LOT 8; nk'uko muzabisanga muri DAO. Igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa muragisanga mu biro by' ubunyamabanga bw'ishuri kuva ku wa 03nyakanga 2026 guhera saa tatu(9h00') kugeza saa kumi nimwe (17:00) mu minsi y'akazi. Ibitabo bikubiyemo ibiciro bizagezwa mu biro by' ubunyamabanga bw'ishuri bitarenze 03 kanama 2026 saa tatu (09h00) zuzuye. Gufungura inyandiko mu ruhame ni ku wa 03 kanama 2026 saa tatu n'igice (09h30) zuzuye, ku cyicaro cy' ishuri.

Buri wese mubifuza gupigana yishyura amafaranga ibihumbi icumi (10,000frw) adasubizwa yo kugura igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa, kuri compte y' ishuri N0507364457910138 iri muri Banki y'Abaturage(Bpr)cyangwa No 214/108008/1/5118/0 iri muri G.T Bank cg 148640 U-SACCO.

Bikorewe ku Mubuga kuwa 24 kamena 2026

Padiri NIYONSENGA Jean de Dieu Umuyobozi w' ishuri.

## ITANGAZO RY'ISOKO

NYAMATA TSS

EMAIL:etonyamata@yahoo.fr

TEL:0788557658/0788444212

**ITANGAZO**

Ubuyobozi bwa NYAMATA TSS bufatanyije n'Akanama gashinzwe amasoko baramenyesha abacuruzi n'abandi ba rwiyemezamirimo babyifuza ,bujuje ibyangombwa bisabwa mu ipiganwa kandi babifitiye ubushobozi ko bashaka gutanga amasoko agizwe na lot 5 mugihe cy'umwaka w'amashuri wa 2026/2027:

LOT1:Isoko ry'ibiribwa

LOT 2:Ibikoresho byo mu biro

LOT 3:Ibikoresho by'isuku

LOT4:Ibikoresho bya sport

LOT5:Isoko ryo gucunga umutekano

Abifuza gupiganira aya masoko bashobora kubona ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga iri piganwa mu biro by'Icungamutungo ,bikazafatwa n'ababikeneye guheraku wa 25/06/2026 nyuma yo kwishyura amafaranga **ibihumbi cumi (10,000Frws)** adasubizwa kuri LOT imwe,agomba gushyirwa kuri konti no **00062-00309938-79** yitwa ETO NYAMATA iri muri Banki ya Kigali(BK).

Amabahasha afunze neza arimo ibyangombwa bisabwa by'umwimerere cyangwa kopi eshatu ziriho Umukono wa noteri,imwe igomba kuba ari umwimerere bigomba kuba byagejejwe mu Bunyamabanga bw'Ishuri bitarenze tariki ya 27/07/2026 saa yine za mu gitondo,gufungura bibe kuri iwo munsi Saa tanu zuzuye.

Bikorewe I Nyamata,kuwa 22/06/2026

MURASANYI KAZIMOTO Edmond

Umuyobozi wa NYAMATA TSS

## ITANGAZO RY'ISOKO

***COLLEGE NOTRE DAME CONSOLATRICE DE NTARABANA***
***CONTACT : 0788674399/0784240007***

**ITANGAZO RYO GUTANGA ISOKO (TENDER/0P/CNDC/26-27)**

Ubuyobozi bw'Ishuri rya **COLLEGE NOTRE DAME CONSOLATRICE DE NTARABANA** riherereye mu murenge wa RONGI, Akarere ka MUHANGA, buramenyesha abantu bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bwifuza gutanga isoko ryo kugemura ibiribwa bizakenerwa mu mwaka w'amashuri 2026/2027. Ibizapiganirwa biri mu byiciro bibiri. Abifuza gupiganira iryo soko, bashobora kubona ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga iryo piganwa mu biro by'umunyamabanga bw'Ishuri guhera tariki ya 04/07/2026, bamaze kwishyura, kuri buri gice cy'isoko ryapiganiwe, amafaranga ibihumbi icumi (10,000 FRW) adasubizwa kuri konti imwe muri izi zikurikira za **COLLEGE NOTRE DAME CONSOLATRICE DE NTARABANA:**

**1.** D-SACCO AGACIRO MUHANGA : **077628**
**2.**BPR: **446318905210185 (COLL. NOTRE DAME CONSOLATRICE).**

Nyuma yo guhabwa ibyo bitabo cy'isoko (DAO), murasabwa kwandikira umuyobozi w'Akanama k'amasoko wo muri iryo Shuri. Amabaruwa yanyu agomba kuba yageze mu bunyamabanga bw'Ishuri bitarenze taliki ya **03/08/2026** , saa yine za mugitondo, afunze neza, yanditseho :"**KUGEMURA IBIRIBWA-26/27**". Gufungura amabaruwa mu ruhame ni saa yine n'igice za mu gitondo ku cyicaro cy'Ishuri, ku wa 03/08/2026.

**Bikorewe i Ntarabana, ku wa 03/07/2026**
**Padiri NGABOYAMAHINA Jean de Dieu**
**Umuyobozi w'Ishuri**

## ITANGAZO RY'ISOKO

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**UMUJYI WA KIGALI**
**AKARERE KA NYARUGENGE**
**IKIGO NDERABUZIMA CYA RUGARAMA**

**ITANGAZO RY'ISOKO No 001/HYG./RGMAHC/2026-2027**

Ikigo Nderabuzima cya Rugarama giherereye mu Karere ka Nyarugenge, Umurenge wa Nyamirambo kiramenyesha ba Rwiyemezamirimo bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko kifuza gutanga isoko ryísuku nísukura rifite numero **001/HYG./RGMAHC/2026-2027**
Abifuza gupiganira iryo soko bashobora kubona ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga iryo soko mu bunyamabanga rusange bw'Ikigo Nderabuzima cya Rugarama kuva ku itariki ya 26/06/2026 mu masaha yákazi kuva saa mbiri za mu gitondo kugeza saa kumi nímwe zúmugoroba bamaze kwishyura amafaranga Ibihumbi Icumi adasubizwa kuri Konti **No 040-00288888-55 AK.NYAR/CTRE DE SANTE RUGARAMA iri muri Banki ya Kigali (BK)**

Igikorwa cyo gusura isoko giteganyijwe ku itariki ya 03/07/2026 guhera saa tatu nígice (09h30) kugeza saa yine zuzuye (10H00).

Amabahasha afunze neza arimo ibitabo bitatu harimo kimwe cy'umwimerere(orginal) na copie ebyiri(2) agomba kuba yagejejwe ku kigonderabuzima cya Rugarama ku itariki ya 17/07/2026 bitarenze saa tanu za mugitondo (11H00) .

Amabahasha azafungurwa uwo munsi mu ruhame saa tanu n'igice(11h30)mu cyumba cy'Inama cy'Ikigo Nderabuzima cya Rugarama.

Bikorewe Ikigali kuwa 26/06/2026

**KANA Mujiji Sylvie**
Umuyobozi w'ikigo nderabuzima cya Rugarama

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**REPUBLIC OF RWANDA**

**WESTERN PROVINCE**
**RUBAVU DISTRICT**
**GISENYI SECTOR**

**ITANGAZO RYO KUGURISHA IMODOKA MU CYAMUNARA**

Hashingiwe ku mwanzuro w'Inama njyanama y'Umurenge wa Gisenyi

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Gisenyi, buramenyesha abantu bose babyifuza kandi bujuje ibisabwa ko buri guteza cyamunara imodoka yawo yo mu bwoko bwa **PICK-UP GREAT WALL/WINGLE5** ifite chassis nimero LGWDB3172JB620581 , Purake **RAD 168T**, yakozwe mu mwaka wa **2018**.

Abifuza gupiganira iyi modoka barasabwa kuzaba bagejeje ibiciro byabo mu mabahasha afunze neza yanditseho **"KUGURA IMODOKA MU CYAMUNARA" mu bunyamabanga bw'umurenge wa Gisenyi** bitarenze ku wa 10 Nyakanga 2026 saa yine za mu gitondo (10h00) ari na bwo amabahasha azafungurwa mu ruhame. Imodoka izegukanwa n'uwatanze igiciro kiri hejuru y'icy'abandi kandi ahite yishyura amafaranga yose kuri compte y'IMODOKA Y'UMUTEKANO N'ISUKU MU MURENGE WA GISENYI ifite nomero 035066 iri mu INGANJI SACCO RUBAVU, akaba ari na bwo hazatangira ibikorwa byo kuyimwandikaho (Mutation).

**Icyitonderwa:**

1. Ubuyobozi bw'Umurenge wa Gisenyi bufite uburenganzira bwo kwanga igiciro kiri munsi y'agaciro k'imodoka cyatanzwe n'umugenagaciro .
2. Gusura iyi modoka biri kubera muri Parking y'Akarere ka Rubavu.
3. Ukeneye ibindi bisobanuro kuri iyi cyamunara yabaza kuri: +0788737170, cyangwa +250788787170

Murakoze.

**UWINEZA Francine**
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Gisenyi

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'IBURENGERAZUBA

AKARERE KA RUSIZI

UMURENGE WA NYAKABUYE

**ITANGAZO RY'IPIGANWA N°001 /2025-2026**

Umurenge wa NYAKABUYE uramenyesha ba rwiyemezamirimo/Company babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko wifuza gutanga isoko ryo kugemura ibikoresho by'ubwubatsi bitandukanye bigurirwa muri kenkayeri bizifashishwa ku nyubako z'ibyumba by'amashuri,inyubako y'ubwihereo n'inyubako y'inkuta zifata imikingo

Abifuza gupiganira isoko ryavuzwe haruguru bashobora kubona ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa mu bunyamabanga rusange bw'Umurenge wa NYAKABUYE, kuva tariki ya **29/06/2026.**

Buri gitabo gikubiyemo amabwiriza y'ipiganwa cyishyurwa amafaranga y'u Rwanda ibihumbi icumi **(10,*000 Frw*)** ashyirwa kuri konti y'ikigo cy'igihugu gishinzwe imisoro n'amahoro(RRA)

Amabahasha afunze neza arimo ibiciro yanditseho inyuma Bwana Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Nyakabuye munsi hakababa handitse **gutanga ibiciro** agomba kuba yagejejwe mu bunyamabanga rusange bw'Umurenge wa NYAKABUYE bitarenze kuwa mbere tariki ya **13/07/2026** saa **yine (10h00)** za mu gitondo.Gufungura amabahasha mu ruhame bizakorwa uwo munsi saa yine n'igice **(10h30)** mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa NYAKABUYE

Bikorewe i NYAKABUYE kuwa 22/06/2026

**KAMARI KIMONYO**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa NYAKABUYE

## ITANGAZO RYO KUMENYESHA

Repubulika y'u Rwanda
**Ubutegetsi bw'Ubucamanza**

***Ibiro bya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga***

**ICYEMEZO CYA PEREZIDA GITEGEKA ABABURANYI BADAFITE AHO BABARIZWA HAZWI KWITABIRA INAMA ITEGURA URUBANZA RWABO MU GIHE CYA BUGUFI**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri na gatandatu, umunsi wa 02, Ukwezi kwa Nyakanga ;

Twebwe, MUKANTAGANZWA Domitilla, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, dufashijwe na RUKUNDAKUVUGA J.M. Olivier, Umwanditsi Mukuru muri urwo Rukiko ;

Tumaze kubona ko urubanza rufite N° RS/INJUST/RC 00028/2024/SC, haburana MUSONI William na SEMPA Erasto, MABONDO Victor SEMAHORO, ruzaburanishwa ku itariki ya 6/10/2026, rukaba rwaragobokeshejwemo abitwa TWAHIRWA Emmanuel na MUGISHA Charles badafite aho babarizwa hazwi mu Rwanda no mu mahanga ;

Tumaze kubona ibaruwa yakiriwe mu Bwanditsi bw'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 02/07/2026, yanditswe na Me Kimanuka John mu mwanya wa Musoni William asaba ko itariki y'inama ntegurarubanza yahamagazwa mu gihe cya vuba kubera ko urwo rubanza rumaze igihe kinini mu Rukiko;

Tumaze kubona ko ibyo asaba bifite ishingiro ;

Dushingiye ku Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, nk'uko ryahinduwe ; cyane cyane ku ngingo ya 45, iya 46, iya 49 igika cya 5 n'iya 50 ;

Dutegetse ko ihamagara rya TWAHIRWA Emmanuel na MUGISHA Charles rimanikwa ku Rukiko rw'Ikirenga ahagenewe gushyirwa amatangazo no ku byicaro by'Inkiko Zisumbuye mu gihe cy'iminsi 15.

Dutegetse TWAHIRWA Emmanuel na MUGISHA Charles kwitabira inama ntegurarubanza y'urubanza N° RS/INJUST/RC 00028/2024/SC izakorerwa ku Rukiko rw'Ikirenga ku wa 27/07/2026 i saa yine za mu gitondo (10 :00), no kugaragaza imirongo ya interineti bazajya bamenyesherezwaho ibijyanye n'uru rubanza.

Iki cyemezo gitangajwe mu kinyamakuru: IMVAHO NSHYA.

Kopi y'iki cyemezo bazayisanga mu Bwanditsi bw'Urukiko rw'Ikirenga.

Bikorewe mu Biro byacu, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

Digitally signed by SC(Chief Justice)
Date: 2026.07.02
16:16:57 +02'00'

**MUKANTAGANZWA Domitilla**
**Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga**

Digitally signed by SC(Chief Registrar)
Date: 2026.07.02
16:24:18 +02'00'

**RUKUNDAKUVUGA J.M. Olivier**
**Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rw'Ikirenga**

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

KUGIRANGO HASHYIRWE MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU/RDB No : Ref.N°: **026-0119157** cyo kuwa **19/05/2026, KUGIRANGO HISHYURWA UMWENDA WA BANKI UWASHINZWE KUGURISHA INGWATE Me MUDAHEMUKA Barahira Johnson ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MU CYAMUNARA UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'INZU IRI MU KIBANZA KIBARUYE KURI UPI: 5/01/03/06/194** IHEREREYE MU MUDUGUDU WA BYIMANA MU KAGARI KA RUHIMBI, UMURENGE WA GISHALI, AKARERE KA RWAMAGANA, MU BURASIRAZUBA

| CYAMUNARA | UMUNSI/UKWEZI | UMWAKA | ISAHA |
|---|---|---|---|
| KU NSHURO YA KABIRI. | 01/07 kugeza 8/07 | 2026 | saa Munani z'amanywa (14:00Hrs) |
| KU NSHURO YA GATATU. | 10/07 kugeza 17/07 | 2026 | saa Munani z'amanywa (14:00Hrs) |

- UBUSO BW'UBUTAKA NI: 719SQM²
- UFITE AGACIRO KANGANA NA 49,503,000**Fwf.** USHAKA GUPIGANWA ATANGA IBICIRO ANYUZE KU RUBUGA www.cyamunara.gov.rw RW'INYANDIKO MPESHA ZIRANGIZWA ARI NARWO CYAMUNARA IBERAHO.
- UPIGANWA KWEGUKANA UWO MUTUNGO AGOMBA GUTANGA 5% BY'AGACIRO KUWO MUTUNGO NK'INGWATE Y'IPIGANWA ANGANA NA **2,475,150 Rwf** BINYUZE MURI SYSTEM CYAMUNARA IBERAMO.
- IBICIRO BY'ABAPIGANWE BIZATANGAZWA TALIKI YA **29/06/2026** /SAA MUNANI Z'AMANYWA (14H00) NIHATAGIRA UTSINDIRA UWO MUTUNGO CYAMUNARA IZAKOMEZA NKUKO INGENGABIHE IBIGARAGAZA.
- GUSURA UWO MUTUNGO BIZAKORWA BURI MUNSI KUVA KU WA **22/06/2026** MU MASAHA Y'AKAZI

UZATSINDA MURI CYAMUNARA AZISHYURA KURI KONTI **Nº: 7075311** YA **MUDAHEMUKA Barahira Johnson** IRI MURI ZIGAMA CSS. AMAFOTO N'IGENAGACIRO BYAWO BIBONEKA KU RUBUGA RW'IMANZA ZIRANGIZWA www.cyamunara.gov.rw.
USHAKA IBINDI BISOBANURO YAHAMAGARA TELEPHONE IKIRURIKIRA: **0788854928.**
BIKOREWE I KIGALI, KU WA **30/06/2026.**
Me MUDAHEMUKA Barahira Johnson

UWASHINZWE KUGURISHA INGWATE:

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

KUGIRANGO HASHYIRWE MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU/RDB No : Ref.Nº: **026-0117618** cyo kuwa **18/05/2026, KUGIRANGO HISHYURWA UMWENDA WA BANKI UWASHINZWE KUGURISHA INGWATE Me MUDAHEMUKA Barahira Johnson ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MU CYAMUNARA UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'INZU IRI MU KIBANZA KIBARUYE KURI UPI: 4/02/16/04/1923** IHEREREYE MU MUDUGUDU WA CYAHAFI MU KAGARI KA MUCACA, UMURENGE WA NEMBA, AKARERE KA GAKENKE, MU MUJYARUGURU

| CYAMUNARA | UMUNSI/UKWEZI | UMWAKA | ISAHA |
|---|---|---|---|
| KU NSHURO YA KABIRI. | 01/07 kugeza 8/07 | 2026 | saa Munani z'amanywa (14:00Hrs) |
| KU NSHURO YA GATATU. | 10/07 kugeza 17/07 | 2026 | saa Munani z'amanywa (14:00Hrs) |

- UBUSO BW'UBUTAKA NI: 821SQM²
- UFITE AGACIRO KANGANA NA 22,154,400**Fwf.** USHAKA GUPIGANWA ATANGA IBICIRO ANYUZE KU RUBUGA www.cyamunara.gov.rw RW'INYANDIKO MPESHA ZIRANGIZWA ARI NARWO CYAMUNARA IBERAHO.
- UPIGANWA KWEGUKANA UWO MUTUNGO AGOMBA GUTANGA 5% BY'AGACIRO KUWO MUTUNGO NK'INGWATE Y'IPIGANWA ANGANA NA **1,107,720 Rwf** BINYUZE MURI SYSTEM CYAMUNARA IBERAMO.
- IBICIRO BY'ABAPIGANWE BIZATANGAZWA TALIKI YA **29/06/2026 /**SAA MUNANI Z'AMANYWA (14H00) NIHATAGIRA UTSINDIRA UWO MUTUNGO CYAMUNARA IZAKOMEZA NKUKO INGENGABIHE IBIGARAGAZA.
- GUSURA UWO MUTUNGO BIZAKORWA BURI MUNSI KUVA KU WA **22/06/2026** MU MASAHA Y'AKAZI

UZATSINDA MURI CYAMUNARA AZISHYURA KURI KONTI **Nº: 7075311** YA **MUDAHEMUKA Barahira Johnson** IRI MURI ZIGAMA CSS. AMAFOTO N'IGENAGACIRO BYAWO BIBONEKA KU RUBUGA RW'IMANZA ZIRANGIZWA www.cyamunara.gov.rw.
USHAKA IBINDI BISOBANURO YAHAMAGARA TELEPHONE IKIRURIKIRA: **0788854928.**
BIKOREWE I KIGALI, KU WA **30/06/2026.**
Me MUDAHEMUKA Barahira Johnson

UWASHINZWE KUGURISHA INGWATE:

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU REF Nº 026-119301 CYO KUWA 19/05/2026 CYO KUGURISHA INGWATE MU CYAMUNARA KUGIRA NGO HISHYURWE UMWENDA BANKI IBEREWEMO;

USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO KU NSHURO YA KABIRI AZAGURISHA MU CYAMUNARA BINYUZE MU BURYO BW'IKORANABUHANGA UBUTAKA BUBARUYE KURI UPI 3/04/02/06/3920 UHEREREYE MU MUDUGUDU WA TERIMBERE, AKAGARI KA REGA, UMURENGE WA JENDA, AKARERE KA NYABIHU, INTARA Y'IBURENGERAZUBA;

UKO CYAMUNARA ZIZAKURIKIRANA BINYUZE MU BURYO BW'IKORANABUHANGA MU GIHE UMUTUNGO WABA UTABA UGUZWE KU NSHURO YA MBERE CYANGWA IYA KABIRI

| CYAMUNARA | UMUNSI N'UKWEZI CYAMUNARA IZATANGIRIRAHO IKANARANGIRIRAHO | ISAHA |
|---|---|---|
| INSHURO YA 2 | IZATANGIRA KUWA 28/06/2026 IRANGIRE KUWA 05/07/2026 | SAA CYENDA (15H00) |
| INSHURO YA 3 ARI NA YO YA NYUMA | IZATANGIRA KUWA 07/07/2026 IRANGIRE KUWA 14/07/2026 | SAA CYENDA (15H00) |

-UMUTUNGO UGURISHWA UFITE UBUSO BWA 1,136 SQM
-AGACIRO K'UMUTUNGO NI 9,100,000 FRW
-GUSURA UMUTUNGO BIZAKORWA BURI MUNSI MU MASAHA Y'AKAZI

UWIFUZA GUPIGANWA MU KUGURA UWO MUTUNGO, ARASABWA GUTANGA INGWATE Y'IPIGANWA Y'AMAFARANGA Y'U RWANDA 455,000 FRW AHWANYE NA 5% Y'AGACIRO K'UMUTUNGO AKAYISHYURA KURI KONTI IGARAGARA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA YA MINISITERI Y'UBUTABERA IRI MURI BANKI YA KIGALI (BK) HAKORESHEJWE URUBUTO PAY.

UWATSINDIYE UMUTUNGO MURI CYAMUNARA YISHYURA AMAFARANGA KURI KONTI Nº 1116080796074 IFUNGUYE M' URWEGO FINANCE MU MAZINA YA HARELIMANA AUGUSTIN

USHAKA GUPIGANWA ATANGA IBICIRO BINYUZE KU RUBUGA RW'INYANDIKOMPESHA ARIRWO: www.iecms.gov.rw ARI NAHO MUSANGA IFOTO N'AGACIRO BY'UMUTUNGO UGURISHWA

- ABIFUZA IBINDI BISOBANURO BABARIZA KURI NOMERO YA TELEFONE IKURIKIRA: 0785089957

BIKOREWE I KIGALI KUWA 26/06/2026

Me HARELIMANA AUGUSTIN
USHINZWE KUGURISHA INGWATE

Me HARELIMANA Augustin
Appointed Receiver
Tel: 0785089957

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MUBIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU CYO KUGIRISHA INGWATE ICYEMEZO NOMERO 026-137667 CYO KUWA 04/06/2026 USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA INZU IRI MU KIBANZA GIFITE UPI: 5/02/13/01/2244, IFITE UBUSO BUNGANA NA 80.420Sqm N'AGACIRO KANGANA NA 59.470.000FRW GIHEREREYE MU MUDUGUDU WA RUKUNDO II, AKAGARI KA GACUNDEZI, UMURENGE WA RWIMIYAGA, AKARERE KA NYAGATARE MU NTARA Y'IBURASIRAZUBA.

CYAMUNARA KU NSHURO YA MBERE: IPIGANWA MU BURYO BWIKORANABUHANGA RIZATANGIRA KUWA 08/07/2026 I SAA SITA ZAMANWA RIZARANGIRE KUWA 15/07/2026 I SAA SITA ZAMANWA.

CYAMUNARA KU NSHURO YA 2: IPIGANWA MU BURYO BWIKORANABUHANGA RIZATANGIRA KUWA 17/07/2026 I SAA SITA ZAMANWA RIZARANGIRE KUWA 24/07/2026 I SAA SITA ZAMANWA.

CYAMUNARA KU NSHURO YA 3: IPIGANWA MU BURYO BWIKORANABUHANGA RIZATANGIRA KUWA 26/07/2026 I SAA SITA ZAMANWA RIZARANGIRE KUWA 02/08/2026 I SAA SITA ZAMANWA.

ABIFUZA GUPIGANWA BOSE BAGOMBA KWIYANDIKISHA KU RUBUGA WWW.CYAMUNARA.GOV.RW KUKO ARIHO IPIGANWA RIKORERWA KANDI BAKABANZA KWISHYURA INGWATE Y'IPIGANWA INGANA NA 2.973.500FRW AHWANYE NA 5% BY'AGACIRO K'UMUTUNGO UGURISHWA KAVUZWE HARUGURU. AYO MAFARANGA AGASHYIRWA KURI KONTI YITWA AUCTION FUNDS MINIJUST IRI MURI BANKI YA KIGARI. UZABA YATSINZE IPIGANWA AZISHYURA MUGIHE CYAMASAHA 72 KURI KONTI 100250096687 IRI MURI BK IKABA ARI KONTI Y'UBUGAGA RW'ABAHESHA B'INKIKO YAFUNGURIWE KUNYUZWAHO AMAFARANGA Y'INYANDIKO MPESHA.

TUBONEYEHO KWIBUTSA BANKI , NYIRIGUHABWA INGUZANYO NA BANYIRUMUTUNGO KO BAGOMBA KUDUHA UMWIRONDORO WABO KUGIRA NGO TUBAHUZE N'URUBUGA RWASHYIRIWEHO KURANGIZA INYANDIKO MPESHA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA (IECMS) BITYO BAZABASHE GUKURIKIRANA IBIJYANYE NIYI CYAMUNARA NDETSE NO KUBA BAHAKANA IGICIRO KININI KIZABA CYATANZWE NTIBAKISHIMIRE KIKABA KITAGEZE KURI 75% BYAGACIRO KU MUTUNGO UGURISHWA KANDI IBYO BIGAKORWA KURI CYAMUNARA YA MBERE NIYA 2 KUKO KURI CYAMUNARA YA NYUMA UWATANZE IGICIRO KININI NIWE WEGUKANA UMUTUNGO UPIGANIRWA.

GUSURA INGWATE BIKORWA KUVA IGIHE IPIGANWA RITANGIRIYE BURI MUNSI MU MINSI YAKAZI KUVA SAA TATU ZA MUGITONDO KUGEZA SAA KUMI ZUMUGOROBA.

KU BINDI BISOBANURO MWAHAMAGARA KURI TELEPHONE IGENDANWA 0788686978.

USHINZWE KUGURISHA INGWATE

ME KARIGIRWA ZAINABU

KARIGIRWA Zainabu
USHINZWE GUCUNGA INGWATE
Tel:0788686978

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**HUISSIER DE JUSTICE PROFESSIONEL**

**Me MUREKATETE Antoinette**

**Tel :0781424381**

**Email:murekantoi@gmail.com**

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA Y'UMUTUNGO UTIMUKANWA**

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MU BIKORWA ICYEMEZO CY'URUKIKO KUGIRANGO HARANGIZWE URUBANZA **NO RCOM 02732/2019/TC** KUGIRANGO HISHYURWE UMWENDA ABEREYEMO RADIANT INSURANCE COMPANY UMUHESHA W'INKIKO W'UMWUGA Me MUREKATETE Antoinette ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO HAZAGURISHWA MU CYAMUNARA UMUTUNGO UTIMUKAMWA WA KARINGANIRE CAPTOLINE NA CYOGERA MUGISHA JORDY **UBARUYE KURI UPI:5/07/02/02/5843** UHEREREYE MUMUDUGUDU WA KAMATONGO MU KAGARI KA KABUKUBA, UMURENGE WA JURU, AKARERE KA BUGESERA, INTARA Y'IBURASIRAZUBA, IKIBANZA GIFITE UBUSO BUNGANA NA **655 sqm** UWO MUTUNGO UFITE AGACIRO KANGANA **NA 13,100,000Frw**

| INCURO | ITARIKI CYAMUNARA ITANGIRIRAHO | ITARIKI CYAMUNARA ITANGIRIRAHO | ISAHA |
|---|---|---|---|
| INCURO YA 1 | 06/07/2026 | 13/07/2026 | 11H 00' |
| INCURO YA 2 | 15/07/2026 | 22/07/2026 | 11H 00' |
| INCURO YA 3 | 24/07/2026 | 31/07/2026 | 11H 00' |

INGWATE Y'IPIGAMWA YA 5% INGANA NIBIHUMBI 655,000Frw ASHYIRWA KURI KONTI YA MINIJUST AUCTION FUNDSIRI MURI BK BIBANJE GUSABIRWA UBURENGANZIRA MURI SYSTEM YA IECMS USHAKA GUPIGAMWA ATANGA IBI8CIRO BINYUZE KU RUBUGA RW'INYANDIKOMPESHA ZIRANGIZWA ARIRWO www.cyamunara.gov.rw ARI NAHO MUZASANGA IFOTO N'IGENAGACIRO BY'UMUTUNGO.KONTI IZASHYIRWAHO AMAFARANGA ANGANA NA 95% BY'AYAVUYE MURI CYAMUNARA NI Nº **100250096687** IFUNGUYE MURI **BANKI YA KIGALI(BK)**MU MAZINA YA **PBA /IRANGIZWA RY'INYANDIKOMPESHA** GUSURA UWO MUTUNGO BIKORWA BURI MUNSI MU MASAHA Y'AKAZI. KUBINDI BISOBANURO MWABARIZA KURI NIMERO YA TELEPHONE:**0781424381**

**BIKOREWE I KIGALI KUWA 29/06/2026**
**Me MUREKATETE ANntoinette**

**UMUHESHA W'INKIKO W'UMWUGA** 29/06/2026

# Kwibohora 32: Sobanukirwa uruhare rw'inganzo ku rugamba n'inkomoko yabyo




**Indirimbo Intwazarugamba ni yo yahimbye bwa mbere mu rwego rwo gutera Molare abasirikare**

MUTETERAZINA Shifah

***Iyo ukurikiranye amateka y'urugamba rwo kubohora u Rwanda usanga uretse kurwanisha amasasu hari izindi ntwaro zabafashije zirimo n'inganzo aho bakoreshaga ibihangano bitandukanye byiganjemo indirimbo zafashije kurwana no kugera ku ntsinzi.***

Mu ndirimbo zamenyekanye n'ubu zikibyinwa harimo Dushengurukanye isheja, Abasore twarutashye, Urugamba ngo rurahinda, ibigwi by'Inkotanyi, Intsinzi n'izindi nyinshi zatanze ibyishimo ku basirikare, Abanyarwanda bari mu buhungiro n'Abatutsi bicirwaga mu gihugu bavukagamo mu myaka ya za 1990, bakagira ihumure ry'uko hari abazatabarwa.

Uretse kuba ubuhanzi bwaragize uruhare ku rugamba rwo kubohora Igihugu ariko iyo witegereje amateka y'intambara zabayeho usanga byari bisanzwe ko mu ntambara habagaho umuhanzi w'ingabo ushinzwe gukora indirimbo zifashishwa muri urwo rugamba.

Mu kiganiro Imvaho Nshya yagiranye na Nkurunziza Pierre Damien uzwi nka Maji Maji wari no mu ngabo zari iza RPA zarwanye urugamba rwo kubohora igihugu no guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 agaragaza uruhare inganzo yagize n'imvano y'ikoreshwa ry'inganzo ku rugamba.

Nkurunziza ahamya ko kuririmba indirimbo zikoreshwa ku rugamba bitatangiye mu 1990, ahubwo mu mateka y'u Rwanda 'Umuhanzi w'Ingabo' byahozeho mu mateka y'u Rwanda kuva no ku ngoma ya cyami hashingiwe no ku buryo batozwaga mu itorero.

Ati: "Si njye wa mbere mu mateka y'u Rwanda wabaye umuririmbyi w'ingabo, kuko mbere ku ngoma y'abami urubyiruko rwajyaga mu itorero rugatozwa. Gutoranywa ngo ujye mu Itorero ry'igihugu byatangiriraga mu muryango bakaguhitamo babona ko uzatera ishema umuryango.



**Nkurunziza avuga ko inganzo ifasha abasirikare mu bihe bibi ikabafasha kumva ubutumwa bahabwa**

Mu itorero higirwaga ibitadukanye harimo kumasha, guhiga, imihigo ikagaragarira mu nganzo kuko hagaragazwaga ibigwi bizaranga ingabo mu birindiro kumenya imyitwarire mu kuvuga n'ibindi.

Maji Maji agaragaza ko basozaga itorero hagashingirwa ku byo bigishijwe bakabohereza mu mitwe y'ingabo aho bamwe bashyirwaga mu mutwe w'ingabo z'ibwami, abandi bagashyirwa mu mitwe y'ingabo z'abatware n'ahandi.

Ati: "Nyuma yayo masomo yose byarangiraga kubashyira mu mitwe y'ingabo bamwe mu w'ibwami, hakaba n'abashyizwe mu itorero ry'ibwami." Akomeza avuga ko umuririmbyi w'ingabo icyo yabaga ashinzwe kwari ugufasha Abasirikare kwidagadura ndetse no guhanahana amakuru binyuze mu nganzo.

**Ni gute yisanze mu bahanzi b'ingabo mu gihe cyo kubohora u Rwanda?**

Nkurunziza avuga ko yagiye mu gisirikare nk'umusore wifuzaga gutabarira Igihugu cye ariko na mbere hose yari yifitemo impano yo kuririmba, icyakora ngo inshingano yahabwaga zose yazikoraga nk'umusirikare gusa nyuma bari hafi kuza i Kigali muri gahunda yo gushyira mu bikorwa imyanzuro y'inama y'i Arusha wo kuvanga ingabo, basabwe gushyiraho molare.

Ati: "Mbere gatoya tutaraza muri CND, twatangiye imyitozo, abayobozi bacu baratubwira ngo muri abasirikare beza, ibyo mwize biri mu murongo mwiza ariko kugeza ubu tugeze mu gihe cyo kujya muri Kigali ariko dukeneye abasirikare bafite molare, ingabo itayifite iratsindwa, baratubwira bati ahubwo mushyireho molare.

Uwa mbere ati Habyarimana mujinga [...] umuyobozi ati ahaaa! Ntubona ko nta kinyabupfura mugira dukeneye abasirikare bafite molare kandi bafite ikinyabupfura, hajyaho undi nawe aririmbye barumirwa bati none se ko mugiye gushotorana, turajya mu mishyikirano, tugiye kubaka Igihugu, ayo mateka muyate."

Muri uko kuririmba umuyobozi wabo yababwiye ko hakenewe abasirikare bazima mu mutwe, bafite morale, ikinyabupfura kandi biteguye kubaka Igihugu, muri ako kanya Nkurunziza ngo yasabye akanya gato ngo atekereze maze azana indirimbo yumvaga ko yafasha muri morale.

Ati: "Nsaba Majoro Kayitakire Theogene wari umuyobozi wanjye icyo gihe, kuva mu isibo nari ndimo mpagarara inyuma gato ntekereza ku mpamvu zitujyanye. nti tugiyeyo gute? tugiyeyo kuko twagaragaje imbaraga, turabarasa, bumva abo turi bo bagasaba imishyikirano.

Basabye imishyikirano kuko bumvise imbaraga z'Inkotanyi, icyo cyonyine ni cyo ngomba kwibandaho cy'uko tujyanywe i Kigali n'imbaraga zacu, intego zo kugira icyo tumarira Igihugu cyacu mpita mvuga ku ijambo gutwaza ni bwo nakoze indirimbo yitwa 'Intwazarugamba' mu Ukuboza 1993. Twavuye ku Mulindi turirimba tugera i Kigali."

Nkurunziza ashimangira ko 'Umuririmbyi w'Ingabo' aba afite akamaro gakomeye ku rugamba harimo gutanga Molare, guhumuriza abazitegerejeho gutabarwa, no guhana amakuru ajyanye n'uko urugamba rumeze igihe bari mu birindiro.

Ati: "Uzumve umutahira w'Intore iyo yanamije, Intore itega amatwi ikumva ubutumwa burimo ni nako umuririmbyi w'Ingabo ashobora kubikora kuko bifasha mu kuba umusirikare yakumvira mu rusaku kandi akumva vuba. Inganzo rero ibuza abantu kwiheba mu bihe bibi, ikongera gutyaza umutima w'intwari kuko iyo wumvise ibigwi by'ahandi ubabazwa n'uko urwo rugamba utarurimo."

**Ese Abaririmbyi b'ingabo bakoraga ryari?**

Nkurunziza avuga ko umuhanzi w'Ingabo atasigaraga inyuma mu gihe abandi bari ku rugamba ahubwo ngo yabaga ari kumwe n'abasirikare akurikirana uko urugamba rurimo kugenda byaba ngombwa akagira aho akoresha inganzo aburira ingabo ibyo yabonye.

Ati: "Nko mu gitero cya Murito, cyabaye mu 1874, uwari umuririmbyi w'Ingabo yari uwitwa Rugagaza, hari aho yibwiye umutware ku nteko 'ati ariko ni mureke mve ku nteko y'urugamba (yari kumwe n'abagaba aho bakurikiranira urugamba) mureke ngende mu rugamba rwagati ndore uko Inyambo za kabiri n'Abashakamba ba kabiri ari intwari nka ba sekuru.

Akomeza agira ati: "Yari yabonye ko barimo baraswa n'umwanzi asa nk'ugiye kubakubira mu manga, ageze mu rugamba atangira imyato y'ibyivugo batangira gukebuka bamureba kwa gukebuka bitera ingabo kubona ko bagiye gukubirwa muri cya gikombe bikuba Kabiri mu kurwana umwanzi baramunesha, uruhare rw'inganzo rugaragara gutyo."

Nkurunziza avuga ko kuri we Kwibohora bivuze ikintu gikomeye kuko igihugu cyongeye kugira ingabo zishingiye ku muryango nyarwanda atari izigenwa n'inzego mpuzamahanga, no kuba Igihugu cyarongeye kugira inka kubera gahunda ya Girinka Munyarwanda, Abanyarwanda bafite ubwisanzure n'iterambere mu bitekerezo.

# ‘Iwacu Muzika Festival’ na ‘Summer Country Tour’ byaherekeje ‘Kwibohora 32’



**Butera Knowless yafashije abitabiriye Iwacu Muzika Festival kwishimira Kwibohora 32**

**MUTETERAZINA Shifah**

***Akenshi iyo havuzwe Kwibohora, biragoye ko umunsi warangira umuntu atibajije aho ari butaramire mu rwego rwo kwizihiza uwo munsi no gukaraga umubyimba. Ni yo mpamvu ibitaramo bitandukanye birimo ‘Iwacu Muzika Festival’ na ‘Summer Country Tour’, ndetse n’ibindi byinshi byateguwe hirya no hino mu gihugu, byafashije Abanyarwanda kurushaho kuryoherwa n’umunsi wo Kwibohora ku nshuro ya 32.***

Ku wa Gatandatu tariki ya 4 Nyakanga 2026, Abanyarwanda bo mu bice byose by’Igihugu bizihije Kwibohora ku nshuro ya 32. Uyu munsi waranzwe n’ibitaramo by’ikirenga, byiganjemo ibiri mu murongo wa ‘Iwacu Muzika Festival’ na ‘Summer Country Tour’, byahurije hamwe abahanzi bakomeye n’abakunzi b’umuziki mu buryo bwihariye.

Umuhanzi Knowless Butera ni we wataramiye abatuye n’abasura Umujyi wa Muhanga muri gahunda y’agashya ka ‘Iwacu Muzika Festival’. Iyi gahunda yihariye igamije kuzana abahanzi begukanye irushanwa rya Primus Guma Guma Super Star (PGGSS) kugira ngo basusurutse abakunzi b’ibihangano byabo.

Avuye ku rubyiniro, Knowless yagaragaje ko yishimiye cyane uburyo yakiriwe n’abakunzi be, kandi ko ahora anyurwa n’urukundo bamwereka. Yifurije buri wese umunsi mwiza wo Kwibohora ku nshuro ya 32. Yagize ati:

“Byari byiza cyane nateraga bakanyikiriza, twasimbutse, twabyinnye byanshimishije cyane pe, Muhanga dufitanye amateka. Ndabashimira cyane ko bahagumye kugeza n’uyu munsi tukaba tukiri kumwe, iyo mbitekereje simbona icyo nabyishyura. Kubera igihe gito sinabashije kuririmba indirimbo yo kwibohora ariko ndabizi ko ku mutima iriho kandi twese tuzi icyo uyu munsi uvuze.”

Yongeraho ati: “Icyo nifuriza abakunzi banjye ni Ukwibohora buri munsi, kandi uwo munsi ukababera mwiza, biteza imbere mu byo bakora byose kuko ari ko kwibohora nyako.”

Mu ndirimbo yaririmbye higanjemo izo yatangiye gukora kuva mu 2013, zirimo ‘Wari uri he’?, ‘Akantu’, ‘Oya sha’, n’izindi nyinshi. Izo ndirimbo zashimishije abakunzi be, zibibutsa ibihe bya kera by’umuziki we. Uretse Knowless, muri icyo gitaramo hanaririmbye abandi bahanzi bakunzwe barimo Chriss Eazy, Ross Kana, Bushali, Amalon, Marina Deborah, Kivumbi King n’abandi.

Uretse igitaramo cya ‘Iwacu Muzika Festival’, hari n’ibindi byabereye mu bice bitandukanye by’igihugu. Harimo Summer Country Awards, gisanzwe gihuriramo abahanzi bakomeye nka Bruce Melodie, The Ben, Bwiza na Kitoko. Iki gitaramo cyagaragaje ubuhanga bw’abahanzi b’iki gihe, cyongera guhuza Abanyarwanda mu byishimo byo kwizihiza Kwibohora.

Hari kandi igitaramo cyiswe ‘Urugamba rw’Intore’, cyabereye muri Centre Culturel Francophone, aho abahanzi n’amatorero yagaragaje imbyino n’indirimbo zifite umusemburo w’amateka y’urugamba rwo kubohora Igihugu. ‘Inkumburwa Culture Troupe’ na bo bataramiye kuri Riders Lounge Hip Hope Playground, mu gihe ‘Indashyikirwa’ basusurukije abatuye Akarere ka Bugesera. Ibi bitaramo byose byanyuze ababyitabiriye, kuko byanyuzagamo bakaririmba indirimbo zo kubohora Igihugu, bikongera gusubiza mu mitima y’Abanyarwanda ishema ryo kwibohora.

Umutoza w’Itorero ry’Igihugu Urukerereza, Massamba Intore, yagaragaje ko mu myaka 32 ishize u Rwanda rwibohoye, hari byinshi bigaragaza ko umuziki w’u Rwanda wateye imbere. Yagize ati:

“Mu myaka 32 ishize u Rwanda rwibohoye, hari byinshi bigaragaza ko umuziki wacu wateye imbere. Uburyo ibitaramo bitegurwa bikitabirwa, uko abahanzi bahagarariye u Rwanda mu ruhando mpuzamahanga, ibihembo bamaze gucyura, ndetse n’uburyo umuziki usigaye utunga abawukora, byose ni ikimenyetso cy’uko twageze ku rwego rushimishije.”

Ibi biganiro byerekana ko umuziki w’u Rwanda utagifite gusa inshingano zo gususurutsa abantu, ahubwo ufite n’uruhare mu kubaka ubuzima bw’abawukora, mu kubaka ubukungu bw’igihugu, no mu gusigasira amateka y’Igihugu. Kwibohora 32 byabaye umwanya wo kwibutsa ko umuziki ari igikoresho gikomeye mu gusigasira indangagaciro z’ubumwe, urukundo n’iterambere.

Kwibohora ku nshuro ya 32 kwahurije hamwe Abanyarwanda mu byishimo, mu ndirimbo, mu mbyino, no mu migenzo y’umuco. Ibi bitaramo byabaye igihamya cy’uko Kwibohora atari amateka gusa, ahubwo ari ubuzima bw’ubu, bugomba gukomeza gusigasirwa no kwitabwaho. Abahanzi n’amatorero bagaragaje ko umuziki ari ururimi rusanzwe rw’Abanyarwanda, rukomeza kubahuza mu byishimo no mu mateka.

Kwibohora 32 ntibyagarukiye ku mbyino n’indirimbo gusa, ahubwo byabaye n’umwanya wo kwerekana ko u Rwanda rufite ubushobozi bwo gutegura ibitaramo bikomeye, bigahuza abantu b’ingeri zose, bikabaha umwanya wo gusangira ibyishimo no kwibuka amateka y’Igihugu. Abahanzi bakomeye n’abato bagaragaje ko bafite ubushobozi bwo gukomeza gusigasira umuziki w’u Rwanda, bakawushyira ku rwego mpuzamahanga.



**Ibitaramo bitandukanye byafashije Abanyarwanda Kwibohora bizihiwe**

# Basketball: U Rwanda rwasezerewe mu mikino yo gushaka itike y'Igikombe cy'Isi



U Rwanda rwatsinzwe na Nigeria amanota 106-62




U Rwanda rwavuye mu mikino yo gushaka itike y'Igikombe cy'Isi nta ntsinzi

**SHEMA Ivan**

*Ikipe y'Igihugu y'u Rwanda ya Basketball yatsinzwe n'iya Nigeria amanota 106-62, yuzuza umukino wa gatandatu wikurikiranya nta ntsinzi mu mikino yo gushaka itike y'Igikombe cy'Isi cya 2027.*

Kuri iki Cyumweru, tariki ya 5 Nyakanga 2026, ni bwo Ikipe y'u Rwanda iri mu Itsinda C, yasoje gukina iyi mikino iri kubera muri Pavilhao Multiusos de Luanda, yo muri Angola.

U Rwanda rwakinnye rusabwa kuwutsinda kugira ngo nibura rubone intsinzi imwe muri iyi mikino, dore ko itanu ibanza yose rwayitsinzwe n'amakipe biri kumwe mu itsinda. Ayo arimo Guinea, Tunisia na Nigeria.

Nigeria yinjiye muri uyu mukino ndetse iwitwaramo neza kuva utangiye kugeza urangiye, dore ko yayoboye uduce twose tw'umukino.

Agace ka mbere yatsinze amanota 25-14, aka kabiri itsinda 24-15, aka gatatu itsinda 31-15, naho aka kane igatsinda n'amanota 26-18, isoza umukino itsinze amanota 106-62.

Indi mikino yabaye yo muri iki cyiciro cya kabiri, u Rwanda rwatsinzwe ni uwa Guinea amanota 83-69 na Tunisia amanota 83-67.

Ikipe y'u Rwanda yasoje irushanwa ifite amanota atandatu gusa.

Mu mikino ibanza yabaye mu Ugushyingo 2025 nabwo u Rwanda rwatsinzwe imikino yose irimo uwa mbere rwatsinzwe na Guinea amanota 82-70, uwa kabiri na Tunisie amanota 79-66 mu gihe uwa gatatu rwatsinzwe na Nigeria amanota 75-69.

Igikombe cy'Isi cya 2027 kizabera muri Qatar hagati y'itariki 27 Kanama kugeza ku ya 12 Nzeri 2027.

# Volleyball: REG VC na Police WVC begukanye irushanwa ryo Kwibohora

**SHEMA Ivan**

*REG VC mu bagabo na Police WVC mu bagore, ni yo makipe yitwaye neza yegukana Irushanwa ryo kwizihiza imyaka 32 ishize u Rwanda rwibohoye. Iri rushanwa ry'iminsi ibiri ryakinwaga ku nshuro ya gatatu ryitabiriwe n'amakipe 4 ya mbere mu mwaka ushize wa Shampiyona mu bagore n'abagabo ryasojwe ku wa 3 Nyakanga 2026 muri Petit Stade i Remera.*

Nyuma y'imikino ya ½ cy'irangiza yabaye mu minsi yabanje, ku wa Gatanu hakinwe umunsi wa nyuma.

Ikipe ya Police WVC yisubije iki gikombe ku nshuro ya kabiri yikurikiranya nyuma yo gutsinda APR WVC amaseti 3-0 (29-27, 25-21, 26-24).

Umukino wa nyuma wari utegerejwe cyane mu bagabo wahuje Police VC na REG VC zaherukaga guhurira ku mukino wa nyuma wa Shampiyona.



Biyoroheye, Police WVC yatsinze APR WVC ku mukino wa nyuma




Abakinnyi ba REG VC bishimira igikombe begukanye

Uyu mukino warangiye REG VC yegukanye igikombe itsinze Police VC amaseti 3-1 (25-18, 20-25, 25-22, 25-23) mu mukino wari uryoheye amaso ku bawukurikiranye bari i Remera.

Mu mikino yo guhatanira umwanya wa gatatu mu bagabo, ikipe ya Gisagara VC yatsinze APR VC amaseti 3-2 (26-28, 25-15, 31-29, 15-25, 15-9).

Imvaho Nshya

Siporo





No. 5172 TARIKI 12-18 NYAKANGA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Ikipe y'Aba - GP yegukanye irushanwa ryo Kwibohora ku nshuro ya kane yikurikiranya



**Ikipe y'abasirikare barinda Umukuru w'Igihugu yegukanye irushanwa ryo kwibohora ku nshuro ya kane yikurikiranya**



**Minisitiri w'Ingabo Juvenal Marizamunda yavuze ko aya marushanwa ari uburyo bwiza bwo kwizihiza umurage n'ubwitange byaranze ingabo zahoze ari iza RPA**



**Umugaba Mukuru w'Ingabo z'u Rwanda, Gen Mubarakh Muganga, yashimiye abitabiriye iyi mikino imyitwarire myiza bagaragaje**

**SHEMA Ivan**

***Ikipe y'Abasirikare barinda Umukuru w'Igihugu (RG: Republican Guard/ Garde Presidentielle) yegukanye Igikombe cy'Irushanwa ryo kwibohora, itsinze Ishuri ry'Imyitozo ya Gisirikare rya Nasho (BMTC Nasho) ibitego 3-0, ku mukino wa nyuma wabereye kuri Kigali Pelé Stadium, kuri uyu wa Gatandatu, tariki ya 4 Nyakanga 2026.***

Ni umukino witabiriwe n'abayobozi barimo Minisitiri w'Ingabo, Juvénal Marizamunda, Umugaba Mukuru w'Ingabo z'u Rwanda, Gen Mubarakh Muganga, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri ya Siporo, Rwego Ngarambe na Perezida wa FERWAFA, Shema Ngoga Fabrice.

Aba GP ni Bbo batangiye neza umukino bidatinze ku munota wa gatandatu, rutahizamu Shema Mike yatsinze igitego cya mbere nyuma y'amakosa akomeye yakozwe n'umunyezamu wa BMTC Nasho wafashe umupira ntawukomeze.

Iyi kipe y'abarinda Umukuru w'Igihugu yakomeje gukina neza ku munota wa 13 yabonye Penaliti yaturutse ku ikosa ryakorewe Ishimwe Claude mu rubuga rw'amahina, ihabwa Shema Mike ayitera neza ayishyira mu izamu.

Igice cya mbere cyarangiye itsinze BMTC Nasho ibitego 2-0.

Mu igice cya kabiri, RG yakomeje kurusha BMTC Nasho ndetse ibona igitego cya gatatu ku mupira Ishimwe Claude yahinduye mu rubuga rw'amahina usanga Shema ahagaze neza awushyira mu rushundura.

Nta kindi gitego cyongeyeye kuboneka muri uyu mukino, kugeza RG yegukana Igikombe cyo kwibohora mu marushanwa ahuza imitwe y'ingabo z'u Rwanda, ku nshuro ya kane yikurikiranya.

BMTC Nasho yasoreje ku mwanya wa kabiri, naho Task Force Division iba iya gatatu.

Mu mupira w'amaguru w'abagore, igikombe cyegukanywe n'Ingabo z'u Rwanda zikorera mu Rwego rwa Gisirikare rushinzwe Serivisi z'Ubuzima (MHS) batsinze Military Police ibitego 2-1.

Muri Volleyball, Ikipe y'Umutwe w'Ingabo Zidasanzwe (Special Operations Force) ni yo yegukanye igikombe, ikurikirwa n'Ikipe y'Urwego rushinzwe Ibikorwa remezo mu Ngabo z'u Rwanda (Engineering Command), iya gatatu iba Ikipe y'Abasirikare barinda abayobozi bakuru b'Igihugu.

Muri Basketball hitwaye neza BMTC Nasho ya mbere, 6 Air Group yo mu ishami ry'Igisirikare cy'u Rwanda kirwanira mu Kirere (Rwanda Air Force- RAF) iba iya kabiri, naho RMA Gako iba iya gatatu.

Amakipe yabaye aya mbere yahawe imidali ya Zahabu na miliyoni 10 Frw, aya kabiri ahabwa imidali ya Feza na miliyoni 3 Frw, naho aya gatatu ahabwa imidali y'Umuringa na miliyoni 1,5 Frw.

Minisitiri w'Ingabo Juvenal Marizamunda, yavuze ko aya marushanwa arenze kuba amarushanwa y'umupira w'amaguru gusa, ahubwo ari uburyo bwo kwizihiza umurage w'ubutwari, ubwitange no guharanira gutsinda byaranze Ingabo za RPA mu rugamba rwo Kubohora u Rwanda.

Yagaragaje ko uwo murage ugikomeje kuranga Ingabo z'u Rwanda aho zikorera hose no mu bihe byose.

Minisitiri Marizamunda yongeyeho ko, uretse guhatana, aya marushanwa afasha gushimangira ubufatanye, ubumwe n'ubwuzuzanye hagati y'abasirikare, ndetse no guteza imbere ubuzima bwiza n'imibereho irangwa n'imyitwarire myiza binyuze muri siporo.

Umugaba Mukuru w'Ingabo z'u Rwanda, Gen MK Mubarakh, yashimiye amakipe yose yitabiriye aya marushanwa ku bwitange, imyitwarire myiza n'ikinyabupfura yagaragaje kuva yatangira kugeza asojwe.